

NI KUKI TUTARI IDINI?



Ni amahirwe menshi yo kongera kugaruka hano ku ruhimbi nyuma y'igihe, ndakeka, amezi atatu arashize ntaboneka. Inkima zagize ikibazo, kandi nanjye ni uko. Yoo, ziraruhutse, n'ubwo, ubungubu, kandi wumva nshaka kongera kwinjira mu murimo. Kandi dutegereje noneho gutangiza iki cyumweru gitaha, uyu wa gatatu utaha, nimugoroba u—ububyutse hano mu rusengero. Kandi Imana nibishaka, mfite nk'uburyo bwo... Uwiteka yansezeranije ubundi buryo butandukanye kandi bushya bw'umurimo. Niba kandi Yishimiye kubikora gutyo, nizeye gutangira u—ubwo bwoko bushya bw'umurimo muri iki cyumweru gitaha, hano ku rusengero, ku mwanya wa mbere.

² Hanyuma, nta materaniro ateganijwe, ariko nyine muri Australiya na New Zealand gusa, muri uku kwezi kwa Mutarama. Noneho mwene Data Osborn arahamagarira abantu kuzitabira amateraniro ahuriweho narabimusezeranije hashize igihe, i Tulsa, ariko nyuma ho gato, ariko ntiturabimenya neza.

³ Byari byiza rwose, Mwene Data Jeffreys, gukora mu kiganza cyawe hano, ndetse no kumva umuhungu wawe aririmba iyo ndirimbo, hanyuma nawe ugacuranga. Ndabikunze, papa n'umuhungu we. Mbese mwebwe ntimubikunze? “Nyuzamwana mu nzira agomba kunyuramo.” Ni ko bimeze, Bwana Guenther, kandi mwebwe mu—muze neza ko ibyo ari byo, mwembi. “Kwereka umwana inzira agomba kunyuramo, kandi azarinda asaza atarayivamo.” Ibyo ni ukuri. Hashobora kubaho rimwe na rimwe ko ashobora kubivamo, ariko ntibizamuvamo. Murareba? Bizahora—bizahora bigumana na we. Ayo mahugurwa hakiri kare n'ibindi byose yatojwe gukora, bizashoboka rwose—rwose bizagumana na we. Noneho, ibi ni... .

⁴ Nahuye na mwene Data Jeffreys hanze, ndavuga nti: “Mwene Data Jeffreys...” Natekereje, urabizi, buri gihe nishimiye kubona umwe mu bavandimwe bansuye, ariko ijoro nk'iri riranejeje kubona mwene Data aza kunsura! Iri ni ijoro ry'abantu gusa baza mu rusengero, mbere y'ububyutse. Iri ni ryo joro... Turashaka gufata iri joro, n'ejo mu gitondo, n'ejo nijoro, gusa kubyo twemera hano ku rusengero, ku—kugira ngo twongere kubisubiremo. Dufite imyizerere idasanzwe iteye ubwoba, idasanzwe, ariko mu buryo bumwe cyangwa ubundi tuyisanga muri iyi Bibiliya. Basa nk'aho bahari neza.

⁵ Noneho, niba hari mwene Data cyangwa mushiki wacu udasanzwe hano, ubarizwa mw'idini runaka, cyangwa—cyangwa utayemera, gusa akaba ari hano muri iri joro, turashaka ko umenya ko wakiriwe neza. Murareba, uhawe ikaze nk'uko

ubishoboye. Ariko ubu ndizera...Kandi ibi turimo kubikora neza. Niba rero bisa nk'aho utabyemera, ni byiza, ubungubu, bikore nkanjye iyo ndimo kurya umugati w'inkeri. Kandi iyo ndimo kurya ibishishwa by'inkeri, ni byo nkunda, buri gihe, iyo ndi...Iyo nariye pie, iyo nerekeje ku mbuto, ntabwo nitesha umugati. Njye—njye njugunya gusa imbuto kure maze ngakomeza kwirira umugati. Rero, cyangwa nko kurya inkoko. Noneho, mwese mukunda inkoko, murareba. Kandi iyo uguye kw'igufwa, nturireka, ujya ku ruhande gusa uhunga igufwa ugakomeza kwirira inkoko. Ni byiza, ubwo ni bwo buryo mukora muri iri joro, ibyo ndimo kuvuga hano, wowe uragira gusa... iyo ugonganye n'ikintu, uravuze uti: "Ubu, njye—njye sinshaka gusa...Gusa nicaye muri ibi, nk'Inyigisho z'itorero rito, muri izi nama eshatu zikurikira. Bari gusa n'abasubiramo ibyo—ibyo bizera, no kubigenzura neza."

⁶ Kandi inzira imwe yonyine ishobora gutuma umuntu abyizera, birabagoye gusubira mu rugo kugeza babanje kumenya ko icyo kintu ari cyo cy'ukuri. Ni bwo buryo bwonyine ushobora gutuma bikomera. Nk'inshuti yanjye, Bwana Wood twabanye; uramutse uteye umusumari hagati, kandi ikibaho cyose kirambuye, umuyaga uzagihuha vuba. Ariko ugomba kuwinjira, ukawushimangira. Ubu rero niba nshobora rwose kubikomeza kuri hamwe muri aha hantu, kandi kubwanyu abashyitsi iri joro birikuberamo, Ntabwo ndi—Ntabwo ngerageza kubahungabanya. Ndagerageza gusa kwereka iri torero ibyo twizera. ngira ngo mwese murabyumva, nimuvuge muti: "Amina." [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Byose. Ibyo ni—ni byiza. Noneho kura ibi mu biganza byanjye. Hanyuma—hanyuma a...Barimo kubifata amajwi, n'ibindi n'ibindi, kugira ngo nyuma, niba bashaka kumenya noneho icyo duhagazeho rwose, n'impamvu dushingiyeho, aya majwi azabivuge. Noneho ibi tubikora buri gihe cyane, 'kubera ko hariho abantu bashya baza kandi—kandi turakomeje. Noneho ubu ntidushobora kujya hanze y'Inyigisho zose z'itorero, ariko zimwe muri zo dushaka ku—kuzivugaho. Noneho, kuwa Gatatu nijoro, ni bwo, zizatangira...

⁷ Noneho, Kuwambere no Kuwakabiri, ngiye ahantu, gusenga, nitegura umurimo wo gukiza indwara. Kandi ushobora kunshaka kuri terefone, cyangwa aho ushaka hose, hanyuma ukazana umuntu uwo ari we wese ushaka, kubw'ububuyutse bw'ubutaha. Kandi ubabwire kutazaza bihuta noneho, ntimuzaze, muvuga muti: "Ni byiza, ubu ngiye kwiruka no gusengerwa, iri joro. Ejo nijoro, byose ni..." Ntabwo mubikora. Nimwinjire mutege amatwi akanya gato, 'kubera ko dushaka gufata umwanya tugashyira iryo Jambo hafi cyane kugira ngo satani atazagira n'akantu na gato k'icyumba cyo guhungiramo. Hanyuma, iyo uretse ukwizera kwawe kugakomeza, kukugeza aho utangira kwizera, noneho reka ubwenge bwawe bujye mu

bikorwa, noneho ukwizera kw’Imana kuzabishyigikira. Noneho uzagenda neza. Murareba?

Kubera ko, ukwizera kwawe ntigushaka gukora cyane. Ubushishozi bwawe bugomba kwerekeza mu cyerekezo ku buryo ukwizera kwawe kugenderamo, hanyuma kwizera kw’Imana kubigenda inyuma kandi kukabyemeza byose. Murareba? Ariko, niba ari ukwizera kwawe, “Yoo, yego, ndabibonye nonaha!” Ndetse no mu bwenge bwawe, subira inyuma hano, uvuge uti: “Ndabaza niba bizakunda kuri njye.” Ntabwo kuzabikora, ako kanya. Murareba? Turashaka rero ko uyu uba umurimo nyawo wo gukiza indwara. Kandi mbere y’uko ninjiza umuntu mu byumba, n’ibindi n’ibindi, kugira ngo akire, cyangwa se uyu murimo mushya, ndashaka ko bumva neza icyabazanye hano. Gusa wibuke, hanyuma uze kudusura, kandi tuzishimira kukwakira.

⁸ Noneho ibuka, none, mu gitondo, tugiye gukomeza hamwe n’Inyigisho z’itorero. N’ejo nijoro ni ko bizamera. Noneho muhamagariwe kuza, kandi umuntu wese ashobora kuza. Buri gihe twishimira kubona umuntu uwo ari we wese. Ariko ubu, iri joro, ryerekejwe ku bantu bo muri uru rusengero, aba—abakuriye muri iyi Nyigisho. Kubera ko, ahantu, ahantu h’ivugabutumwa, dufata gusa inyigisho nyazo z’urufatiro, Inyigisho z’ivugabutumwa ry’Ibyanditswe. Ariko hano ku rusengero, dufite ibitekerezo byacu n’imyizerere yacu, nk’i—nk’i—nk’itorero, kandi ni byo tugomba kurebaho, iri joro.

⁹ Kandi mbere yo gufungura Ijambo Ryayo, ry’umugisha, ese ntidushobora kunamisha imitwe yacu mu gihe gito kubw’isengesho?

¹⁰ Mana ishobora byose kandi ikomeye, Ni inde, mbere y’uko isi itangira kuzunguruka kuri atome ya mbere, Wari Imana. Ntabwo wahindutse na gato. Kandi mu gihe nta atome zizongera kuyifata, kandi nta n’indi si izongera kubaho, Uzakomeza kuba Imana. Uriho iteka ryose, kandi kuva kera. Uri Imana. Ntabwo wigeze ugira itangiriro ry’iminsi, cyangwa iherezo ry’ubuzima. Uzahoraho. Kandi, Data, Ntugira iherezo, kandi twe dufite iherezo, noneho turasaba impuhwe Zawe, Mana, kumenya ko uyu mwuka wacu uduhuza n’Ibihe bidashira, muri ibi bihe, mu Bihe bidashira. Kubw’ibyoyi, Mwami, turi hano kugira ngo dusuzume agakiza kacu, kugira ngo turebe uko duhagaze mw’Ijambo Ryawe, no kureba uko duhagaze mu byatubayeho. Ese tubayeho mu binezeza Imana? Mbese umwuka wacu uhamanya n’Umwuka Wawe? Mbese inyigisho zacu zo zihamanya n’ibyangibitswe muri iyi Bibiliya? Kandi, Data, reka dusuzume byombi, mw’ibanga, muri iyi mirimo itatu izaza. Biduhe, Mwami.

¹¹ Ha umugisha umushumba hano, abadiyakoni, abashinzwe umutekano, n’abalayiki bose, abantu baza muri iri torero. Kuva

natangira iminsi yanjye hano, Mwami, hari benshi, benshi ntazi n'amazina yabo, cyangwa aho baturuka, ariko nzi neza ko Uzi ibyabo byose. Kandi turi hano kubw'iyi ntego imwe, iri joro, Mwami, gusabana tuzungurutse Ijambo ryanditse. Kandi uduhe Umwuka Wera mu buzima bwacu, kugira ngo twicare mu mahoro, no mu bushishozi, no gutinya Imana, kandi dusuzume ubuzima bwacu dukoresheje Ijambo Ryayo. Biduhe, Mwami.

¹² Kandi muri iyi nyubako, iri joro, Mwami, hari abavandimwe banjye b'ibyiciro bitandukanye by'i—by'itorero. Kandi, Mwami, nishimiye cyane kuba bateraniye hano. Ahari dushobora kutemeranya ku mahame make y'Inyigisho. Ariko muri iryo hame rimwe rikomeye, duhagaze nk'abavandimwe bunze ubumwe bari ku rugamba. Ibyo, O Mana, nibikomeze ubu—ubusabane bwacu, kandi n'i...n'iminyururu y'ubuntu n'urukundo by'Imana bigume muri twe cyane. Noneho, umenye, Mwami, ko aka kazi ari kenshi cyane ko gukora k'umuntu, kubera ko hano turimo kwitabwaho, iri joro, aho roho z'abantu ziganishwa mu Bugingo buhoraho. Turasenga rero kugira ngo Umwuka Wera winjire mw'Ijambo, kandi azaritunganya kandi arisobanure mu buryo Bwe Bwite, kuri twe, ibintu Wifuza ko tumenya. Biduhe, Mwami. Kandi iyo ibihe...by'umurimo birangiye, dushobora kugenda nk'itorero rikomeye, nk'abunze ubumwe, tugashyira imitima yacu n'intego zacu zose hamwe, hamwe n'abaturage bagenzi bacu b'Ubwami bw'Imana, kandi tugatera imbere kurushaho.

¹³ Ndashaka kugushimira, Mwami, hano imbere y'itorero kandi n'i—n'imbere y'abantu bari hano, ko Wampaye noneho ibyumweru byinshi byo kuruhuka neza. Ndumva ari byiza muri iri joro kubera Ukugaragara Kwawe n'umugisha Wawe. Mana, turasengera mwene Data hano, mwene Data ugiye kujya mu mahanga, amanuka muri ibyo bihugu by'umwijima, ibihugu byanduye, aho ubuzima bwe buhigwa. Mwami, uhe umugisha mwene Data Jeffreys uko agenda, n'umuhungu we, n'umugore we, kandi umuhe kungukirwa cyane. Reka acengere muri wo mwijima kugeza ubwo Umucyo w'Ivanjili uzamurika ugakwira hose. Twumve Data, kuko dusabye iki cyifuzo mw'Izina ry'Umwami Yesu, Umwana Wawe. Amina.

¹⁴ Noneho, iri joro, ndasoma muri Bibiliya yanjye nto ya Scofield. Nujje imyaka makumyabiri n'itanu, vuba aha. Kandi ndacyashobora kuyisoma, ariko nyine iracyasa neza. Nabonye rero amadarubindi yo gusoma mu gihe ndimo gutegura kubwiriza, ubu ngiye kureba uko akora iri joro, ku nshuro ya mbere.

Noneho mfite umutwe w'inyigisho, nk'uyu ngo: "Itorero Rigomba..." Yoo, hari ibintu byinshi, niba dushobora kubigeraho. Umwe muri byo uragira uti: "Kuki twitwa Itorero? Ni kuki tutari idini? Kubera iki ku—kubera iki twizera Ikiruhuko cy'iteka ku bugingo bw'uwigizera? Kuki twamaganye ababwiriza

b'abagore? Kuki tubatiza twibiza mu mazi? None se Itorero rizanyura mu Mibabaro?" Kandi inyinshi muri izo ngingo hano, ndakeka ko nabonye cumi n'eshanu cyangwa cumi n'umunani muri zo, mu majoro akurikira.

¹⁵ Ndatekereza rero, iri joro, mbere na mbere, kuzitangira, bisa nk'aho Uwiteka ashyira ku mutima wanjye uyu mutwe w'ikibwiriza, i... *Ni Kuki Tutari Idini?* Impamvu... Ubu, ntacyo dushinja abandira bantu bari mu madini. Ntacyo tubarwanyaho, ariko ndashaka gusobanura impamvu tutigeze twinjira mu madini ayo ari yo yose. Nimikiwe ku murimo ndi mw'itorero rito ry'Ababatisita, nk'uko mubizi. Kandi Batisita ntabwo ari idini, ntabwo yari ryo, kugeza magingo aya, kandi noneho ubu iri guhinduka idini nk'ayandi yose. Ariko, impanvu y'uko tutigera duhinduka idini... .

¹⁶ Ubu, turi ishyirahamwe. Turi ishyirahamwe, ryanditswe hano mu—mu nkiko, nk'ishyirahamwe, itsinda ry'abantu bishyize hamwe kugira ngo baramye Kristo, ariko ntabwo turi mu madini. Nta muntu n'umwe uri hejuru yacu kandi ushobora kudutegeka, murabyumva. Ntabwo turi idini. Ni—ni ishyirahamwe gusa, ubusabane hagati y'abizera ba Kristo. Abantu baza hano mu rusengero. Kandi iri rihinduka itorero ryabo niba bashaka kurizamo, igihe cyose bakiriho.

¹⁷ Kandi bashobora kuza hano kandi ntibemeranye n'ibintu byose tubwiriza. Ni byo rwose. Uracyariho, igihe cyose ukuri Umukristo, wagize ubusabane, uhana ikiganza na bo kimwe n'abandi. Murareba? Niba mvuze ko nizera umubatizo wo kwibiza mu mazi, kandi mwebwe mwemera kuminjagira, mubikomeyeho, twakomeza kuba umwe niba twembi twabyemeranyijeho. Ntidushobora kubonana amaso ku yandi, kimwe. Ariko igihe cyose uri mwene Data cyangwa mushiki wacu w'umukristo, uhawe ikaze rwose, murareba, mwese.

¹⁸ Ntabwo rero dufite idini iryo ari ryo ryose, kuko ntekereza ko iryo dini ritandukanya ubuvandimwe. Bamwe muri bo bazavugaga bati: "Ni byiza, ntacyo twabonye cyo gukora muri ubwo bubyutse. Ni bwo bubyutse bw'Abametodiste." "Ni byiza, uwo ni Umubatisita. Ntabwo dushobora kubona... Turi Abametodiste. Ntabwo dushobora kubona icyo dukora kuri ibyo." Mwene Data, niba Kristo arimo, dufite—dufite icyo twabikoraho. Twabonye aho dushyira ibyacu... Ni—ni Umubiri wa Kristo urimo u—ubabara. Kandi ndabona byinshi mu bihugu uyu munsi, ku buryo ibyo dufite... Noneho, Kristo ntabwo yigeze akora, igihe icyo ari cyo cyose, ategura itorero iryo ari ryo ryose. Noneho, reka ibyo byemezwe neza.

¹⁹ Noneho, ubu, nzakubaza ejo nijoro, niba hari kimwe muri ibyo bintu ushaka kumenya, nk'amateka amwe mvuga, cyangwa ikindi. Nta mwanya mfite wo gukuramo ibyo gusa, ntabwo

nzajya ku rindi somo, 'Impamvu ni uko ushobora kumara ibyumweru kuri iyo ngingo yonyine. Ariko niba ushaka kumenya ahantu, ikintu icyo ari cyo cyose, umbaze, hanyuma ubishyire hano ku—ku meza, kandi ndaza kubona igisubizo cyawe.

²⁰ Noneho, iryo dini rya kera, kandi ari ryo torero rya mbere ry'amadini twigeze kugira, ni Kiliziya Gatolika. Kandi yateguwe mu myaka ya za magana atatu n'ibindi nyuma y'urupfu rw'intumwa ya nyuma. Kandi ni byo. Urabibona mu Bashinze idini ba Nikeya abo hambere, kandi ukabibona mu nyandiko za Josephus, na, yewe, benshi mu—mu bakuru banyamateka akomeye. Murareba? Kandi nk'uko mu—mu i... itorero iryo ari ryo ryose rishaje, kugeza ku rupfu rw'intumwa ya nyuma, n'imyaka magana atatu hanyuma y'intumwa, nta torero ry'amadini ryariho. Kandi Gatolika ni ryo dini rya mbere ry'itorero ryabanje.

²¹ Kandi itorero ry'Abaporotesitanti ni ryo dini ryakomotse ku rindi dini. Ivugurura rya mbere ryabayeho, ni irya Luteri; nyuma ya Luteri haje Zwingili, nyuma ya Zwingili haza Kaluvini, nuko ukomeje hepfo muri ubwo buryo. Kandi weguye hepfo gato haje Ububuyutse bwa Abawesileyi, no gukomeza kuri Alegisanteri Campbell, kugeza kuri John Smith, n'abandi-benshi, murebe, hepfo. Kandi ingendo za nyuma dufite kugeza ubu ni ibyiciro bitandukanye by'igihe cya Pentekote.

²² Kandi nizera ko Imana yakoze muri buri gisekuruza. Ariko mwigaze mubona ko, buri gihe itorero ryaguye, kandi bakimara guhinduka idini ko bahise bagwa ako kanya? Kandi igihe cyose baguye Imana ntiyongera kuzamura iryo torero. Ijya guhindukirira imbuto. Noneho u... Niba ushaka kumenya amateka kuri ibyo, twe—dushobora kuyaguha, ibyo—ibyo nta torero, nta na rimwe ryigeze ribaho mu mateka y'amatorero, rifite idini iryo ari ryo ryose ryigeze rigwa ryongeye kuzamuka. Umubatisita, Umumetodisiti, Umuperesibiteriyeni, Umuluteriyeni, uko byagenda kose, iyo baguye, birangirira aho. Ubu, ni ko bimeze rwose. Noneho, ibi, na—nababwiye mu kanya, mwambare amakote, kubera ko tugiye kubiyitsaho cyane. Murabona? Nta na rimwe, mu gihe kigeze kubaho. Iyo umuntu yigaragaje nk'umuntu ku giti cye agategura itorero, riratangira.

²³ Imana ikorana n'abantu ku giti cyabo, ntabwo ikorana n'amadini. Nta gisekuruza na kimwe Imana yigeze ikorana n'idini. Buri gihe Ikorana n'umuntu ku giti cye. Mu Isezerano rya Kera, yakoranye n'umuntu ku giti cye. Mu Isezerano Rishya, yakoranye n'umuntu ku giti cye. Mu gisekuruza icyo ari cyo cyose, buri gihe yakoranye n'abantu ku giti cyabo, ntabwo yakoranye n'amadini. Noneho, ubwo, niba Imana itari mu madini, bimaze iki ko nnyewe ngira icyo nkorana na ryo nk'idini? Noneho, simvuze ku bantu bari muri iryo dini, ndavuga kuri iryo dini ubwaryo, 'kuko ubwoko bw'Imana buri muri ayo madini yose.

²⁴ Noneho, Imana ntizigera ireka ikintu cyose ngo kibeho keretse itanze imburo kuri cyo. Ntabwo nizera ko hari ikintu ki...

²⁵ Noneho, nk'uko dufite ibibazo bituruka, mu matorero, nk'ibyo twagize vuba aha ku byerekeye amaraso n'amavuta, n'ibindi nk'ibyo. Kandi muzi ibaruwa "Nshuti mwene Data Branham", n'ibindi nk'ibyo. Ariko impamvu nahagurukiye kubirwanya, ni uko bitari mw'Ijambo. Kandi ni yo mpanvu ndwanya amadini, ni uko atari mw'Ijambo. Kandi agomba kugira ikintu tugomba gushingiraho ukwizera kwacu. Niba kandi tudashobora gushingira ku madini amwe, tugomba gushingira kw'Ijambo ry'Imana. Ku bwaryo ni rwo rufatiro rwonyine, ni Ijambo ry'Imana.

²⁶ Noneho niba Ijambo ry'Imana ritavuga kw'idini, ahubwo rikarwanya iryo dini, ubwo tugomba kuvugana n'Ijambo. Tutitaye ku byo musenyeri, ibyo umuntu uwo ari we wese avuga, icyo umuntu uwo ari we wese atekereza, icyo umuntu mwiza avuga, icyo buri kintu cyose kivuga, niba bidakurikije Ijambo ry'Imana, ubwo ntikiba ari ukuri. Murabona? Rigomba kuba, Ijambo rigomba kuba ikintu cya nyuma. Ijambo ry'Imana rigomba kuba amina ya nyuma.

²⁷ Noneho ibuka, ntawe mbujije kuba umukristo (murabyumva) mu bo mu madini. Hari abagera mu macumi y'ibihumbi by'ubugingo bw'agaciro muri ayo madini yose, bari abana b'Imana. Ariko kubatandukanya no kubatoranya, ndabirwanya. Kandi n'Ijambo ry'Imana rirabirwanya.

²⁸ Kandi nizera ko nta nyigisho zidasobanutse ziri mu gihugu uyu munsu, nta nyigisho zidasobanutse zigeze ziba mu gihugu, ariko ibyo byari byarahanuwe n'Ijambo ry'Imana ko bizaza. Nizera ko Ijambo ry'Imana ritanga ibyo dukeneye byose, hano mu Ijambo. Kuva ku...ku ntangiriro yacu kugeza ku mperuka, biboneka neza mw'Ijambo ry'Imana. Hanyuma nanjye—Nizera ko niba biri mw'Ijambo ry'Imana, noneho tugomba...Byarahanuwe. Kandi Ijambo ry'Imana ni umuburo.

²⁹ Noneho, ntusome Ijambo ry'Imana nk'uko usoma ikinyamakuru. Usome Ijambo ry'Imana kubw'Umwuka Wera, murareba, kuko Umwuka Wera ubwawo uvuga binyuze muri Kristo. Kristo ashimira Imana ko yahishe ibyo bintu mu maso y'abanyabwenge n'abafite ubushishozi, kandi yabahishuriye abana bato bashaka kumenya. Noneho, urabona, nta buryo na bumwe bwo kwigishwa, nta buryo buhari bwo kugira idini. Hariho inzira imwe gusa yo gukiranuka, ni byo, iyobowe n'Umwuka w'Imana. Kandi ubwo bunararibonye wari ufite bugomba guhangana n'iri Jambo. Murareba? Noneho mwarabibonye. Murareba?

³⁰ Nk'igihe tumanutse hano mu minota mike ubungubu, turimo guhura n'abantu bari—bari...Bamwe muri bo

ni Abakaruvinisiti b'intagondwa, abandi muri bo ni Abanyaruminiya b'intagondwa, kandi—kandi ni inzira zitandukanye. Noneho, buri gihe, n'ubwo waba ufite ubuhanga bumeze gute bwo kubikemura, bifite impande ebyiri. Ibyo ni ukuri rwose. Kandi bombi baba bafite ingingo zigibwaho impaka. Ariko, ikibazo ni ukumenya, Ukuri kwabyo kuri he? Aho ni ho tunganisha, aho dutekereza, kubw'ubuntu bw'Imana, tukakwereka Ukuri kwabyo. Noneho reka dufate... kandi aha ni ho nakuye zimwe muri izo nyigisho z'itorero zanditse.

³¹ Reka murambure Bibiliya zanyu, iminota mike, mwese nonaha. Reka tujye mu Byahishuwe, igice cya 1; cyangwa Ibyahishuwe, igice cya 17, tugitangirireho. Reka dutangire gusoma hanyuma tumenye aho ayo matorero yatangiriye, ni igiki—cyayatangije. Noneho, Bibiliya iraburira buri kintu cyose. Iraburira iminsi tu—turimo. Noneho, Ibyahishuwe, igice cya 17, niba mubishaka. Navuze 13, ntabwo ari ko nashakaga kuvuga, ibyo biri ku... Turabona ko nyuma y'igihe gito, nacyo, kiri mu buhanuzi bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Ariko tega amatwi neza wumwe.

Nuko aza ansanga umwe muri ba bamalayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi arambwira ati... Ngwino; maze nkwereke... iteka maraya ukomeye azacirwaho yicara ku mazi menshi:

³² Noneho nimwibuke, ibi byumvikane neza. Noneho uyu mugore uzwi cyane, ubungubu, niba tugiye kwigisha kuri ibi, mwabonye mbere icyo ibyo bimenyetso bisobanura. Noneho, *umugore*, muri Bibiliya, ahagarariye “itorero.” Ni bangahe babizi, ko turi Umugeni? Itorero ni Umugeni.

³³ “Ngwino hano ndakwereka urubanza.” Noneho, hagiye kubaho urubanza ruvugwa kuri maraya ukomeye, umugore wanduye wicaye ku mazi menshi. Noneho, *umugore* ashushanya i “itorero,” n'amazi ashushanya “abantu.” Noneho, niba mubibona, nanone, nimurebe, umurongo wa 15 mu gihe uhari, umurongo wa 15, muri icyo gice.

Nuko arambwira ati: Ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko... n'amateraniri y'abantu, ... n'amahanga, n'indimi. (Murareba?)

³⁴ Noneho, iri torero rikomeye, umugore ukomeye, noneho mwibuke ko ari umugore utazwi. Niba kandi umugore ahagarariye itorero, (kandi Itorero rya Kristo ni Umugeni, Umugeni wera), hano hari umugore utari uwera. Noneho bigomba kuba bitari uwera, yitirirwa ko ari umugeni. Murareba? Ubu, ari gukora iki? “Aricaye,” cyangwa ari *hejuru*, bisobanura, “kugira ubuyobozi hejuru y'amazi menshi.” Mu yandi magambo, yabonye imbaraga mu mahanga yose n'indimi zose n'abantu. Ni umuntu ukomeye, uyu mugore.

Noneho, *ni we abami bo mu isi basambana na we, ...*

35 “Kuko abami b’isi basambanye,” abakire, abantu bakomeye barabikoze. Wakora ute, umwami yakora ate, ubusambanyi n’itorero? Ni ubusambanyi bwo mu mwuka. Umwuka! Ubusambanyi ni iki? Ni byiza, ni byiza nk’umugore ubana n’umugabo we. Abana n’undi mugabo mu gihe afite umugabo we. Kandi iri torero rero—ririmo kwiyitirira Umugeni wa Kristo, mu gihe arimo gusambana n’abami bo mw’isi, hamwe n’ubuzima bwe buhumanye, umwuga wanduye. Yoo, ni ibyimbite kandi by’ingirakamaro. Nkunda Ijambo gusa. Noneho nimwitegereze.

...uwo abami bo mw’isi basambana na we, kandi abatuye isi basinze na vino y’ubusambanyi bwe.

36 “Vino” ye ni yo yateraga, ugushaguruka kwe, “Turi Itorero! Turi ba bandi barifite.” Murareba? Noneho, mushushanye gusa mu bitekerezo byanyu nonaha. Ni byo. “Noneho yatwaye-...”

37 Noneho, malayika abwira Yohana ati: “Nzakwereka uru rubanza ruje muri iri torero rikomeye.” Noneho mwitegereze.

Nuko anyanya mu mwuka mu butayu, maze mbona umugore wicaye ku nyamaswa itukura,...

38 *Umutuku*, muri Bibiliya, werekana “ubwami.” Ibara *ritukura* risobanura “umutuku.” Kandi *inyamaswa* ishushanya “imbaraga.”

Wabonye, inyamaswa izamuka mu nyanja, yari mu Byahishuwe, ku gice cya 13. Kandi iyo ubonye inyamaswa iva mu nyanja, bivuze ko izo mbaraga zazamutse mu bantu.

Ariko mu Byahishuwe 13, igihe uyu mwana w’intama wazamutse, yavuye mw’isi, nta bantu, Leta Zunze Ubumwe. Ariko rero, nyuma, yari afite amahembe abiri mato, imbaraga za gisivili n’iza kiliziya. Hanyuma ahabwa ububasha, bwo kuvuga nka cya kiyoka cyamubanjirije. Noneho ugomba kubyitondera, turimo gutotezwa n’amadini hamwe n’ibintu nk’ibyo bakoze i Roma ya gipagani mu myaka myinshi yashize, kubera ko UKU NI KO UWITEKA AVUZE.

Noneho nimwitegereze. “Kwicara ku nyamaswa, n’imbaraga.”

39 Mwitegereje Rebeka? Ubwo Eliyezeri yamusangaga, hari nimugoroba, maze avomera ingamiya. Kubera ko, Eliyezeri yavuze ati: “umukobwa uza akavomera izi ngamiya, uwo ni we uzaba u... nanjye akampa icyo kunywa, uwo ni we Wahisemo, Mwami, kugira ngo abe umugeni w’umugaragu Wawe, Isaka.” Kandi akiri mw’isengesho, Rebeka araza, avoma amazi aramuha aranywa, avomera n’ingamiya. Mumenye ko, ingamiya yari inyamaswa. Kandi ya nyamaswa imwe yuhiraga, ni yo yagenzeho asanga umugabo we, Isaka.

40 Kandi, uyu munsu, imbaraga z’Umwuka Wera, Itorero rinywa kandi risenga, ni cyo Kintu kizarihagurutsa hano riva kuri iyi si, rigiye guhura n’Umukwe. Ni byo, Isaka yari hanze mu murima,

nimugoroba. Ntabwo duhurira n'Uwiteka hejuru mu Bwiza. Abefeso, igice cya 5, havuga ko tuzahurira na we mu kirere. Yoo, ibyo bituma Abametodiste bitegura gusakuza. Mu bitekerezeho! Murareba? Uwiteka. . .

Isaka yari yasohotse mu nzu ya se, kandi yari mu murima ubwo yabonaga Rebeka aje ku ngamiya. Nuko aramukunda, akimara kubibona, maze arasimbuka ava ku ngamiya yiruka ajya kumusanganira. Ni byo. Aho ni ho duhurira n'Uwiteka. Ingamiya yuhiraga, ni yo yamupakiye imushyira umugabo we.

Ni Imbaraga zikomeye ubwazo Itorero risenga, isi yita ubufana, izo ni zo Itorero riramirizamo, izo Mbaraga ni zimwe n'izizajyana Itorero mu kirere, "Guhurira n'Umwami mu kirere." Umwuka Wera! Murareba? Hariho. . .

Kandi, nimorebe, Rebeka yari isugi.

⁴¹ Kandi uyu mugore tuvugaho hano, ni maraya. Noneho, turabona imbaraga nonaha? I—imbaraga, icyo zivuze, ngo, ni inyamaswa. Yari yambaye umutuku. Noneho, yaba ari inyamaswa bwoko ki? *Umutuku*, izo zaba ari "ubukire" ari zo mbaraga. Ni irihe torero agiye kuba ryo noneho? Ni itorero rikize, kandi ni itorero rikomeye, ni itorero rikomeye, kandi rizakongeza rigasakara mu bantu benshi. Kandi abami b'isi basambanye na ryo, ni abantu bakomeye b'isi. Noneho tugiye kumenya uwo ari we, mu minota mike, maze tumenye iby'iri dini.

Umugore yari yambaye imyenda y'isine (ya cyami), . . . yambaye y'ibara ritukura ry'umutuku, . . . yometseho zahabu n'amabuye y'igiciro . . . amasaro, afite igikombe cya zahabu mu ntoki ze cyuzuye ibizira n'umwanda w'ubusambanyi bwe:

⁴² Ni iki yari afite mu ntoki? Inyigisho ze, icyo afitiye abantu, "Turi Itorero. Turi ryo." Kandi yatumye abami b'isi basindana na we, muri ubwo buryo. "Turi aba. Turi imbaraga zikomeye! Turahanagura amahanga yose. Turi itorero rikomeye ririho. Ngwino unywe. . . Hano, sukaho make. Wowe Urayanywa. Wowe urayanywa." Hano arahari, murareba. Kandi yari afite mu ntoki igikombe. Murareba.

Kandi uwo mugore yari yambaye ibara ry'umutuku ritukura, . . . ritatseho zahabu n'amabuye y'igiciro n'amasaro, afite igikombe cya zahabu mu ntoki cyuzuye ibizira n'umwanda w'ubusambanyi bwe:

⁴³ Noneho nshuti, ntabwo dusoma ikinyamakuru gisohoka buri muni. Turimo gusoma Ijambo ry'Iteka ry'Imana kandi ry'umugisha. Ijuru n'isi byose bizashira, ariko iryo Jambo rizagumaho iteka. Ni byo.

Kandi ku mutwe we handitsemo izina, izina ryanditsweho, ngo, UBWIRU, BWA BABULONI

*IKOMEYE, NYINA WA BA MALAYA, KANDI NYINA
B'IBIZIRA BYO MU ISI.*

⁴⁴ Noneho, hano hashize igihe, ntabwo ntekereza ko ari mw'itorero hano, ariko nabwirije ku ngingo, *Bya Byanditswe Ku Rukuta*, kandi mbaha ku mateka y'uko Babuloni ihagaze. Noneho, buri nyigisho zidasobanutse zabayeho, amadini yose na buri nyigisho idasobanutse iriho kw'isi muri iki gihe, byatangiriye mw'Itangiriro. Noneho, niba muzabona *Babuloni Ebyiri* za Hislop, niba mushaka kuyirukana mu mateka, cyangwa bimwe muri ibyo bitabo byiza, mushobora no kubona buri nyigisho idasobanutse mushaka kubona. Ngiye kubasubiza inyuma mu minota mike, ku babwiriza b'abagore, murareba, hanyuma mbereke aho byatangiriye bwa mbere, murareba, uhereye mw'Itangiriro. Kandi kuri ibyo bintu bitandukanye, gusa nk'uko bihera mw'Itangiriro. *Itangiriro* bisobanura "ku ntangiriro." Ni bangahe bazi ko ibyo ari ukuri? Itangiriro rihera ku ntangiriro. Rero, ikintu cyose kiriho, kigombaga kugira intangiriro.

⁴⁵ Iyo nitegereje igiti... Nabaye mw'ishyamba igihe kiri hafi, amezi atatu cyangwa abiri. Mbona igiti, ukuntu ari cyiza. Nkibona, kinyeganyega kimanuka; ikindi kizamuka mu mwanya wacyo, ubuzima bwacyo bwose. Nuko mbitekerezaho. Ariko hari ahantu runaka icyo giti gifite intangiriro. Cyagombaga kugira intangiriro. Kandi inzira yonyine yashoboraga kugenwa mu kuba igiti, cyangwa igiti cy'umugozi, cyangwa igiti gishinze, cyangwa imizanabari, cyangwa imikindo, cyangwa ibyo ari byo byose, hagomba kubaho Ubuhanga bukomeye inyuma y'ibyo. Cyangwa niba hari kimwe gusa, cyabaye igiti kimwe cy'umugozi, ibintu byose kw'isi byabaye igiti cy'umugozi. Ariko Ikintu, gikomeye, ni Ubwenge, cyagombaga kugishyira kuri gahunda.

Izina Rye Ryera rihimbazwe! Ni We ushyira ukwezi n'inyenyeri mu mikoranire n'izuba. Yashyize byose kuri gahunda. Kandi azashyira Itorero Rye kuri gahunda. Bizahinduka nk'uko Ashaka ko Ryo rihinduka; iburasirazuba, iburengerazuba, amajyaruguru, cyangwa amajyepfo, cyangwa icyo Riri cyo cyose. Mu gihe dushobora gukura ibyo bitekerezo by'amadini mu bitekerezo byacu hanyuma tukiterera rwose muri Kaluvari. Azabishyira kuri gahunda, niba tuba twumvira nk'ibiti n'ibindi biremwa Bye. Ntushobora kubona ukwezi kuvuga kuti: "Ntabwo ndibuze kumurika iri joro. Zimwe mu nyenyeri zimurike mu mwanya wanjye." Ariko twebwewe, yewe, turatandukanye, murabona.

⁴⁶ Noneho, Babuloni, murebe uko Babuloni igaragara. Iboneka mu bitabo bya mbere bya Bibiliya. Iboneka hagati muri Bibiliya. Kandi igaragara no ku mpera za Bibiliya. Noneho, hari ikintu. Noneho, itangirana na Nimurodi. Nimurodi yashinze Babuloni mu Kibaya cya Shinari, hafi y'Uruzi rwa Tigirisi na Efurata. Efurate irahanyura. Kandi n'u—n'uburyo burya buri muhanda

wose, unyura muri kiriya gihugu, werekeza i Babuloni. Kandi buri rembo muri ayo marembo ryari rifite metero magana abiri hakurya, ayo marembo akozwe mu muringa. Iyo ugeze mu mujyi wa Babuloni, umuhanda wose werekeza ku ntebe y'ubwami.

⁴⁷ Noneho, ushobora kujya i Roma, uyu muni, kandi umuhanda wose uzerekeza i Roma. Kandi uzasanga hariho bikira Mariya ahagaze kuri buri ruhande, ahindukiriye umuhanda, akikiye umwana we Kristo mu ntoki, yerekana iyo nzira yerekeza i Roma. Murareba? Biboneka mu bitabo bya mbere, Bibiliya; bigaragara hagati muri Bibiliya; kandi hano biri ku mpera za Bibiliya.

Noneho ndashaka kuhasoma, mu minota mike, kugira ngo mubone incamake yabyo. Murareba? Ni byo. “Nabonye wa mugore,” noneho nimwitegereze, “itorero.” Niba ubonye *umugore*, utekereze gusa “itorero.” Murareba?

... *Nabonye umugore yasinze amaraso y'abera, . . .*

⁴⁸ None, ijambo *uwera* riva he? Ijambo *uwera* rikomoka ku “gukiranuka,” cyangwa “kwera,” abera. Ni byo.

... *Nabonye yasinze amaraso y'abera, . . .*

⁴⁹ Noneho, niba uyu mugore ari itorero, atoteza abera. Kandi ni itorero rikomeye. Rifite imbaraga kw'isi yose. Ari hejuru y'amazi menshi. Kandi ari. . . Abami b'isi basambana na we. None, ni nde? Ikintu cy'ubwiru. Noneho Umwuka aragiye. . . Urabizi, hagomba kubaho impano icyenda z'umwuka mw'itorero; ku bwenge, umwe wo gusobanukirwa, n'undi wo gukiza, n'undi ku *bindi*.

... *n'amaraso y'abahowe Imana ba Yesu: . . .*

⁵⁰ Nimurebe nk'aho batitaye cyane ku byo Yesu yavuze. Ni ibyo itorero ryavuze. Ni byo. Kandi ibyo ni byo by'ukuri, cyane.

... *nuko maze kumubona, ndatangara cyane.*

⁵¹ “Ndatangara numiwe. Njye. . . Byari i—i—ikintu gitangaje kuri we, uburyo natangaye uko ya. . .” Noneho reka mfate umwanya wa Yohana gato maze ngerageze kubivugaho, murareba. Yohana yaravuze ati: “Aho yicaye. Yitirirwa kuba itorero rya Gikristo. Afite uburyo bwose bwo kubona amafaranga y'isi. Afite abami b'isi muni y'ibirenge bye. Ni ikintu gikize kandi gifite amabara, none se ni gute ashobora gusinda abahowe Imana ba Yesu? Ni gute ashobora gutoteza abera? Ni gute ashobora kwica abo bahowe Imana ba Kristo? Kandi nyamara avuga ko ari Umukristo, ubwe, itorero rya Gikristo.” Noneho nimwitegereze.

Umumalayika arambwira ati: Kubera iki watangaye? Ndaza kukubwira ibanga ry'umugore, n'inyamaswa imuhetse, kandi yari ifite. . . imitwe irindwi n'amahembe icumi.

⁵² Noneho, ibi ni ibisomwa bisanzwe hano ubungubu. Mubifate. Ibi biraza koroha cyane.

Iyo nyamaswa wabonye yahozeho, nyamara ntikiriho; kandi igiye kuzamuka...ive ikuzimu, ijye kurimbuka, abatuye isi bazatangara, abari mu'isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo uherye ku kuremwa kw'isi, iyo babonye...igihe—igihe babonaga inyamaswa yariho, nyamara ikaba itakiriho, kandi n'ubu.

⁵³ Noneho, ubu ibi bigomba gushimangirwa, ngibi hano rero. Yaravuze, nimwitegereze, ati: “Iyo bose,” si bake gusa, ariko, “abatuye isi bose bazatangara.” Bose bazibaza. Isi yose izibaza kuri uyu mugore. Hariho itsinda rimwe gusa ritazabyibazaho, kandi ni abafite amazina yabo yanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama.

⁵⁴ Noneho, nshobora gusa kuba ndambitse ibi hano, 'kubera ko tugiye kubyinjiramo mu minota mike. Murareba? Ni ryari amazina yabo yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama? Kuva (Ryari?) ku bubyutse bwa nyuma bitabiriye? ijoro bagiye ku gicaniro? ijoro binjiye mw'itorero? Ntabwo ngerageza kubababaza. Ariko, ndababwira, Bibiliya iravuga iti: “Amazina yabo yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cw'Umwana w'Intama kuva isi itarashyirwaho urufatiro.” Ni ukuri! Igihe Imana, mu ntangiriro, yabonaga ko Yo igomba kohereza Umwana Wayo, kandi Yagombaga gufata umwanya w'umunyabyaha, igihe Amaraso y'Umwana w'Imana yamenekaga. Bibiliya yavuze ko Amaraso Ye yamenetse mbere y'uko isi iremwa. Ni bangahe bazi aho Bibiliya ivuga ko, ko, “Amaraso ya Kristo yamenwe mbere y'uko isi iremwa”? Ubwo Amaraso yamenekaga, buri rugingo rw'Umubiri, amazina yabo yandikishijwe ayo Maraso, mu Gitabo cy'Ubugingo cy'umwana w'Intama, kuva isi itarashyirwaho urufatiro. Ni iki utinya cyane? Yoo mwene Data! Ibyo bikingura imiryango, si byo?

⁵⁵ Ni byiza, noneho reka tubisome hano, turebe niba icyo bivuze ari cyiza. Murareba? “Umumalayika arambwira ati: ‘Kubera iki...’” Nizera ko ari ku murongo wa 8, “N'inyamaswa wabonye...” Byose. Ni byo.

Inyamaswa wabonye iriho, nyamara ikaba itakiriho; kandi igiye kuzamuka iva ikuzimu,...

Noneho, tugaruke kuri ibyo, ariko ndashaka kubona ibi bindi, 'kubera ko tuzabigeraho.

...Azajya kurimbuka, abatuye isi bazatangara, abo amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo kuva isi itarashyirwaho urufatiro,...

⁵⁶ “Hazaba benshi kw'isi,” mu yandi magambo, “bazashukwa,” kuko yabashutse. Kandi hariho itsinda rimwe gusa ritashutswe, ni ryo ry'abafite amazina yabo yanditse mu Gitabo cy'ubugingo

kuva isi itarashyirwaho urufatiro. Tubyinjiyemo dukerereweho gato.

⁵⁷ Noneho nimurebe umugore, itorero, yari “*Ubwiru, Babuloni*.” Turamubona agaragazwa na Nimurodi. Intego ya Nimurodi yari igamije iki? Nimurodi yashinze umujyi maze atera indi mijyi yose guha icyubahiro uyu mujyi. Dushobora kubona ikintu nk’iki uyu muni? Haba hariho umwanya nk’uyu muri iki gihe? Hariho itorero rifite ubutware kuri buri gihugu ku isi? Mu by’ukuri. Haba hariho umwanya utuma amahanga yose aryubaha? Haba hariho uwo mwanya?

Reka twigire imbere dusome ibi bisigaye, gato, kugira ngo mubone ishusho nyayo yose. Ni byo.

...wabonye *inyamaswa* yariho, ... *nyamara, ikaba itakiriho*.

Kandi aha ni ho hakwiriye ubwenge n’ubuhanga.

⁵⁸ None, ni bangahe bazi ko ubwenge ari imwe mu mpano z’Umwuka? None se, ni irihe tsinda Arimo kubwira, noneho? Agomba kuba avugana n’itsinda ry’abantu bafite i—impano z’Umwuka zikorera muri iri Torero.

... *aha ni ho hakwiriye ubwenge n’ubuhanga.*

⁵⁹ Noneho, urahagarara, ugasanga byose biri muri ibi bisekuza by’itorero hano. Gukuramo, Umwuka Wera avuga, uko izo mpano zizakora mu minsi ya nyuma. Noneho, twabonye impano zo gukiza dukora. Yoo, ni—nibigenda neza. Ni byiza, mwene Data, hari izindi mpano. Iyo ni imwe muri zo. Ako ni akantu gato. Ni byiza, dore impano iruta kure cyane izindi hano. Ari yo mpano nziza, ni impano y’Umwuka Wera y’ubwenge, gushyira Ijambo ry’Imana hamwe no kwereka Itorero aho duhagaze, kuruta gukiza umuntu? Twese turashaka kumererwa neza. Ariko nahitamo kugirira umutima wanjye neza, kuruta umubiri wanjye, igihe icyo ari cyo cyose. Yoo, mbega!

Umva uko Umwuka Wera avuga binyuze muri Yohana, ku kirwa cy’i Patimo, ati: “Aha ni ho ubwenge buri. Reka mubitege amatwi.” Ubu turimo kubona ifoto yashushanijwe hano. “Ngiyi...”

Kandi dore ubwenge bufite ubuhanga. Imitwe irindwi ni yo misozi irindwi, uwo mugore yicayeho.

⁶⁰ Hariho umujyi umwe gusa, nzi, ku isi... Hariho imigi ibiri, nzi, ifite imisozi irindwi cyangwa irenga. Cincinnati ni umwe muri yo, bivugwa ko ari inkuru y’impimbano ya Cincinnati. Ni nyina w’ibirura, murabizi, ko... n’ibindi n’ibindi. Ariko ifite ibirenze ibyo muri yo. Ariko nta torero na rimwe risumba Cincinnati.

Hariho umwanya umwe gusa kw’isi yose, ufite itorero ryicaye ku misozi irindwi, ryiganje kw’isi yose. Noneho, mvuye yo. Ibyo bintu byose.

Kandi nabonye yo ibyo bihavugwa, “Kandi aha ni ho ubwenge buri.” Ibyahishuwe 13. “Reka ufite ubwenge abare umubare w’ iyo nyamaswa, kuko ari umubare w’umuntu.” Ntabwo ari agatsiko k’abantu, itsinda ry’abantu, ariko “u” umuntu. “Umubare we ni magana atandatu na mirongo itandatu na gatandatu.”

⁶¹ Numvise kenshi, ko, hejuru y’intebe ya papa wa Roma, handitsweho ngo: “VICARIVS FILII DEI.” Nakunze kwibaza niba ari byo. Shushanya umurongo, hanyuma wandikemo mu mibare, imibare y’Ikiromani, urebe niba ari byo. Ni ukuri. Nahagaze *hafi* y’ikamba rya papa, mubirahure, “Ububasha bw’ikuzimu, mw’ijuru, no muri purgatori.” Murareba? Rero, ibyo bintu, naje mvuye yo, gusa mvuye i Roma kandi menye ko ari ukuri. Noneho tumenye ko byashushanijwe.

Kandi hano abami *barindwi*: *batanu baraguye* (byari muri kiriya gihe), *kandi umwe ni* (uwo ni umwe uza nonaha, wari Kayizari), *kandi undi ntaraza* (wari Herode, umubi); . . .

⁶² Noneho nimurebe. Murebe uburyo bitunganye.

. . . *kandi ubwo aje, agomba gukomeza mu umwanya muto.*

⁶³ Hari umuntu utazi igihe Herode yamaze ku ngoma? Amezi atandatu. Yakuye nyina mu nzira, ku ifarashi imwe. Maze atwika umugi; abigereka ku Bakristo. Kandi azindukira ku musozi mu gihe bari . . . mu gihe batwikaga umujyi. Atandatu—amezi atandatu. Kandi reba, “N’inyamaswa . . .” Noneho itegereze, reba ukuntu yari umunyamwaga. Urabona? Noneho itegereze.

Kandi inyamaswa yariho, kandi itakiriho, ndetse . . . ni iya munani, kandi ni iyo mu za karindwi (imiterere ya karindwi), *nuko akajya kurimbuka.*

⁶⁴ Buri wese azi icyo *kurimbuka* bisobanura, ari byo “ikuzimu.” Kandi urebe aho yakomotse, “ikuzimu.” Ibyo ni ibiki? Ibyobo bitagira epfo na ruguru. Nta shingiro ry’inyigisho za Gatolika. Nta Bibiliya ivuga ku nyigisho za Gatolika. Nta kintu nk’icyo nka Bibiliya iyo ari yo yose ku nyigisho iyo ari yo yose ya Gatolika, ntayibaho. Ntabwo basaba kubaho. Padiri yahagazeyo, uyu mupadiri muto uri hano mw’itorero ry’Umutima Mutagatifu yagiyeyo. Aravuga ati: “Yego . . .” Namubwiraga ku byerekeye kubatiza Mariya Elisabeth Frazier. Aravuga ati: “Yewe, wamubatije ukurikije uburyo kiliziya Gatolika ya mbere yabatije.”

Ndavuga nti: “Byakozwe ryari?”

Aravuga ati: “Muri Bibiliya, Bibiliya yawe.”

⁶⁵ Ndavuga nti: “Ese kiliziya Gatolika yabatije ityo? Iyo ni yo nyigisho ya kiliziya Gatolika?”

“Yego.”

⁶⁶ Ndavuga nti: “Mu budahangarwa bwa kiliziya Gatolika, kuki yahindutse cyane?” Murabona?

⁶⁷ Aravuga ati: “Rero, murebe, mwese mwizera Bibiliya. Twizera itorerero.” Urabona? “Ntabwo dushishikajwe n’ibyo Bibiliya ivuga. Dushishikajwe n’ibyo itorerero rivuga.” Ibyo ni ukuri rwose. Buri gihe uza kwiyerekana, kuri yo, gerageza rimwe, murareba. Ntabwo bitaye kubyo Bibiliya ivuga; ibyo ntaho bihuriye na byo. Bita kubyo itorerero rivuga. Urareba?

⁶⁸ Ariko ntitwitaye kubyo itorerero rivuga. Twizera ibyo Imana ivuga. Amina. Kuri Bibiliya, biranditswe, “Reka ijambo rya buri muntu ribe ikinyoma, kandi Iryanjye ribe Ukuri.” Ni yo mpamvu tutari idini.

⁶⁹ Noneho mwigereze. Mubitege amatwi, umunota umwe gusa. “Bari abami batanu, baguye, abami batanu.” Niba mubishaka muhereye ku mateka, nzabibereka. “Kandi umwe ni, n’undi uzaza.”

Noneho itegereze, “inyamaswa.” Noneho, inyamaswa ntiyari umwami. Yari “imwe iri, itari; kandi nyamara iriho, kandi itariho; nyamara iriho, kandi ntiraho.” Ibi ni ibiki? Gusimbura kw’abapapa, imbaraga, gutegeka kw’inyamaswa. Ni cyo gihe Roma ya gipagani yahinduwe kugira ngo ibe Roma y’abapapa. Roma y’Abapagani yarahinduwe, hanyuma ihinduka ubupapa, ari byo, bari bafite papa mu cyimbo cy’umwami, kandi papa ni umwami w’imyuka. Ni yo mpamvu yambitswe ikamba, umwami w’imyuka, avuga ko ari mu mwanya wa Yesu Kristo. Ni ho muri. Noneho mukurikire.

⁷⁰ Tugiye kuzana iyo nyigisho Gatolika hariya tukwereke uburyo yijanditse neza mu matorero y’Abaporotestanti, reba, uburyo ikibarizwa neza mw’itorero ry’Abaporotestanti, muri byinshi byaryo. Ibinyuranye, neza neza na Bibiliya, bitandukanye rwose. Noneho, “Inyamaswa yariho, itariho.” Noneho ibuka, “Bose bazatungurwa, kw’isi, abo amazina yabo atanditswe kuva isi yaremwa.” Reka turebe.

Kandi inyamaswa yariho, kandi itariho, (umurongo wa 11) kandi ni iya munani, kandi...ya karindwi, yagiye kurimbuka. (Azakomeza kugeza yikubise mu byobo bitagira epfo na ruguru mu mpera z’urugendo.)

Kandi amahembe icumi wabonye ni abami icumi,...

Noneho reba hano. Niba ushaka kubona ikintu gitangaje, itegereze ibi.

...ni abami icumi, batarabona ubwami kugeza ubu; ariko bahawe imbaraga nk’abami isaha imwe hamwe n’inyamaswa.

⁷¹ Ntabwo ari abami bambitswe ikamba; ni abanyagitugu. Reba, ntabwo bigeze bambikwa ikamba ry’umwami, ariko bahawe imbaraga nk’abami, isaha imwe, ku ngoma

y'inyamaswa. Gusa ni muri iki gihe gito cy'igicucu abanyagitugu bahagurutsemo. Urabona? “Akira imbaraga nk'umwami, isaha imwe hamwe n'inyamaswa.” Noneho, ni byiza.

Aba bafite igitekerezo kimwe, kandi bazaherwa ububasha n'imbaraga muri ya nyamaswa.

Aba bazarwanya umwana w'Intama, kandi Umwana w'Intama azabanesha: (Himbazwa!) kuko ari Umwami w'umwami, n'Umwami w'abami: kandi abari kumwe na we barahamagarwa, bagatorwa, kandi ni abizerwa.

⁷² icyampa nkabwiriza ubutumwa muri kano kanya ku byerekeranye n'ibyo, “Abatoranijwe, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, kandi bagakomeza kuba abizerwa mu guhamagarwa kwabo.” Haleluya! Ni ibyo. “Barahamagawe, abatoranijwe, n'abizerwa.” *Kandi* ni ihuriro, murareba, “Abatoranijwe, kandi abizerwa.” Bazamunesha. N'ubwo byagenda gute.

⁷³ Kandi iyi komunisime ikomeye, kwimuka kwa gikomunisiti twabonye uyu muni, ntugahangayikishwe n'ibyo. Ibyo birakora neza mu maboko y'Imana. Nshobora kubihamya muri iyi Bibiliya. Agiye kumubabaza kubw'abahowe Imana bose yishe. Ni byo, bagenzi. Murareba abo bami bose baturiza hamwe, kandi bazamwanga. Igihugu cyose, isi yose, mu nkubiri ya gikomunisiti. Kubera iki, bigomba kuba intambwe y'Imana, mu kubihana. Uravuga uti: “Tegereza gato, mwene Data Branham. Ubukomunisiti, igikoreshe cy'Imana?” Rwose, rwose, ni igikoreshe cy'Imana. Bibiliya yarabivuze. Ariko iragenda itangaza urubanza ku bantu batubaha Imana kandi biteye isoni. Ni iki gisigaye kuri iyi si? Twabonye iki? Hano ejobundi. . .

⁷⁴ Ndaza guhagarara kuri iyi ngingo yanjye umunota umwe gusa, niba bishoboka. Nasomaga mu gice cy'Ibyanditswe aho uwo mwana utemewe atazinjira mw'itorero ry'Uwiteka mu bisekuruza cumi na bine. Ni bangahe babizi? Ni byo, Gutegeka kwa kabiri 23; umwana utemewe n'amategeko. Niba umugore yafatiwe mu murima, ni ukuvuga, kure y'aho arindirwa n'umugabo, hanyuma umugabo akamwegukana, uwo mugabo agomba kumurongora. Kandi atitaye ku kuba abaye indaya, agomba kubana na we kugeza apfuye. Niba kandi arongoye uyu mugore, bijyanye n'uko ari isugi, kandi atari yo, noneho ashobora kwicwa kubw'ibyo. Niba kandi umugabo n'umugore barashakanye, bakabyara umwana utemewe, ko, atazinjira mw'itorero ry'Uwiteka, kugeza ku gisekuruza cya cumi na kane. Kandi imyaka mironko ine ni igisekuru. Bizaba imyaka magana ane mbere y'uko icyo cyaha kiva muri Isiraheli.

⁷⁵ Imana yanga icyaha! Ni gute ushobora gutegereza kuzenguruka Amaraso Yera y'Umwami Yesu, kubera ko uri mu idini runaka, utekereza kujyamo? Ugiye kuza ku butaka bw'Imana cyangwa ntugerayo na gato. Ni ukuri. Umudiyakoni,

umubwiriza, uko twaba turi kose, ntaho duhuriye na byo. Uziye ku gihe cy’Imana.

⁷⁶ Ibisekuruza cumi na bine. Umuntu wabiganiriyeho nanjye wicaye hano ubu. Aravuga ati, “Twabwirwa n’iki ko hari uzigera akizwa icyo gihe?”

⁷⁷ Naravuze nti: “Hariho aho ugomba kuba Umuhinduramatwara mwiza.” Izina ryawe ryashyizwe mu Gitabo mbere y’uko isi iremwa. Imana ifata icyo kidendezi cy’amaraso. Ibyo ni Yo bireba. Murareba?

“Ariko ibyo byageze ku ki. . .”

⁷⁸ Umva. Yemwe rubyiruko, uyu muni, Sinzi niba muva muri iri torero, cyangwa aho muva, mwa bahungu mwe n’abakobwa bakiri bato. Mwibaza ko, ibintu murimo gukora, niba hari ikindi gisekuru, abana banyu bazacirwa urubanza kubyo mukora? Ntabwo mufite ikinyabupfura n’ukwiyubaha? Yemwe bakobwa bari hano mwambaye udukabutura duto dushaje n’ibintu hirya no hino, murabizi, ibyo byagaragaye no ku bakobwa banyu. Mwari muzi ko ba nyogokuru banyu bari a—abibone, na ba mama banyu ari abakobwa bari muri koral, ni yo mpamvu muri ba rukuruzi uyu muni? Mu by’ukuri. Abana banyu bazaba ibiki? Yego mugenzi. Imana yavuze ko Izahora gukiranirwa kw’ababyeyi ku bana no kubana babo, kugeza ku gisekuru cya gatatu n’icya kane.

⁷⁹ Kandi uribaza, muvandimwe, igihe cyose ukoze igikwiye, ko kizagira ingaruka ku bana bawe?

⁸⁰ Reba hano, reka dufate Abaheburayo, igice cya 7. Bibiliya yaravuze, igihe—Melikisedeki ahura na Aburahamu agarutse avuye kwica umwami, yamuhaye umugisha, kandi ubu byaravuzwe ngo: “Lewi. . .” Arimo kuvuga ku byo gutanga icya cumi. Ngo: “Lewi yategetse Uwiteka kwakira icya cumi kivuye ku bavandimwe be. Nuko Lewi wakiriye icyacumi, nawe yishyura icyacumi, kuko yari akiri mu rukenyerero rwa Aburahamu igihe yahuraga na Melikisedeki.” Kandi Aburahamu yari sekuruza. Aburahamu yabyaye Isaka, Isaka yabyaye Yakobo, Yakobo yabyaye Lewi; Lewi, ise, sekuru, sekuruza. “Kandi igihe Lewi yari mu rukenyerero rwa Aburahamu,” Bibiliya iravuga iti: “yishyuye icya cumi Melikisedeki.” Haleluya!

⁸¹ Ntukemere ko hagira ukubwira ko ubwoko ubwo ari bwo bwose bwo kw’isi bushobora kubangamira inkingi ikomeye y’Imana. Arimo kugenda neza! Byari byarateganijwe kera aho mu ntangiriro. Aho nta dayimoni cyangwa imyuka mibi ihagije bishobora kubangamira gahunda Yayo.

⁸² Noneho, Bibiliya ntivuga iti: “birashoboka” yarishyuye. Bibiliya iravuga iti: “Yishyuye icya cumi,” ubwo yari mu rukirya rwa sekuruza. Himbaza! Uwo ni Umwami wanjye. Yoo, yari

abizi, ndetse, mbere y'uko isi ibaho. Yari azi byose. Kandi kuri Aburahamu, yatanze icya cumi.

⁸³ Mushiki wanjye, mwene Data, ni gute guhunga hano, kandi abantu babaho bakiruka inyuma y'abagore b'abandi, n'abagore basenya ingo, kandi bakabaho nk'uko mubigenza, mutegereje ko abazabakomokaho bazamera bate? Dore ibyo ari byo. Ubu byahindutse ubusa ntakindi usibye agatsiko k'ibinyendaro, bavutse mu buryo budasobanutse, agatsiko k'uburiganya. Kandi hasigaye ikintu kimwe kuri byo, kandi iyo ni yo minsi y'ibisasu kimbuzi turimo. Ni byo rwose. Turi mu gihe cya nyuma.

⁸⁴ Nari nicaye muri iki gitondo, hirya mu misozi ya Kentucky, umuhungu muto muto ukuze, ntushobora kumwegera muri metero icumi, akora ikinyobwa mu masaka. Birashoboka ko atari azi neza ikiganza cy'iburyo cyangwa icy'ibumoso. Yumvise ko... Nari nararenganye ku mpamvu zashyizweho. Sinari nzi aho nari ndi. Nari muri bimwe mu byobo. Kandi nazamutse hariya njya guhiga inkware. Igihe nahagurukaga, nabashijee kuvugana na we. Uyu muhungu avuga ko agiye mu gisirikare. Nuko nza kumenya ko, tugomba kuganira ku by'Umwami, hanyuma aravuga ati: "Muvugabutumwa, ntiwemera ko turi mu gihe cya nyuma?" Mu nzira nsubira hejuru hariya muri iyo misozi.

⁸⁵ Ndavugaga nti: "Ni ukuri, mwana. Ndahamyako, turi mu gihe cya nyuma."

⁸⁶ Ni ho turi. Ni igihe tugezemo, mwene Data. Ni cyo gihe. Mbese ntubona uburyo abo babyeyi bitwara, ndetse n'abagabo, uko bitwara, na ba sekuru na ba nyirakuru? Ntushobora kubona uko papa na mama bitwara? Ntibitangaje ko turi mu gihe cy'uburiganya uyu munsu. Ntibitangaje, ushobora kwamamaza umutwe wawe; bazambara ikabutura kimwe, kandi bazagucira mu maso. Bazanywa itabi barigutumurireho neza, bavugaga bati: "Tekereza ku byawe bwite bikureba." Kubera iki? Kubera ko ari bwo bwoko bakomokaho. Ngiye kugera kuri ibyo, mu buryo butaziguye, *Urubyarwo rw'inzoka*. Turaza kumenya aho berekera, turebe impamvu bakora gutyo. Ni abana ba satani kuva isi yashyirwaho urufatiro. Ni byo. Kandi nta cyo turi cyo muri ibyo, igisigaye kuri ibyo, rero urubanza ni cyo kintu cyonyine gisigaye. Nta kindi twahabwa usibye gucirwa urubanza. Imana izakuraho ibintu byose. Kandi umuntu yarabyikoreye ubwe. Imana ntiyashakaga ko bimera gutya, ariko Yari izi ko bizamera gutyo. Ni nayo mpamvu Yavuze ko we yagombaga, "Gushuka abari mw'isi bese, usibye abo amazina yabo yashyizwe mu gitabo cy'Ubugingo cy'umwana w'Intama mbere isi itarashyirwaho urufatiro."

⁸⁷ Reka turebe. Musome hano gato. Noneho, ubu ndizera ko turi ku murongo wa 12.

Kandi ya mahembe icumi wabonye ni yo bami icumi batarima; ariko bahabwa gutegekana hamwe na ya nyamaswa nk'abami kumara isaha imwe.

abo bahuje inama baha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo.

Kandi bazarwanya umwana w'Intama, kuko ari we Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami: kandi abari hamwe nawe ba—bahamagawe batoranyijwe, bakiranutse nabo bazayinesha.

Nuko arambwira ati, ya mazi wabonye, wa maraya yicaraho, ni yo moko... n'amateraniri y'abantu, ... n'amahanga, n'indimi.

...ya mahembe cumi wabonye na ya nyamaswa, bizanga malaya uwo, ...

⁸⁸ Murareba noneho, aya “mahembe icumi,” ubwo bwami icumi. Murareba, ibyo ni ibintu birimo kubabo, iby’ abanyagitugu. Murebe uburyo abanyagitugu bashimangira. Birimo birerekera he? Gusa—gusa mumbwire umunyagitugu udashingiye ku gikomunisiti. Murareba? Kandi bazakora (iki?) bazanga “Maraya,” umugore, itorerero. Ariko tuvuge iki? Nimurebe ikigiye kubikora.

...ibyo bizanga maraya uwo, bimunyage bimucuze birye inyama ze, bimutwikishe umuriro akongoke.

⁸⁹ Bazahanagura icyo kintu kw'ikarita, nk'uko rwose mpagaze hano. Twari dufite umwanya wo gufata iyo ngingo aho muri iryo torero, hanyuma tukayikoresha twinjira mu Byanditswe, aho bivugwa, dusome, “Abami bose bo kuri iyi si, n'abashinzwe amato bose, nabandi bose, baraboroga, kuko Babuloni ikomeye yahuye n'ubutayu mw'isaha imwe.” Isaha imwe, igihe cyayo cyari kigeze! Kandi, yewe, uko byavuzwe ngo: “Mwebwe abera, nimwishime munezerwe, namwe abahanuzi bera mwese, kuko Imana yahoreye amaraso y'abera n'abavandimwe banyu kuri we.” Murareba, ni byo. Ni ukuri, abakomunisiti bakinira neza mu biganza by'Imana. Nk'uko Umwami Nebukadinezari yakinye neza mu biganza, ngo aze kujyana Abayahudi, igihe bagendaga mu nzira!...?...?

⁹⁰ Kandi icyaha gishobora gukomeza kwangiza, imbuto zikiranuka zishobora kuguma aho kandi zikamungwa n'uburiganya, zikamungwa kandi zigakomeza zikamungwa kugeza igihe zirangiriyeye. Zigera ahantu, kubera ko ba nyina na ba se n'ibindi babayeho mbere yacu, kandi muri ubwo buryo, kugeza igihe nta kintu na kimwe dusigaranye. Ese muzi icyo Yesu yavuze? Niba Atagabanije akazi, nta mubiri n'umwe watabarwa.

⁹¹ Ushobora kubona? Ushobora kubona impamvu twabonye ibi (simvuze mu magambo.) Arthur Godfrey, n'abandi bantu

bose, murabizi, murareba, na Elvis Presley, na—n’ikibuno gikora hasi, ikiruta byose, n’umusatsi utendera ku bikanu, n’ibyo byose, ni byo urubiyiruko rukora? Rukora iki? Ni iki? Kubera ko biva mu gice cy’abantu babanje kubaho, bavutse mu buryo butemewe. Nta kintu gisigaye! Yoo, bazahaguruka baririmbe, “Umpe kukwegera Mana yanjye,” nk’utoragura amashaza Ernie n’abandi bose nk’abo, baririmba ubwoko bumwe bw’indirimo, n’ibindi nk’ibyo. Mwene Data, ibyo urabizi? Ibyo, ibyo ni uburyarya rwose. Ni byo, mugenzi.

⁹² Umuntu ntacyo ashinzwe kuri iki gicaniro ibyo bigera hanze hamwe na rock-na-roll na boogie-woogie n’ibindi bintu byose nk’ibyo. Nta kintu na kimwe ashinzwe kuri uru ruhanda. Ibi ni ukubwiriza, ni umuhamagaro w’Imana. Imana ihamagara abakozi aba bari inyuma hano. Kandi nta mwanya wowe ufite hano kubw’ibyo. Ni cyo kibazo nyacyo muri iki gihe, itorero barigize nk’amacumbi. Amacumbi ni byiza, urashaka gukora ibyo, birakureba. Ariko reka nkubwire, hari itandukaniro rinini ugerageje. . . hagati y’icumbi n’itorero. Ni byo, mugenzi. Urashaka gukora ibyo bintu mw’icumbi, kandi ukagira ibirori by’amoko yose, n’ibindi, birakureba. Ariko, mwene Data, itorero rigomba gukuburwa uherye ku gicaniro kugeza ahasigaye hose. Ni byo. Ntabwo nshaka kuvuga gukubura uherye ku madirishya mashya n’ibindi n’ibindi. Ndashaka kuvuga uburyo bwa kera, ububutse bwoherejwe n’Imana buzatatanya ikintu uherye uruhanda rumwe. Ni byo, mugenzi. Nko gucana itara, itara ry’amashanyarazi ku mirongo izengurutse pome. Yego, mugenzi, baratatana iyo urumuri rugiyeye.

⁹³ Noneho nimurebe, “Bafite igitekerezo kimwe, gutanga imbaraga zabo.” Ibyo ndabyemera. “Amahembe icumi.” Yego, noneho.

Kubera ko Imana yashyize mu mitima yabo gukora ibyo yagambiriye, (ngaho genda), no guhuza inama no guha ya nyamaswa ubwami bwayo, kugeza aho amagambo y’Imana azasohorera.

Noneho, wa mugore wabonye ni we mudugudu ukomeye utegeka abami bo mu isi.

⁹⁴ Noneho, ntabwo bikenewe gusunikira hirya no hino, tuzi ko ari bwo buyobozi bwa gatolika. Nta muntu n’umwe ukeneye. . . Njye ni—nizera neza nshikamye ko nizera ko nakiriye Umwuka Wera. Nizera ko nk’uko ari byiza nizera ko ndi Umukristo uhagaze hano uyu muni, ko izo nzego za gatolika ari—i. . . Umujyi wa Vatikani ni—umujyi wicaye ku misozi irindwi. Inzego z’itorero n’inyamaswa yari iriho, ariko ubu ikaba itakiriho. Ni Babuloni. Ni ibintu byose bishushanyije neza, gusa neza neza binyuze mu Byanditswe byera. Ni Kiliziya gatolika.

⁹⁵ Noneho, hano dore ikibabaje kuri mwe. Uravuga uti: “Ni byiza, ntabwo uravuga kubyanjye, Mwene Data Branham.”

Ariko reka mbabaze ikintu kimwe. Reka dusubire inyuma nonaha kumurongo wa 5.

Kandi mu ruhanga rwe ha...handitswe ngo, IZINA RYAMAYOBERA, BABULONI IKOMEYE, NYINA W'IBIZIRA...NYINA WA BA MARAYA KANDI NYINA W'IZIRA BYO MU ISI.

⁹⁶ Yari iki? M-A-R-A-Y-A. Kandi yari n-y-i-n-a. Ni iki? N-y-i-n-a. Yari yarabyaye ikintu runaka. Nyina w'abahungu? Ba maraya! Indaya ni iki? Ikintu kimwe nka—nk'indaya, umugore w'umusambanyi. Ni iki cyamuteye kwiandarika? Inyigisho ze. Yigiraga nk'itorero rya Gikristo, ariko atanga inyigisho zakozwe n'abantu. Kandi hano avuga ko yari afite...Niba ari ryo shyirahamwe rya mbere, noneho bisa nk'aho hari amashyirahamwe amuvamo. Yari nyina w'indaya. Ni byo? Umubyeyi w'indaya. Ntushobora kuba umubyeyi, ubungubu, w'abahungu. Ntushobora kuba nyina wa...Byagombaga kuba nyina w'abagore. Kandi, niba ari abagore, bari amatorero. Noneho reka tubimenye. Ibiva muri...

⁹⁷ Idini rya mbere ryari irihe? Kiliziya Gatolika. Irya kabiri ryari irihe? Luteri. Irya gatatu ryari irihe? Zwingili. Ni ki cyakurikiyeho? Kaluvini. Nuko haza Angilikani, na Angilikani iramanuka ijya muri Metodisite. Metodisite, Metodisite ibyara iki? Muri bo hasohotse Alexanderi Campubeli. Muri Alexanderi Campubeli havuyemo Yohana Simifu. Hanze...Alexanderi Campubeli ni itorero rya Gikristo; rero, ubwo bari bagize ane cyangwa atanu, itorero rya Kristo hamwe n'andi masomo make yatangwaga. Nuko haza itorero ry'Ababatisita, ryari rifite byinshi byo gukuramo. Kandi mw'itorero rya Metodiste havamo...mu itorero rya Metodiste, ngwino, mbere Metodiste ya Wesileyi, hanyuma bicakamo ibice inshuro enye cyangwa eshanu. Noneho baza mu bundi bwoko bwa Metodisite, hanyuma barongera barasohoka, hanyuma baza kuri Metodisite Yigenga. Kandi—hanyuma babivamo bagera ku Banaziri. Nuko bava ku Banaziri bajya kuri Nyirubutagatifu Piligirini, bava kuri Nyirubutagatifu Piligirini bagwa hasi. Gusa inyigisho ntoya zigenda gutyo, zituma bashobora gukomeza, buri imwe muri izo nkeya—abatangizi bake muri zo bazizamo. Kandi buri wese muri bo yakoze iki? Amaherezo byaje gusenyerwa muri Penekositi.

⁹⁸ Kandi Penekositi yakoze iki? Ikintu kimwe nyina yakoze, basubiye inyuma bishyira kuri gahunda. Byahindutse iki? I—idini. Bagenda ari bamwe, ikintu cya mbere, “Inyigisho zawe ni izihe?” Umuhungu, baragusokoza bakoresheje uburoso bw'amenyo, reba, kugira ngo umenye icyo uri cyo, ibyo wemera. Niba kandi udahujye neza neza nabo, mwene Data, uraciwe nonaha. Kandi ni byo.

⁹⁹ Kandi ntutekereze gusa kubera ko uvuga ko uri Umupenekositi ko ufite umutekano. Mwene Data, hazabaho

Abapenekositi benshi bo ku muhanda nk'uko bari ku muhanda, ndabyizeye. Urabona?

¹⁰⁰ Noneho, ayo madini yose, niba yari amaze kuva mu migisha y'Abapenekositi, ntuyateganye, gusa ubigumane mu buvandimwe ureke Umwuka Wera yitoranyirize. Umwuka Wera aratoranya. Ananiya na Safira baza mu gihe kimwe, bavuze *gutya-na-gutya*; Umwuka Wera aravuga ati: "Kuki wabeshye?"

¹⁰¹ Ariko turavuga tuti: "Noneho, uwo ni Mwene Data Jones, ntuvuze ikintu kibi kuri we ubungubu, ni we wishyura neza twabonye mu rusengero. Nzi ko yahawe Umwuka Wera; Numvise avuga mu ndimi, kandi mbona asakuza mu Mwuka." Ibyo ntibirenze gusuka amashaza ku mase yumye. Urabona? Ntabwo ari ikintu wakorana nacyo. Imana iravuga. Ifite icyo ivuga niba ari cyangwa atari. Rwose. Ariko twabijyanye mu madini yacu. "Rero, twamwirukanye mu—mu Materaniro, Ubwigunge buramuherana. Ubwigunge bumugeza kure, hanyuma baramwirukana. Kubera ko, bamujyana hariya, noneho Yesu Wenyine aramwitwarira. Yesu Gusa amugeza kure, hanyuma igikurikira kimutwara ni itorero ry'Imana, riramutwara. Itorero ry'Imana ry'Ubuhanuzi riramutwara, maze kwimuka kwa Tomlinson kukamwakira." Yoo, mbega! Mwene Data, niba tutarigeze twiruka! Ibyo biri muri Penekositi, ububutse bwa nyuma. Noneho ubu babonye Urumuri rw'Ubururu, babona abasenga bafite amavuta, na—n'amaraso ababunga mu maso. Kandi, yoo, bagirire impuhwe, sinzi aho berekeza kugeza ubu.

¹⁰² Ikintu kimwe gusa, ni uko ikintu cyose cyangiritse. Wari uzi ko Bibiliya ivuga ko ishobora kugeza aho ikangirika? Wari uzi ko bi—Bibiliya ivuga kuri uyu muni, uzabaho hano, mu gihe n'ameza y'Uwiteka azaba yuzuyeho ibirutsi? Kandi ngo: "Ni inde nshobora kwigisha inyigisho? Ni inde ushobora kunyumva Njyewe? Kubera ko amabwiriza agomba kujyana n'amabwiriza, n'ingingo ku ngingo, umurongo ku murongo." Ni inde ashobora kwigisha inyigisho? ba bandi bonkeye kw'ibere, rya nyina. Murareba?

¹⁰³ Noneho, nta—nta mugore, umutegarugori muri uyu mujiy ufite imitako ariko se ni iki gishobora kubyara umukobwa w'isugi. Ameze nk'uko yavutse, ubu, kandi ashobora kugenda neza. Ariko niba utabyitegereza, uwo nyina na we ni ko yari ateye, uwo mukobwa, inshuro icyenda kw'icumi, azakora neza neza nk'uko nyina abikora. Noneho, murabizi uko ni ukuri. Umugore ukuze uyoboye inzu yamenyekanye nabi, ashobora kubyara umwana w'umukobwa muto. Ashobora kuba afite imyaka cumi n'igatandatu, n'isuku n'imyitwarire nk'ururabo rwose, ariko, iyaba yari akomeje gutya. Ariko, ibintu uko bimeze, ni uko asubira inyuma agakora nka nyina.

¹⁰⁴ Noneho, kiliziya Gatolika ni yo ndaya ya mbere ishaje

yazanye inyigisho yahimbye, imiziririzo, imwe, Bibiliya ivuga iti: “Asohoka mu irimbukiro kandi azasubira kurimbuka.” Bibiliya yarabivuze. Noneho, niba bigisha ibyo, baribeshya. Ni ukwibeshya, ukurikije Ijambo ry’Imana. Noneho haje itorerero rya Metodiste, ryabyawe n’uwo mugore, umukobwa mwiza, ariko ryakoze iki? Ryarahindukiye risubira inyuma rikora ibintu bimwe bisa n’ibyo nyina akora. Rireka abayoboke baryo bambara amakabutura. Rirabareka banywa itabi. Barakomeza bitwara uko bashaka. Ntibagira ikintu na kimwe babivugaho. Umushumba muto ushaje abari inyuma, igicaniro gisubiraye, afite ubwoba ko umunsi umwe azabura umushahara, cyangwa isafuriya y’ibisuguti.

¹⁰⁵ Reka nkubwire, mwene Data, nahitamo kwamamaza Ubutumwa bwiza, nkarya ibisuguti byumye nkarenzaho amazi y’umugezi, kandi nkavuga Ukuri ku byerekeye ibyo. Niba buri muyoboke w’itorero ryanjye ahagurutse agasohoka, nababwiza Ukuri ku bijyanye na byo. Yego rwose.

¹⁰⁶ Ikibazo ni ikihe? Yego, ni itike iguhesha ibyo kurya. “Ni byiza, urabizi, Ndi umushumba w’itorero rinini riri mu muji.” Mwebwe Babatisita n’Abametodiste mwumve umuhanuzi w’ikinyoma. Noneho, ibyo birakabije, ariko ikintu cyose cyigisha ibinyuranye n’iyi Bibiliya ni umuhanuzi w’ibinyoma. Sinitaye ku buryo byaba bishashagirana kose, ni ubuhanuzi bw’ibinyoma. Ni byo.

¹⁰⁷ “Yoo, ibintu byose ni byiza mu gihe wabonye izina ryawe mu gitabo.” Ushobora kugira izina ryawe mu bitabo icumi. Ariko niba ritari mu Gitabo cy’Ubugingo, urazimiye! Ushobora kuba mwiza cyane, ushobora kuba inyangamugayo kandi ufite isuku n’imico myiza nk’uko ubishoboye, ibyo ntibizagira ikintu na kimwe bihindura.

¹⁰⁸ Esawu yari umusore ukubye kabiri igihe Yakobo yari, mu gihe cyo kuba umugabo, yita kuri papa we w’impumyi ushaje n’ibindi byose. Kandi Yakobo yari umunyamasoni muto yahoraga ku ngutiya ya nyina, umuhungu muto usuhereye. Ariko Imana yaravuze iti: “Nakunze Yakobo kandi Esawu ndamwanga,” mbere y’uko umuhungu wese avuka. Abaroma 8 harabivugaga. Ni byo rwose.

¹⁰⁹ Imana izi ibiri mu muntu. Kandi izi n’ibiri mw’itorero, nabyo. Tubaho kubw’Umugati w’Ubugingo, Umutsima w’Ijambo ry’Imana. Noneho, ni yo mpamvu tutari idini.

¹¹⁰ Noneho ndashaka kubaha akandi gato. . . Ndashaka kubaha urugero ruto nari nanditse hano. “Abakomeye. . .” Noneho mu Byahishuwe, igice cya 19: 2. Nabonye ikintu cyerekanwe hano. Ndashaka kureba no kwitegereza ibyo ari byo nonaha.

*kuko amateka yayo ari ayukuri no gukiranuka:
yaciriyeho iteka maraya uwo ukomeye, wononeshaga
abari mu isi ubusambanyi bwe, kandi imuhoreye*

amaraso yimbata zayo. (Ngiryo iherezo rya kiliziya Gatolika.)

¹¹¹ Noneho, turashaka ko ubibona, na none hano, iryo dini ko—ko iryo dini riboneka no mu Byanditswe hano, ari byo... Kandi Bibiliya ntiyigera ivuga idini. Iri dini rituruka muri kiliziya Gatolika. Ni nyina wa mbere w’amadini, kandi buri dini ryayikomotseho. Noneho, ibi bigiye kuba ibitoroshye na gato. Bigiye kuba ibitoroshye na gato igihe cyose, murareba. Ariko nda—Ndashaka ko mubona ko amadini atavutse cyangwa ngo ashwirweho n’Imana. Yashyizweho na satani.

¹¹² Itorero ry’Imana ni... Ntitugabanijwemo ibice, turi umubiri umwe twese; ibyiringiro n’inyigisho ni bimwe, bamwe mu rukundo. Ngiryo Itorero ry’Imana nzima. Tutitaye kubyo ari byo, ukuntu, turi umwe hamwe! Ni byo. Yaba Umumetodisite cyangwa Umubatisita, mwene Data, niba yaravutse ubwa kabiri kandi yuzuye Umwuka Wera, ni mwene Data. Tugenda dufatanye urunana. Ni byo. Yego mugenzi. Ntugire icyo uhindura.

¹¹³ Mose. Rimwe na rimwe hari ubwo ndeba hirya no hino nkavuga nti: “Uzi ko itsinda ry’abafana ba Pentekote, mwene Data Branham, kuki ugendana n’itsinda nk’iryo ku bw’ibyo?” Wari ubizi ko? Mose yitaga ku bana b’Abisirayeli. Yareberaga mw’idirishya rimwe n’iryo Farawo yareberagamo. Farawo yabarebaga nk’ikirundo cy’ibyondo, ariko Mose akabareba nk’abatoranijwe n’Imana. Yari azi ko bafite amasezerano. Kubera iki? Yabimenyeraga kw’Ijambo. Kandi kubwo kwizera... N’ikirenge cye ku ntebe y’ubwami, kuba ari Farawo, n’isi yose irambitse ku birenge bye, ahagaze aho asuka vino mu kanwa ke, n’abagore beza bo kumufana, nk’umwami, cyangwa umunyagitugu, cyangwa umwami w’isi, umusore Mose, ufite imyaka mirongo ine, yari afite mu biganza bye. Yarebye kuri ako gatsiko kari mu byondo, ariko yari azi ko ari umwe muri bo. Haleluya! Ni byo. Yari azi ko ari umwe muri bo. Kandi kubwo kwizera, wenyine, yahisemo!

¹¹⁴ Umuntu wese agomba guhitamo. Wahawe guhitamo. Ugiye guhitamo nonaha. Ugiye guhitamo mu gitondo. Ugiye guhitamo ejo nimugoroba, niba uriho. Ugomba guhitamo igihe runaka. Mwene Data, kera cyane nahisemo. Iyi Bibiliya yari inkoranyamagambo yanjye. Iyi Bibiliya yari Igitabo cyanjye cy’Ubuzima. Iyi Bibiliya yari Ijambo ry’Imana. Bibiliya ni yo imbeshejeho. Iyi Bibiliya ni yo nishingikirijeho.

¹¹⁵ Hanyuma, Mose yitegereza abana ba Isiraheli. Si ibyo gusa maze aravuga ati: “Yoo, ni abantu beza. Ntacyo mbashinja. Yoo, oya, nta jambo na rimwe avuga ryo kubarwanya.” Ni bwo buryo abantu benshi bakoramo muri iki gihe. “Yoo, abo Bapenekote hamwe n’abantu bahawe Umwuka Wera, hamwe n’abo bantu bizera gukiza indwara kw’Imana, yoo, njyewe—njyewe—njyewe

nta kintu mfite cyo kubirwanya.” Ariko uwo ntiyari Mose. Yanyeganyeye Egiputa nuko ahinduka umwe muri bo. Yagendaga hagati mu bavandimwe be. Yari umwe muri bo.

¹¹⁶ Mwene Data, aho ni ho mfatira inzira. Nzafata inzira hamwe n’Umwami ntitaye kuri bamwe, n’ubwo byaba bigoye, uko byaba bimeze kose. Babonye isezerano, kandi ndabona amazina yabo mu Gitabo cy’Ubugingo cy’umwana w’Intama. Ni abavandimwe banjye. Ni byo. Kora amahitamo yawe uhagararane na bo. Byaba ukuri cyangwa atari ukuri, bihagararemo uko byagenda kose. Niba baribeshye, ubafashe mu by’ukuri. Ni byo. Ntushobora kubarusha kuba mwiza ubateragirana hirya no hino. Urabona, gerageza kubakurayo.

¹¹⁷ Charlie, nk’uko babivuze kuri Mwene Data Allen, ku byerekeye umuriro ba...amaraso mu biganza. Ndavuga nti: “Nta na rimwe, sinigeze nsuzugura A. A. Allen.” Ndavuga nti: “Niba narashoboraga kubwiriza nka A. A. Allen, ntabwo nari gukora umurimo wo gukiza abarwayi.” Noneho, mu gihe cyo kutemeranya ku maraso nk’ikimenyetso cy’Umwuka Wera, mu biganza byanyu, Ntabwo nemeranya na byo. Ariko ku bijyanye n’ubuvandimwe, ni mwene Data. Dufatanye urunana na we ku rugamba. Ibyo ni ukuri. Niba yibeshya, nzagerageza kumufasha. Niba atibeshya, njye nkaba nibeshya, ndashaka ko amfasha. Kandi ni yo nzira tubona—tubona yo gucamo. Noneho itegereze hano.

...yari *UBWIRU,* *BABULONI...* *NYINA*
W’ABAMALAYA...

¹¹⁸ Noneho murabona uburyo itorero riteye uyu muni, nshuti zanjye, murabona uburyo aya matorero ashaka kubaho uko yishakiye uyu muni? “Ni byose ni byo mu buryo bwuzuye, mukomeze mugendere mu kuri,” ingurube irya indi ngurube, itabyitayeho. “Kubera iki, nta kibi kiri mu gukora ibyo. Kubera iki, muragerageza gusa n’ibyahise.” Noneho reba inyigisho zabo. Ubu ndashaka...Noneho reba. Iyo ni yo ngeso yabo. Murabona, ko mu myaka mike ishize, ko kiliziya Gatolika ari yo yonyine yemerewe kujya mw’imurika ry’amashusho? Itorero rya Metodiste ntabwo ryatekereza ku bintu nk’ibyo. Amadini yose yaravugaga ati: “Oya! Ni ibikorwa bya satani.” Ndibaza uko byagenze. Yego mugabo.

¹¹⁹ Kandi murabizi, wabatwara abakobwa bato b’Abanyagatolika, bagasohokana n’abo bana bato...(Noneho, bamwe muri mwe muri abahungu bakuze nka njye)... musohoke murebe kiriya kintu gito aho bari bateye ivi-hejuru. Uwo musore, ndakeka, ko ari ikuzimu, iri joro. Simbizi. Ntabwo ndi umucamanza we. Ariko igihe yakoraga iyo ndirimbo ya mbere yanduye yanyujijwe kuri radio, nta gutekereza, ngo, “Bazungurutse, abakobwa, bazungurutse, bazungurutse umanuke hasi maze werekane amavi yawe meza.” Ni bangahe

bibuka ko igihe iya mbere yasohokaga, mu myaka icumi ishize? Ni yo ya mbere yabanyereje ikabagusha aho ngaho. Ni ko bimeze. Kandi igihe babonaga mugenzi wabo uvuye muri Texas, akabatwarira abagore ahongaho maze bakabakoresha bambaye imyenda y'imbere kugira ngo bagaragare nk'ikintu batari cyo, n'ibintu nk'ibyo, ngo batume babigeraho. Noneho byakoze iki? Byatumye babisayamo. Ni umwuka.

¹²⁰ Umugabo umwe yaravugaga, ejobundi. Yaravuze ati: "Sinzi icyo ngiye gukora. Mfite umuhungu mwiza, w'inyangamugayo, kandi uriya muhungu yabigiyemo bityo abikozaho ibiganza."

Naravuze nti: "Kubera iki?"

"Arimo kwifatanya n'umujura."

¹²¹ Witendetse hamwe n'umuntu w'umujura, nawe ubwawe uzaba umujura. Mama wanyje ushaje w'i Kentucky yakundaga kuvuga ati: "Uryamanye n'imbwa ifite imbaragasa, uzabyukana imbaragasa, nawe." Ufata u—ufata umugore utari mwiza, ukareka...umukobwa, ukamushyira hamwe n'u—umuhungu mwiza wiyubashye, kandi ikintu cya mbere uzi ko ari umunyamujinya nk'ikibwana cy'imbwa. Hinduranya kimwe n'ikindi. Uzwi na sosiyete yawe. Itandukanye na yo wowe ubwawe! "Sohoka muri bo," ni ko Bibiliya ivuga, "mutandukane!" Ni byo.

¹²² Niba amadini yabo asubiye muri ubwo buriganya nko kureka abaturage bayo...Ni byiza, hano ejobundi, mw'itorero rinini ry'Ababatisita, bagombaga gusezererwa. Gusa bashobora kubwiriza iminota makumyabiri, umugabo yarabishoboraga, 'kubera ko pasiteri yagombaga kunywa itabi. Itorero ryose ryajyaga hanze. Bose bahagararaga aho bakanywa itabi barihererekanya, hanyuma bakongera bakagaruka, pasiteri n'abandi bese. Nagiye mu rusengeri rw'Abanyetorero, harimo umugabo uhagaze, yambaye ikanzu nini ndende, ahagaze aho, aravuga, yegamiye igicaniro nk'iki, avuga ku bwoko runaka bw'ururabo yasanze ku musozi. Ni byo byonyine byari bihari, hanyuma asubira hanze. Intoki ze zari umuhondo kubera umwotsi w'itabi. Yego. Kandi akavuga ku byerekeye abagore, ko umugabo agiye gukina...Uwo mu kino w'Ubudage ni uwuhe bakinisha ibyo, cyane wowe—ukoresha amakarita, urabizi? Yagize...Yoo, natekereje ko nzabyibuka. Pinokele, bagiye gukina umukino wa pinokele. Ntekereza ko ari byo. Yego, ni ho ukinira. Ni amakarita yo gukina bisanzwe. Umukino wa pinokele, muri kave! Mana, yanjye! Aho ni ho umusingi wawo uri. Ntibitangaje! Bawukoresha iki? Noneho bagasakuza ku byerekeye kiliziya Gatolika ziri aha hantu bakinira Tombola barimo gukina imikino y'amahirwe. Kubera iki, mwebwe Abaporotestanti mwanuye nka bo, none mubivugaho iki? Inkono ntishobora kwita isafuriya "umwanda." Rwose si byo. Murabikora, hanyuma mukavuga muti: "Ni byiza, Ndi

Umuperesibiteriyeni. Ndi Umumetodisite.” Ntacyo uri cyo kugeza wongeye kuvuka bwa kabiri. Ni byo. Kandi iyo ukoze ibyo, urabizi, hari ikintu kiri muri wowe kikubwira ko ibyo bintu ari bibi, kandi uzabisohokamo neza nk’uko ugeze ku rwego rwo kubishobora. Uzi ko ari Ukuri. Rwose. Yego mugenzi. Ibyo bintu by’umwanda bijyana n’ibyo. Kubera iki?

...NYINA W’ABAMARAYA...

¹²³ Umunsi umwe muri iyi minsi, umubyeyi ukuze yari agiye kuvuga ati: “Wari ubizi? Erega mukundwa, twembi turi bamwe.” Kandi ubwo umenya ibyo ari byo? Ihuriro ry’Amatorero rigiye guhuriza hamwe nk’uko bimeze ubu. Kandi uzi ibizaba kw’itsinda rito nk’iri? Mugiyeye kubyishyura, bahungu. Ni byo rwose.

¹²⁴ Ariko ntugire ubwoba, Umwana w’Intama azamutsinda. Erega ni Umutware w’abatware, n’Umwami w’abami, kandi Imana ni yo iziyoborera Itorero Ryayo, aho kuba idini. Azasuka ayo Mavuta ya zahabu y’Umwuka Wera kuri iryo Torero. Mwene Data, Umuriro uzagwa uva mw’Ijuru, kandi ibimenyetso n’ibitangaza bizabaho, nk’uko utigeze ubibona mbere. Yego Mugenzi. “Witinya, mukumbi muto, So yanejejwe no kuguha Ubwami.” Yego, mugenzi. “Uwihangana akageza ku mperuka!” Ni ko bimeze. Komeza urugendo. Komeza utumbire i Karuvari. Iyi Bibiliya ni yo kuri. Ntugire ubwoba.

¹²⁵ Noneho rebwa. Hariho zimwe mu ngeso bafite. Imwe mu myitwarire bafite. Dushobora gukomeza. Ikintu cya mbere uzi, cyinjijye mu matorero y’Abaporotesitanti. Noneho abagore b’Abanyagatolika batangiye ku... Kubera iki, ntabwo byari bibi kwambara ikabutura ngufi, igihe cyose bagiye mu rusengero bagatega igitambaro gito ku mutwe. Imigenzo imwe n’imwe, “Ntukarye inyama iyo ari yo yose kuwa Gatano.” Kandi, yewe, ni hehe wabonye hakubwira gushyira igitambaro mu mutwe kugira ngo winjire mu rusengero? Ndashaka ko unyereka Ibyanditswe. Ni ubuhanuzi bw’ibinyoma. Ni hehe mw’itorero ugomba kwambara ingofero mu rusengero? Iyo wambaye ingofero ku mutwe, uba usuzuguye Kristo, buriya; ndavuga, bagabo. Bategarugori, mufite igitwikirizo, ariko ndasaba umuntu wese kunyereka aho ari ingofero cyangwa igitambaro. Ni umusatsi wawe! Kandi warangije byose. Noneho tuvuge iki kuri ibyo? Baravuga bati: “Ibyo birashaje.” Niba ari byo, ni Bibiliya! Kandi Ijambo ry’Imana ni ukuri.

¹²⁶ Nta gihe gishize hano, tuvuye ku mugore wogeje ibirenge bya Yesu, yafashe umusatsi we, murabizi, maze—arawumuhanaguza. Ndavuga nti: “Inzira imwe yonyine umugore yashoboraga kubikoramo, ni ugukomera ku mutwe we kugira ngo abone umusatsi uhagije wo kogesha ibirenge Bye, guhanaguza.” Ni byo. Yoo, ni, ibiteye isoni kubona inzira...Hano, ikirere

gikonje, bagendagenda bafite ikote ritoya nk'iri, n'umubiri wabo wambaye ubusa werekana ubwambure.

127 Noneho bakavuga bati: “Kuki ucyaha abagore?” Ugomba kwisubiraho.

128 Namwe bagabo mwemerera abagore banyu gukora ibyo, mwene Data, nje—nje sinzi icyo nagutekerezaho. Noneho, uko ni ukuri.

129 Namwe abapasitori, sinkeka ko muri hano. Ariko niba ubona umusore, ukamubwira ngo ngwino, mubwire aze, andebe. Murareba? Niba adafite kubaha Kristo kuruta kureka itorero rye rigakomeza muri izo nzira nta... Noneho... Bashobora kubikora hanze inyuma ye, ariko niba atabibabwiye, ntabwo ari umugaragu ubereye Yesu Kristo. Ni byo rwose. Ntakwiriye kuba umugaragu wa Kristo. Umukozi wa Kristo agomba kutagira ubwoba niba impamvu iturutse muri Bibiliya. Rwose. Ariko ngaho barahari, barasohoka kandi barabikora uko byagenda kose.

130 Hanyuma, ikintu cya mbere uzi, Abaporotesitanti bagombaga kugitora. Wowe Metodiste mwiza, kandi wowe Batisita, hamwe na Peresibiteriyeni, cyangwa Nazareti, Nyiricyubahiro, n'abandi mwese, cya kintu kimwe, cyasohotse neza, bitandatu muri kimwe, na kimwe cya kabiri cyo mu kindi. Hano muranyumva, “Nyina wa ba maraya.” Idini ryawe, “Igihe cyose ryatangiriye ku cyicaro gikuru, ni irihe tandukaniro?” Murareba? Rizana byinshi bitandukanye. Ntabwo ryigeze ritangira, icyo Cyicaro gikuru. Bishobora gutangirira ku cyicaro cyanyu hepfo aha, ariko ntabwo biri hejuru. Biterwa n'aho ukomoka. Ni byo.

131 Noneho, sinkeka ko dufite umwanya wo kubona iki kindi, birashoboka ko nahitamo kubireka mu gitondo. Ni byiza, reka dufate aka kantu gato gato. Twabonye, hano, “umubatizo mu mazi.” Twahawe “kumenywa mbere” kandi, yoo, ibintu byinshi. Reka rero dufate ibi, ibi bicye, bigufi bimwe bijyanye n' “ababwiriza b'abagore,” hanyuma mwitegereze ibi.

132 Noneho, ubu, madamu umubwiriza, sinshaka kukubaza ibyiyumvo byawe, ariko ndashaka kukubwira ikintu kimwe. Ntagace na kamwe wabona k'Ibyanditswe, nta na kamwe muri Bibiliya. Yego, nzi aho ugiye, kandi narangije kumenya ibyawe byose, yego, “Abahungu bawe n'abakobwa bawe bazahanura.” Noneho, niba pasiteri wawe atazi icyo izina “guhanura” bisobanura, we nta—ntacyo azi. Ntabwo afite byinshi byo gukora inyuma y'igicaniro, agerageza kukubwira kuba umubwiriza. Murareba? Ni yo mpamvu, rwose, byamaganwe kuva ku Itangiriro kugeza mu Byahishuwe. Noneho reka mbikwereke, ni murebe.

133 Noneho ndashaka ko mumpindukiza mukanyerekeza muri Timoteyo wa mbere 2:11. Gusa duhindukire hano tubisome

nonaha, kandi turabibona hano, nanone mu, Ibyakozwe n'Intumwa 2. Yego. Kandi gusa u—umva hano gusa icyo Ibyanditswe bivuga kuri iyi ngingo.

¹³⁴ Noneho, umuntu yakomeje kuvuga ngo, “Ni byiza, Mwene Data Branham, uri umuntu wanga abagore gusa.” Ntabwo ndi umwanzi w'abagore. Ndi...Gusa sinkunda kubona abagore bagerageza gufata umwanya utari uwabo.

Muribuka kuri Howard Shipyard hejuru hano, hamwe amato manini ahagarara ku Ruzi rwa Ohio? Bashyira umugore hejuru yabwo. Muribuka uko byagenze.

Baha umugore uburenganzira bwo gutora. Mwabonye uko byagenze.

¹³⁵ Reka mbabwire nonaha. Ntabwo ari uruhu rw'abagore gusa. Ndashaka ko abagabo bumva ko nabo bibareba. Ariko reka nkubwire ikintu, mwene Data. Iri shyanga ni igihugu cy'umugore. Nzagaragaza ko ku bwawe, ku Byanditswe byera, ku bintu byose ushaka ko byerekanwa. Ubu ni...Ni iki kigaragara ku mafaranga yacu? Umugore. Yabimenyeye he? Mu Byahishuwe, hano, muramubona. Afite numero cumi n'eshatu, kandi, ibyo yatangiye byose; inyenyeri cumi n'eshatu, imirongo cumi n'itatu, ibihugu cumi na bitatu. Cumi na bitatu, ibintu byose byari cumi na bitatu, mu ntangiriro. Agaragara mu gice cya 13 cy'Ibyahishuwe. Umugore, cumi na bitatu!

¹³⁶ No muri 1933, igihe Umwami...Mu gihe twakoraga amateraniro hano aho iri torero rya Kristo rihagaze ubu, inzu ya kera ya Masonic, iyerekwa ry'Umwami ryanzanye hano ndabihanura “Ubudage bwahaguruka bugashyiraho uwo Murongo wa Maginot ahongaho.” Benshi murabyibuka. N'ukuntu bose bari gukomera aho ngaho, kandi Abanyamerika bahakubitirwa bikomeye aho ngaho kuri uwo murongo. Kandi na none navuze ku bizaba, no kuri Roosevelt ndetse n'ibindi, uko azihutira kwiyamamaza agatsindira iyo manda ya kane. Birakwiye, neza neza n'uburyo bizagenda. Na none navuze kandi ko imodoka zizakorwa zizaba zimeze nk'igi, kugeza mu minsi ya nyuma zizaba zimeze nk'igi. Nanjye nti: “Bizaza ko izo modoka zitazayoborwa na diregisiyo. Bizaba ikintu kindi kiziyobora.” Ni imodoka ziri gusohoka ubu zitwarwa na telekomande, ku buryo bwizewe. Ni ukuri. Ntushobora kwinjira mu muji...Noneho, zone ya kilometero makumyabiri, ushobora kugenda ibirometero makumyabiri gusa. Ntushobora kugonga indi modoka, kubera ko ifite kugenzurira kure. Murareba, birimo kugenda gutya, kandi ubungubu. Nanjye nti: “Wibuke, kuri uriya muni, mbere y'uko igihe cy'imperuka kiza, mbere y'igihe cya nyuma, ko umugore...Noneho, mwese mukomeze mubyandike. Hazabaho umugore ukomeye, ukomeye ahaguruke, yaba Perezida, cyangwa umunyagitugu, cyangwa umugore w'imbaraga zikomeye muri izi Leta Zunze Ubumwe za

Amerika. Kandi aziruka, abitewe n’abagore. Noneho, muribuka, UKU NI KO UWITEKA AVUZE.” Murareba?

¹³⁷ Kandi aribeshya. Kandi ni iki cyamuhaye inzira? Reka nkubwire. Ba umunyamwuka. Reka... Dufungure. Nimurebe. Kuki bigenda bityo? Kugirango bihe kiliziya Gatolika ahantu ho kwinjirira. Murareba? Murasenga izi filime z’ibyamamare n’ibindi bintu byose bitandukanye hano. Mwibuke ikibwiriza nabwirije? Margie, urabyibuka, imyaka yashize, ku—ku gitero cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, guhirika guverinoma ya Amerika. N’uburyo ibyo navuze ko yakuriye i Paris tumaze kubakiza abo bagore hariya, vino n’ibihe bikomeye. Kandi yamuritse neza muri Hollywood. Noneho, aho gutuma i Paris gushaka moderi, babohereza hano kugira ngo bahabwe moderi. Yakoze iki? Yabonye... Ntabwo twakwemerera abana bawe kujya aho bamurika amashusho, ariko yahise yinjira muri televiziyo, aragenda ahita yanduza ibintu byose, amwirukana hanze. Kandi hano turi uyu muni, abakobwa bato n’abahungu bose, bose nk’ubwoko bumwe bw’abakinnyi b’izi televiziyo. Ni ibiki? Irimo gushakisha inzira. Muhungu, umugore umwe uzwi cyane ashobora kohereza abantu benshi ikuzimu kuruta ingingo zose z’ibizira ushobora gushyira mu muji. Ni byo. Witegereze amanuka mu muhanda imyenda ye yose yayiyambuwe, atitaye ku mugabo uwo ari we wese, niba ari umugabo muzima usanzwe, iyo yitegereje umugore agomba kugira icyo amurusha. Noneho tuvugishe ukuri. Ntacyo nitayeho... .

¹³⁸ Nagize Umwuka Wera imyaka myinshi. Ntushobora kwitegereza umugore n’igice cye kimwe cyambaye ubusa... Njye—Njye nitwaza umusaraba muto mu modoka yanjye, benshi mwarabibonye. Hari uwambwiye ati: “Uri Umunyagatolika?” Ni hehe Abanyagatolika bagiriye amahitamo yabo ku musaraba? Umusaraba bisobanura “Umukristo.”

¹³⁹ Abo bato bato bashaje ba Mutagatifu Cecilia n’ibintu nk’ibyo biranga Ubunyagatolika. Ntabwo twemera ibintu nk’ibyo. Twizera Kristo. Bafite ubwoko bwose bw’abantu bapfuye basenga. N’uburyo bwo hejuru bw’ubupfumu. Ni byose, gusenga abapfuye. Oya ikintu nk’icyo, oya.

¹⁴⁰ Nabajije uwo mupadiri. Ndaravuga nti: “Kuki, none, niba... .Petero yari papa wa mbere?”

Aravuga ati: “Ni byo.”

¹⁴¹ Ndaravuga nti: “Noneho kuki Petero yavuze ati: ‘Nta wundi muhuza uri hagati y’Imana n’umuntu uretse uwo Muntu Kristo Yesu’? Kandi mufite abagore ibihumbi bitanu bapfuye, n’ibindi byose, mubagira abunzi. Nonese byagenze bite?” Nguko uko bimeze. Ntibabibonera igisubizo. Ibyo ni ukuri.

¹⁴² Noneho zimwe mu nyigisho zabo, inyigisho zabo z’ibinyoma, itsinda ry’abahanuzi b’Abaporotestanti b’ibinyoma bazengurutse bigisha ibyo bintu, kandi mwebwe

Abaporotestanti murabyakira. Ni byo rwose. Amadini n'uburyo bwayo bwo kubatiza, n'amabwiriza atandukanye n'ibintu arimo kunyuramo, ntabwo rwose ari Ibyanditswe. Binyuranyije n'ibyo, mu Byanditswe byera, nyamara mukabyishoramo ako kanya. Ni ukuri.

¹⁴³ Noneho nimwumve ku byerekeye ababwiriza b'abagore. Ni byo. Timoteyo wa mbere, ndashaka Timoteyo wa mbere 2:11. Noneho umva ibyo hano havuga.

Reka umugore wawe yigane ituzza hamwe no kuganduka rwose.

Ariko sinemera ko umugore yigisha, cyangwa agategeka umugabo, ahubwo agire ituzza.

¹⁴⁴ Ntabwo nshinzwe kubishyiramo. Nshinzwe kukubwira ko biri mo. Murareba? Murareba?

Reka umugore yigane ituzza kandi aganduke rwose. (Niba warigeze kujya mu rusengero rw'Abaworutodogisi ukabitegereza, reba. Urareba?)

Ariko sinemera ko umugore yigisha, cyangwa agategeka umugabo (kuba umushumba, umudiyakoni, cyangwa ikindi kintu nk'icyo) hejuru y'umugabo, murareba, gutegeka umugabo, ahubwo agire ituzza.

Kubera ko Adamu ari we wabanje kuremwa, nyuma hagakurikiraho Eva.

¹⁴⁵ Mwari mubizi? Noneho nimwumve, bagore. Mwa bagore beza b'Abakristu mwe, bakiranutse muri ikintu cyiza Imana ishobora guha umugabo, cyangwa ikamuha ikindi kitari icyo. Yego mugenzi. Murareba? Umugore ntiyari no mu byaremwe bya mbere. Umugore ntabwo ari ikiremwa cyaremwe n'Imana. Ni icyakuwe mu mugabo. Imana yaremwe umugabo, umugabo n'umugore. Arabatandukanya. Umugabo amaze gutura kw'isi yita ku nyamaswa, kandi aba hano igihe kirekire, Yakuyemo urubavu rw'uruhande rumwe rwa Adamu, nk'icyari cyararemwe, aruremamo umugore. "Adamu yabanje kuremwa, hanyuma Eva." Noneho murebe.

Kandi Adamu ntiyashutswe, ariko umugore ni we washutswe ahinduka umunyabicumuro.

¹⁴⁶ Imana yafashe umugabo. Satani afata umugore. Mubyitegereze neza, neza neza uko bimeze, ni cyo kibitera uyu muni. Nimurebe Itorero nyaryo ry'Imana, rizavuga riti: "Yesu!" Antikristo akavuga ati: "Mariya!" Murareba imyuka. Murareba? ni byo biriho. "Ndakuramutsa Mariya, nyina w'Imana, urahirwa mu bagore, kandi udusabire twe abanyabyaha none, n'igihe tuzapfira. Amina. Mariya, senga!" Yoo, mbega, birakwiye! Murareba, ngaho genda, "umugore," igikoreshe cya satani. Kristo, ni we gikoreshe cyo gusengwa, kandi wenyine! Muri maso. Murakurikiye.

¹⁴⁷ “Adamu yabanje kuremwa, hanyuma hakurikiraho Eva.” Adamu ntiyashutswe. Ni gute ushobora kugira umushumba w’umugore, umudiyakoni? Adamu ntiyashutswe, ariko umugore yarashutswe. Mu by’ukuri yari... Ntiyatekereje ko yibeshye, ariko yariibeshye. “Umugore washutswe ahinduka umunyabicumuro.” Kubera ko, we, igihe cyose habaho gu—gushyingura aho hose mu mayira, ni umugore wabiteye. Igihe cyose uruhinja ruvuza induru, ni umugore wabiteye. Igihe cyose umuntu apfuye, ni umugore wabiteye. Imisatsi yose y’imvi, ni umugore wabiteye. Ibintu byose, n’urupfu, ni umugore wabiteye. Ibintu byose bibi, ni umugore wabiteye. Noneho mushyire ku mutwe w’itorero, abe pasiteri, yoo, umuyobozi mukuru rimwe na rimwe. Biteye isoni kuri we.

¹⁴⁸ Noneho reka nguhindure muri ibi, undi, munota umwe gusa. Murareba? Noneho reka duhindukire turebe mu Bakorinto ba mbere 14:32 hariya, hanyuma turebe ibyo Pawulo avuga hano, maze duhite tujya ku bindi, mu munota umwe gusa. Noneho ntidushaka kubafata igihe kirekire cyane, mushobora kunanirwa cyane mu gitondo ntimubashe kugaruka. Byose. Ndashaka gusoma. Ni bangahe bizera ko Pawulo yari umwigisha wahumekewe? Noneho, ni mwibuke, Pawulo yandikiye Timoteyo. Murareba? Ibyo, noneho, Abakorinto ba mbere 14:32. Noneho reka duhere hano, hanyuma dutangire gusoma hano, 14:34, ndizera.

Mureke abagore banyu bacecekere mu matorero: . . .

¹⁴⁹ Wigeze wumva ibyo yavuze?

Mureke abagore banyu bacecekere mu matorero: kuko ntibemerewe kuvuga; ariko bategekwa kumvira, . . .

¹⁵⁰ Mwaba mubona neza aho mubisoma? Niba mwahabonye, musubire inyuma murebe niba bidafata Itangiriro 3:16. Igihe Imana yabwiraga Eva, kuko yumviye inzoka aho kumvira umugabo we, ko azamutegeka iminsi yose y’ubuzima bwe. Ni gute umugore ashobora gutegeka umugabo, kuba umushumba cyangwa umudiyakoni, mu gihe Bibiliya yavuze ngo “aganduke,” nk’uko byari bimeze mbere? Iyo We. . . Imana—Imana ntishobora guhinduka. Ntimushobora gutuma Ijambo rivuga ikintu kimwe hano ngo ryongere rivuge ikindi hariya. Ntabwo ribikora. Rivuga ikintu kimwe igihe cyose.

¹⁵¹ Rero, mu ntangiriro, ni ho, mbere y’uko ibi birangira, niba mbonye amahirwe, Ndashaka gukemura icyo kibazo cyo *Gushyingiranwa no Gutana* kuri mwe. Sinigeze mbikora muri iri torero. Ariko murebe aya masezerano abiri. Umwe avuga ko ashobora kurongora; abandi bakavuga ko badashobora kurongorwa; kandi uyu uvuga ibi, ibyo, cyangwa ibindi. Tegereza gato urebe icyo Bibiliya ivuga, nitugera kuri ibyo. Murareba? Byose. Noneho murebe hano.

*Mureke abagore banyu bacecekere mu matorero: . . .
ntibemerewe kuvuga; ariko bategekwa kumvira, nkuko
amategeko nayo avuga.*

¹⁵² Noneho, mw'Isezerano rya Kera, ntibari bemerewe kuvuga, 'kubera ko Pawulo yavuze hano ko batari babyemerewe. Ni byo? "Mureke abagore banyu baceceke. Ni ukumvira." Noneho niba aho muzakoresha gusoma kwanyu, mugasubira mu Itangiriro 3:16. Murareba? Ni byiza cyane. "Munsi, nk'uko amategeko avuga."

*Niba kandi ba... bashaka kugira icyo bamenya,
reka... ba—babibarize abagabo babo... mu rugo: kuko
biteye isoni ko umugore avugira mu'itorero.*

Ni iki? . . .

¹⁵³ Noneho reba icyo kimenyetso cy'akabazo kuri buri Bibiliya yawe, kuri iyo, "Ni iki?" Ni iki cyatumye Pawulo abivuga kandi akabigenza gutyo? Noneho, niba uzigera ubona amabaruwa Abakorinto bandikiye Pawulo. Noneho, ushobora kuyashyira mu bitabo byiza byose, murareba, ko Abakorinto bandikiye Pawulo. Baramwandikiye baramubwira, nyuma y'uko aba bagore bahindutse... Bafite i—ikigirwamana kiri hariya, cyitwa "Diyane." Kandi cyari icyo muri Efeso. Kandi Abakorinto basengaga kimwe, 'kubera ko byari ugusenga bya gipagani. Basanga urutare hanze mu murima umunsi umwe, rwasaga nk'umugore. Baravuga bati: "Imana ni umugore, kandi yatumanuriye ishusho yayo." Kandi urusengero rwabo rwari kure cyane y'urusengero rwa Salomo ni ko abanyamateka bavuze. Yoo, byose byari ibuye rya marble, yometseho zahabu; aho, urusengero rwa Salomo rwakozwe mu masederi, yometseho zahabu. Murareba? Kandi rwari kure yarwo. Kubw'ibyo rero, niba Imana yari u—umugore, kubera iki, byanze bikunze, ishobora kugira abavugabutumwa b'abagore. Ni byo, niba Imana ari umugore, umubwiriza w'umugore afite ukuri. Ariko, Imana ni Umugabo. Bibiliya yavuze ko yari Umugabo, kandi ni Umugabo. Murareba? Niba kandi Imana yari Umugabo, byakagombye kuba umugabo.

Noneho icyitonderwa hano, "Ni iki?"

¹⁵⁴ Noneho, bamwe muri abo bagore b'abavugabutumwa, igihe bahindurwaga bava mubupagani bajya mu Bukristu, batekerezaga ko bashobora gukomeza imirimo yabo nk'ababwirizabutumwa, gusa byagenze neza. Niba babwirije hariya ku byerekeye Diyane, bazaga na hano bakamamaza ibya Kristo.

¹⁵⁵ Yaravuze ati: "Ni iki? Yasohoye Ijambo ry'Imana..." Mubyumve neza. Mwene Data, abakozi b'Imana babigenza bate? Umurongo wa 36.

Ni iki? mbese kuri mwe ni ho ijambo ry'Imana ryaturutse? cyangwa se ryageze kuri mwebwe mwenyine?

Nihagira umuntu wibwira ko ari umuhanuzi cyangwa se ko afite umwuka (nta n'ubwo ari ngombwa kuba umuhanuzi; ahubwo kuba umuntu utekereza iby'umwuka), reka amenye yuko ibyo mbandikiye ari itegeko ry'umwami wacu. (Murabyizeye?)

Ariko natabyemera nawe ye kwemerwa.

¹⁵⁶ Noneho, ibyo birasa neza nko kubigenzura nk'uko nzi kubikora. Urabona? Yaravuze ati: “Niba umuntu ari umuntu w'umwuka, cyangwa umuhanuzi, azemera ko ibyo nanditse hano ari Amategeko y'Umwami.” Ariko yaravuze ati: “Niba ari—niba agiye kuba injiji, reka areke kuba injiji.” Urabona? Ni icyo gusa ushobora gukora. Niba bashaka kubijyamo, ugomba kubareka bakagenda, 'kubera ko yabibonye bitangirira aho.

¹⁵⁷ Umugore umwe yarambwiye ati: “Yewe, Pawulo yari umuntu wanga abagore gusa.”

¹⁵⁸ Ntiyari umwanzi w'umugore. Murabizi, Pawulo yari intumwa, yo ku Itorero ry'Abanyamahanga. Murebe hano. Mwigeze kumenya Pawulo... Ni bangahe bizera ko ari byo Pawulo yabwirije? Ni byo we—we yavuze hano? Pawulo yaravuze ati. . .

¹⁵⁹ Uravuga uti: “Rero, tegereza umunota umwe, mwene Data Branham. Umunota umwe gusa! Noneho, umwepisikopi wacu avuga ko ibyo ari byo. Umugenzuzi rusange arabivuga, Iteraniro, rivuga ko byose ari byiza. Umwepiskopi Ntavuguruzwa avuga ko ari byiza.”

¹⁶⁰ Sinitaye ku byo bavuga. Ni ibinyoma! Kandi nababwiye ko twari tugiye kubikubita tutababarira. Kandi abahanuzi b'ibinyoma bashoboraga kubivuga. Kubwa Bibiliya yavuze iti: “Niba hari umuntu wibwira ko ari umunyamwuka, cyangwa umuhanuzi, reka yemere ko ibyo mvuga ari Amategeko y'Umwami.” Niba kandi umwuka we udahamanye n'iryo Jambo, ni umuhanuzi w'ibinyoma, mu gutangira. Nahitamo kuba umwanzi-w'umugore kuruta umukunzi-w'umugore, kujya mu bintu by'umwanda nk'ibyo, kwihanganira ibintu by'umwanda nk'ibyo mw'Itorero ry'Imana, binyuranyije n'amahame y'Imana. Pawulo ati... Shaka Abagalatiya 1: 8. Pawulo yaravuze ati: “Niba umumalayika wo mw'Ijuru yabwiriza ubundi butumwa bwiza butari ubwo nababwirije, reka avumwe.” Ubu ugiye gukora iki kuri Ibyo?

¹⁶¹ Noneho uravuga uti: “Bite aho Byavuzwe ngo: ‘Abahungu bawe n'abakobwa bawe bazahanura, 'muri Yoweli, kandi—kandi ni hehe Petero yabivuze ku Munsu wa Penekosite?’ Ni byo rwose.

¹⁶² Wari uzi ko, mu Isezerano rya Kera, ko inzira yonyine, n'inzira yonyine ubu, umuntu wese ashobora kwinjira mu bwumvikane, binyuze, kuri...Aburahamu ni we wahawe amasezerano, ni—n'ikimenyetso cy'isezerano cyari kunyura mu gukebwa. Ni bangahe babizi? Ibyo byari Imana ibihamya.

¹⁶³ Kimwe na mwene Data w'Umubatisita, yaravuze ati: "Mwene Data Branham, kubera iki, twebwe Ababatisita twahawe Umwuka Wera."

Ndaravuga nti: "Mwawuhawe ryari?"

Ati: "Igihe twizeraga."

¹⁶⁴ Ndaravuga nti: "Pawulo yaravuze ati: 'Mwakiriye Umwuka Wera kuva mugitangira kwizera?'" Murabona? Ndaravuga nti: "Noneho, mwebwe Babatisita muze muhabwe bimwe muri Byo, kandi tuzaganira na mwe kuri bimwe ku mutekano Uhoraho." Ndaravuga nti: "Ariko, erega, ese nk'ibyo ubikura he?" Urabona?

¹⁶⁵ Aravuga ati: "Wawuhawe *kuva* ugitangira kwizera?" Bari abaziraga, kandi bafite induru n'ibyishimo n'ibindi bintu byose. Bari batarahabwa Umwuka Wera. Pawulo yavuze ko batawuhawe. Murareba? "Mwahawe Umwuka Wera kuva mugitangira kwizera?"

Baravuze bati: "Ntabwo tuzi niba Umwuka Wera ubaho."

Ati: "Noneho mwabatijwe mute?"

¹⁶⁶ Bati: "Twarabatijwe." Ariko, mu kinyoma, murareba. Yagombaga rero kongera, kubatizwa. Ni byo.

¹⁶⁷ Noneho menya ibi ubungubu, ko abo bagore b'ababwiriza, iyo binjiye, bibwiraga ko bagomba gufata ubutware bwabo. Ariko ntabwo byemewe rwose n'Imana kubikora. Reka...mu gihe tuvuye ukuri kuri iyi ngingo hano, aba bagore, reba. Kandi ibyo, ubu, yaravuze ati: "Niba muri mwe hari umuntu, w'umunyawuka, cyangwa umuhanuzi, reka yemere ko ibyo nanditse ari Amategeko y'Umwami. Ariko niba ari injiji, reka abe injiji." Ni yo mpamvu u...uru rusengero rudahagarara ngo rushyireho ababwiriza b'abagore, abadiyakoni b'abagore, cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose umugore yakora mu buyobozi bw'iri torero, ni ukubera ko ibi Byanditswe byera birambuye hano ari ukuri kwambaye ubusa.

¹⁶⁸ Noneho, Bibiliya yaravuze iti: "Abahungu n'abakobwa bawe bazahanura." None, ijambo *guhanura* risobanura iki? Reba hejuru. Ni u "kugira icyo uvuga, uhumekeke," cyangwa "kuvuga ikintu kitaraba." Ni ijambo ryuzuye.

¹⁶⁹ Nk'uko *kwezw*a bisobanura kuba "usukuwe, no gushyirwa ku ruhande ku bw'umurimo." Urabona? Nyamara, ni ijambo ry'uruvange, risobanura ikintu kirenze kimwe, nk'uko twaribonyemo byinshi hano mu Cyongereza.

170 Nk'uko, twavuga ijambo "ikibaho." Ni byiza, *ikibaho* cyaba gisobanura iki? Uravuze uti: "Ni byo, bivuze ko yishyuye *ikibaho* cye." "Oya, nta na rimwe. Yashakaga kuvuga ko *yarambiwe* umwobo." "Oya, nta na rimwe. Yashakaga kuvuga ko *amurambiwe*." Cyangwa, murabona, ijambo gusa, mugomba kumenya ibyo murimo kuvuga. Murareba?

171 Kandi uko ni ko bimeze n'iri jambo ry'uruvange, aho, "Abahungu n'abakobwa bawe bazahanura." Noneho, uburyo bwonyine Imana...

172 Uyu Mubatisita yaravuze ati: "Ni byiza, twahawe Umwuka Wera." Ndavuga nti... "Noneho tugitangira kwizera." Naravuze... Noneho, reba, yaravuze ati: "Imana iha Aburahamu i..." Aravuga ati: "Aburahamu yizeraga Imana." Ni uburyo yabivuzemo. Yaravuze ati: "Aburahamu yizeraga Imana kandi yarayitiriwe ku bwo gukiranuka." Ni bangahe bazi ko ari ukuri? Noneho itegereze uko—uko kuntu Satani ashobora kunyereza ibyo kuri mwene Data. Murareba, nk'uko bisanzwe. Rero, ibyo ni Ibyanditswe.

173 Mwene Data, ndakubwiye, muri ibi biri hejuru hano, ugomba kuba uwasizwe mbere y'uko winjira muri ibi. Mugomba kwinjira ahantu h'ibanga mugasenga. Abantu baravuga bati: "Kuki mudasohoka ngo murebe abantu?" Mwene Data, niba ugiye kuvugana n'abantu cyangwa kubigisha, byaruta kuguma wenyine, hamwe n'Imana, mu gihe gito, mbere yuko winjira kuri icyo gicaniro. Mu by'ukuri, murareba, kuberako Satani ari umuriganya, umuriganya cyane.

174 Aka kanya aravuze, itegereze, ati: "Aburahamu yizeraga Imana, kandi yarayitiriwe ku bwo gukiranuka." Ni byo. Yaravuze ati: "Ubu, ni iki kindi Aburahamu yakora uretse kwizera?"

Ndavuga nti: "Ibyo ni byo byonyine yashoboraga gukora."

175 Aravuga ati: "Ni iki kindi washobora gukora cyangwa undi muntu wese yakora ariko ukizera?"

176 Ndavuga nti: "Ibyo ni byo byonyine dushobora gukora. Ariko reba, mwene Data, noneho Imana yiyunze, cyangwa yamenye kwizera kwa Aburahamu. Imuha kashe, ikimenyetso cyo gukebwa, nk'ikimenyetso cy'isezerano. Murareba? Iramuha. Yaravuze iti: "Noneho, Aburahamu we, nzamenya kwizera kwawe, rero ngiye kuguha ikimenyetso none ko nakwakiriye."

177 Rero Yakebye Aburahamu, kandi cyari ikimenyetso cy'isezerano. Noneho muri iki gihe... Noneho, umugore ntashobora kuba muri ayo masezerano; cyeretse umugore wubatse gusa. Menya ko, ntushobora gukeba igitsina gore; rero, bagombaga kwinjiranamo, bityo we n'umugabo we bakaba umwe. Ntibakiri babiri; ni umwe. Ni bangahe babizi? Ibyanditswe biravugaga. Rero, kuba yarubatse, hanyuma ba—bagahinduka umwe. Manuka urebe hano muri Timoteyo, yavuze

ikintu kimwe, yaravuze ati: “Noneho mu kwihangana kwe azakirizwa mu kubyara, niba akomeje mu kwizera no kwera hamwe n’ubushishozi bwose.”

¹⁷⁸ Noneho, ariko, rero, gukebwa kw’Isezerano rya Kera byari mu mubiri, ariko muri iri Sezerano Rishya, Yoweri yaravuze ati: “Nzasuka Umwuka wanjye ku mubiri wose, kandi abahungu n’abakobwa bawe bazahanura.” Noneho, ijambo *guhanura* ntabwo risobanura kwigisha. *Ubuhanuzi* bisobanura “kuvuga ibyo wabonye, uri munsi yo guhumekerwa,” cyangwa “kuvuga ibitaraba bishimangira ibizaba.” Kandi tuzi ko mw’Isezerano rya Kera harimo abahanuzikazi. Ntibashoboraga kuvugira mu nyubako, kuvugira mw’itorero, mw’iteraniro, nk’umwarimu. Ariko we, Ana, kandi benshi muri bo mu rusengero, bari abahanuzikazi, kandi bari... Miriyamu yari umuhanuzikazi, cyangwa ikindi kintu nk’icyo. Yari afite Umwuka kuri we, ni byo, ariko yari afite aho agarukira. Abagore bashobora kuba abahanuzi muri iki gihe, rwose; ariko ntabwo ari abarimu, n’ibindi n’ibindi, hano ku ruhimbi. Urakora, utuma—utuma Bibiliya yivuguruzwa yo Ubwayo. Bibiliya ntishobora kuvuga ikintu kimwe *hano*, n’ikindi kintu *hariya*. Igomba kuvuga ikintu kimwe igihe cyose atari ibyo ntiyaba ari Ijambo ry’Imana. Murareba? Rero, “Abahungu n’abakobwa bawe bazahanura,” bivuze ko bazavugaga “ibizaba mbere yo kuba” cyangwa “guhama.” Noneho, murabireba mukabona inkoranyamagambo ya Bibiliya niba atari ukuri. “Abahungu n’abakobwa bawe bazahanura.”

¹⁷⁹ Noneho, Bibiliya ivuga kandi ku mugore wabyiyitiriyeye, bityo, cyangwa akavugaga ko ari we... Ibi byakorana na kiliziya Gatolika, kandi byakorana ha... hamwe n’iyi ngingo tugiye kuvugaho nonaha. Reka duhindukire turebe mu Gitabo cy’i—Ibyahishuwe, kandi reka turebe ibijyanye n’i—igice cya 2 n’umurongo wa 20, mu gihe gusa tukiri hano hafi yacyo, kugira ngo mubashe kubona munanitegereze ukuntu ibyo bintu ari ibya satani, kuvuga ibizaba muri iyi minsi ya nyuma, uburyo ibyo aba... icyo uyu mugore yaba ari cyo. Mwibuke, kiliziya Gatolika ni umugore. Twabisomye gusa, si byo? Umva ibi ubungubu, uko Bivugaga. Ibyahishuwe 2:20, “Noneho ibyo ari byo byose...” Arimo kuvugana n’iri torero rya Tiwatira, murebe, “Noneho ibyo ari byo byose...” Ari ryo torero ry’imyaka yo hagati aho, ryanyuze mu Bihe by’Umwijima.

Nyamara mfite icyo nkugaya, kuko ukundira urya mugore Yezebeli, wiyita umuhanuzikazi akigisha... imbata zanjye akaziyobya kugira ngo zisambane, kandi ziryeye intonorano. (Murareba?)

¹⁸⁰ Noneho, niba mwitegereza, nimurebe iki gisekuruza cy’itorero, noneho turagana ku musozo. Noneho mu gitondo turaza gufata ibindi bintu. Nimurebe. Muri... Munsi ya—ya cya gitereko cy’amatabaza cya zahabu cyo mu rusengero

rw'Abayahudi, imbere, y'umugati wateganijwe n'ibindi, hari amatabaza arindwi ya zahabu. Mwese murabizi. Murareba? Hariho ibihe birindwi by'itorero. Ibyo bivuga ibihe birindwi by'itorero, urumuri. Noneho niba mubonye mu Byahishuwe 1, dusanga Yesu ahagaze mu bihe birindwi by'itorero, amatabaza arindwi ya zahabu, ahindukiye abona Umwe usa nk'Umwana w'umuntu, ahagaze, yambaye nka kwa kundi. Ni Umugeni uhagaze mu matabaza, yateguwe.

¹⁸¹ Noneho, Isezerano rya Kera, bafataga i... itabaza rimwe, bakaryatsa, bagafata irindi tabaza hanyuma bakatsa iryo rindi, bagacana iryo, rimwe ku rindi, nka gutyo, kugeza bakongeye amatara arindwi yose.

¹⁸² Niba mubyitegereje neza, mu itangiriro, ni igihe Imana yatangiye guhangana n'Abayahudi, kandi banyuze mu gisekuruza cy'izahabu. Noneho haza ibihe by'umwijima mu bikorwa by'Abayahudi, Imana yagiranye n'Abayahudi, byari ku ngoma ya Ahabu. Niba kandi mubishaka, musome iby'ayo matorero hariya, Yongeye kubigarukaho. Aravuga ati: "Hari ikintu runaka," ati... Noneho, muri kiriya Gihe cy'Umwijima, imyaka magana atanu ahongaho, cyangwa mu gihe cya Ahabu, uwambere, n'Abayahudi. Igihe cy'umwijima bari bafite, igihe Ahabu yashakanye na Yezebeli akazana ibigirwamana muri Isiraheli, atuma abantu bose babisenga nyuma Ahabu... bayoboka imana ya Yezebeli. Muribuka, bafashe, bashyiraho ibiti, bamanura ibicaniro by'Imana. Eliya arataka ati: nsigaye ndi "umwe rukumbi," kandi Imana yari ifite magana arindwi batigeze bapfukamira Bayali. Murabyibuka? Ubwo ni bwo bwoko bw'iryo Torero ryatowe risohokamo. Murareba hano? Nimurebe uko bimeze?

¹⁸³ Noneho, muri iri torero, niba uzabona itorero rya mbere, itorero rya mbere, ni itorero rya Efeso, ryari itorero rikomeye. Yaravuze ati: "Wabonye urumuri, nyamara." Niba ubonye, buri torero, ritangira gucika, gucika intege, gucika intege, kugeza rigeze kuri Tiwatira. Noneho, imyaka magana atanu. Hanyuma rikagaruka ku rundi ruhande, "Kandi rifite urumuri ruke. Komeza ibyo wakiriye, kugira ngo itabaza ryawe ridakurwaho." Kandi iramanuka noneho mu gihe cy'itorero rya Filadelifiya, hanyuma haza igihe cy'itorero rya Laodikiya.

¹⁸⁴ Noneho, dore ubwiza. Yoo, mbega! Gusa ibi ndabikunda, Mwene Data Smith. Murareba, ni mwitegereze ibi. Noneho, muri iki gihe cy'itorero, nk'uko twanyuzemo... Noneho murebe ibi. Igihe cya mbere cy'itorero ni Efeso, igihe cy'itorero rya Efeso. Noneho, buri ryose muri ayo matorero ashaje, kugeza ageze kuri iyi myaka magana atanu, niba ubyitegereje neza... Mubisome nonaha mugeze mu rugo iri joro, niba mufite umwanya, cyangwa kare mu gitondo, mbere y'uko muza mu rusengeru, ku gice cya 1, icya 2, n'icya 3 cy'Ibyahishuwe. Muzabimenya, buri gihe cyose muri ibyo bihe by'itorero, Yaravuze ati: "Ufite imbaraga nkeya,

ariko ntiwigeze wihakana Izina Ryanjye,” kugeza Ageze kuri iyi myaka magana atanu ya Tuwatira, Igihe cy’Umwijima. Hanyuma Akagana ku rundi ruhande, aavuga ati:

. . . ufite *izina ry’uko* uriho, nyamara warapfuye.

¹⁸⁵ Kandi uko bimeze, nta na kimwe mu bindi bihe by’itorero, icyo cyangwa igihe cy’itorero rya Filadelifiya, ntabwo yongeye gufata iryo Zina ukundi. Ntabwo yigeze kugira Izina, ‘kuko ryagiye hanze muri iki gihe. Noneho, yewe, ni gute dushobora kubashyira kuri izo nyigisho z’ibinyoma ubungubu, aho ngaho, nkwereke ko ari nyina, kiliziya Gatolika, nyina wa bose, uko ameze “nyina, ubwiru, Babuloni.” Kandi ibyo nyine, murareba, ibi bihe by’itorero hano asohotse, yari afite urumuri ruto, noneho agenda acika intege, acogora, hanyuma aza mw’idini agarutse hano, iyi myaka magana atanu. Kandi ubu yarasohotse, atari nk’itorero ry’Umwami Yesu Kristo, ahubwo nka kiliziya Gatolika. Luteri yasohotse ate? Nk’itorero ry’Abaluteriyani. Umubatisita yasohotse ate? Nk’itorero ry’Ababatisita. Ntabwo Izina Rye, ntabwo Izina Rye; irindi zina, “mufite izina.” “Erega nta rindi zina ryatanzwe muni y’Ijuru mushobora gukirizwamo, uretse Izina rya Yesu Kristo ryonyine.” “Ufite izina ry’uko uriho, nyamara warapfuye,” ibyo ni ibirebena’iryo dini.

¹⁸⁶ “Yoo, Ndi Umuperesibiteriyani,” kandi warapfuye! “Yoo, ndi Umubatiza,” kandi warapfuye! Uri muzima gusa mu gihe uri muzima muri Kristo Yesu. Ni byo. Umubatizo wawe w’ibinyoma, amazi, umubatizo w’ibinyoma; kuminjagira, gusuka, aho kwibiza; gukoresha “Data, Umwana, n’Umwuka Wera,” mu mwanya w’Izina ry’Umwami Yesu Kristo. Ibyo bintu byose by’ibinyoma bibazamo neza, Bibiliya irabivuga, ni nko kubibasukamo uko bishoboka kose. Kandi hano turabyihanganira hamwe na bo, “Ni byiza, itorero ryanjye *rirabyemera*.” Ariko Bibiliya ivuga *Ibi*. Murareba? Nta bintu nk’ibyo. Nta kintu nk’icyo.

¹⁸⁷ Kandi nta hantu na hamwe muri Bibiliya bigeze basohora ururimi hanyuma ngo bafate Ukarisitiya yera, n’umupadiri ngo anywe vino ayita Umwuka Wera. Nta na rimwe muri Bibiliya bigeze bahana ibiganza bagatanga ikiganza cy’iburyo cy’ubusabane, bakacyita Umwuka Wera. Nta muntu n’umwe wigeze ahaguruka ngo avuge ati: “Ubu ndi umwizera,” akira Umwuka Wera. Niba yarabikoze, dore uburyo Iyakozwe n’Intumwa 2 byagombaga gusomwa, “Umunsi wa Pantekote ugeze, mu muhanda haza umupadiri w’Abaroma, yari afite ikora rihindurije. Aragenda, aravuga ati: ‘Mwese musohore urulimi maze mufate Ukarisitiya yera, ugusangira kwa mbere.’” Ntabwo ubwo ari bwo buryo bwo gusoma Iyakozwe n’Intumwa 2?

¹⁸⁸ Ni byiza, mwebwe Abaporotesitanti muri babi. Garuka hariya uvuge uti: “Noneho tuzabagana mwebwe Bametodisite; mubifate mu kiganza cy’iburyo, cyangwa, mubahe ikiganza

cy'iburyo cy'ubusabane, n'amezi atandatu mw'igeragezwa." Ibyo mubisoma he mu Byakozwe 2? Murareba? Ibyo mubikura he? Murareba?

¹⁸⁹ Iravuga ngo: "Ubwo bose bari bari ahantu hamwe, bahuje!" Nta na rimwe musenyeri yazamutse ngo akore *ibi*, kandi nta na rimwe haboneka umupadiri wakoze *ibi*. "Ariko mw'Ijuru humvikanye ijwi rihinda nk'umuyaga uhuha cyane, ryuzura icyumba cyose bari bicayemo." Hariho uburyo baryakiriye, yego, mugenzi nk'umuyaga mwinshi wihuta uturuka mu Bwiza. Ntabwo ryari riturutse mu muhanda cyangwa mu madini amwe n'amwe.

. . . ufite *izina ry'uko* uriho, nyamara *warapfuye*.

¹⁹⁰ Murareba, imyemerere yawe n'amadini byabangamiye Imana muri ubwo buryo, kugeza, "*Ibi* turabyizera, kandi twizera ko iminsi y'ibitangaza yarangiye." Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubivuga. Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira, ngo, "Mushobora guhanahana ibiganza maze mukakira Umwuka Wera." Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira ngo "Mwakira Umwuka Wera iyo mwizeye." Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira ngo: "Mugomba gusukwaho no kuminjagirwaho amazi aho kubatizwa." Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira "kubatizwa mw'izina rya Data, Mwana, na Roho Mutagatifu," mu gihe nta Byanditswe byera bibigaragaza muri Bibiliya. Ibyo ni byo. Nta Byanditswe muri Bibiliya bikubwira kubatizwa gutyo, aho umuntu wese yigeze kubatirizwa, ni mw'Izina rya Yesu Kristo gusa. Abigishwa ba Yohana, bonyine; bagombaga kuza, bakongera bakabatizwa, mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo, kugira ngo babone Umwuka Wera. Ni byo. Noneho, iyo ntabwo ibyo ari yo nyigisho ya Yesu Yonyine. Nzi inyigisho ya Yesu Yonyine. Ntabwo ari iyo. Iyo ni Inyigisho ya Bibiliya gusa. Ni byo.

¹⁹¹ Ariko murahari. Muyimaza iki? Hano hari nyoko. Hano hari nyina w'iyoy myizerere.

¹⁹² Noneho, wasubiza amaso inyuma muri Bibiliya ukambwira aho umuntu uwo ari we wese yigeze aminjagirwaho amazi. Metodiste, Peresibiteriyani, Umugatolika, mbwira aho umuntu umwe wigeze aminjagirwaho amazi, muri Bibiliya. Mubwire aho umuntu yigeze asukwaho amazi, muri Bibiliya, kugira ngo ababarirwe ibyaha. Muhambwire. Mushobora kuhabona? Nimuhabona, muze mundebe, nanjye ndajya mu muhanda mfite ikimenyetso ku mugongo, mvuga ko ndi, "Umuhanuzi w'ikinyoma! Nari nibeshye." Cyangwa, nimugira aho mubibona muri Bibiliya yose aho umuntu uwo ari we wese yigeze abatizwa mu izina rya Data, Mwana, na Roho Mutagatifu, uburyo mirongo inani kw'ijana muri mwe mwabatijwemo. Munshakire Ibyanditswe aho umuntu uwo ari we wese yabatijwe muri ubwo buryo, kandi nzashyira ikimenyetso ku mugongo wanjye

kigira kiti: “umuhanuzi w’ikinyoma,” hanyuma nkigendane mu muhanda nka *gutya*. Kandi munyereke aho umuntu wese wigeze kubatizwa, mw’Itorero rishya, aho atagomba kuza ngo yongere abatizwe, muri ryo... ntabwo ari mw’izina rya “Yesu” gusa, ahubwo ni mw’izina ry’Umwami wacu Yesu Kristo. Ni byo. Reba niba ibyo atari byo.

¹⁹³ Kandi, hano, ni iki? Yari nyina w’abamaraya. Ni iki cyamugize maraya? Ni iki cyamuteye kuba maraya? Inyigisho ze! Ni iki cyabagize maraya? Inyigisho ze!

¹⁹⁴ Kandi niyo mpamvu tutihanganira amadini yabo n’imyemerere yabo. Tugumana umucyo hamwe n’iyi Bibiliya. Sinzi uko mubayeho mu by’ukuri, ariko murabyigishijwe, uko byagenda kose. Ni ukuri. Ibyo birabareba. Sinshobora kubabeshaho. Nshobora gusa kubabwira Ukuri. Ni yo mpamvu tutari idini. Ntabwo nabikora—ntabwo twakwifuzaga kwiyaanduza ngo twinjire mu bintu nk’ibyo, mugomba gukomanga ‘hasi mu buryo runaka bw’inyigisho. Nahitamo gufata inzira imwe hamwe n’Umwami wasuzuguye. Nahitamo kugumana umucyo kandi ntanduye imbere y’Ijambo n’Imana, muhagarare aho, muvuge muti: “Nta maraso y’umuntu ku mwambaro wanjye.” Ni yo mpamvu tuguma ku Rusengeri rwa Branham. Ni yo mpamvu tutari Inteko. Ni yo mpamvu tutari Abanyabumwe. Ni yo mpamvu tutari aba Yesu Wenyine. Ni yo mpamvu tutari Abametodiste. Ni yo mpamvu tutari Ababatisita. Gusa u—urusengeri ruto hano. Ntabwo dufite idini na rimwe. Turi ab’umudendezo, muri Kristo. Ni yo mpamvu tuguma uko turi. Kandi Imana yaduhaye imigisha, Imana iradufasha.

¹⁹⁵ Noneho, dushobora kukubwira impamvu dufata ifunguro ryera, tukakubwira impamvu twozanya-ibirenge, impamvu tutemera ko abanyamuryango bafata ifunguro ryera niba bazi ko bari mu cyaha. Ni yo mpamvu, ibi byumweru bibiri cyangwa bitatu bishize, nagiye nsura umunyamuryango kuw’undi, aho hirya no hino mwatangiye kwijujuta, nabo. Kuzenguruka, umwe ntabwo yavuganaga n’undi, yanyura mu muhanda undi agahindukiza umutwe. Biteye isoni kuri mwe, abafashe ku gikombe cy’Imana cy’umugisha hano, kuri iki gicaniro, mugahamagara bene Data na bashiki bacu, noneho nimufate telefone mukemure ibibazo mufitanye umwe ku wundi. Ntimukwiriye kwitwa Abakristo mu gihe mumeze gutya. Ni byo. Mufunge telefone; niba mudashobora kuvuga ibyiza ku muntu, ntimukayivugireho na gato. Nimwibuke, Imana igiye kubibabaza. Igihe cyose umwuka nk’uwo uri muri wowe, uzi ko udakwiriye kwegera Imana. Niba utabyiyumvamo...

¹⁹⁶ Niba umuntu ari mu makosa, musange mwiye. Niba mudashobora kwiyunga, fata undi aguherekeze mujyane. Ntibitangaje kubona Imana ishobora guhana Itorero Ryayo, ‘kubera ko mutabikora neza. Aho gutelefonana ngo muvuge kuri ibi, ku byabaye, hamwe n’utubazo duto duto n’ibindi, hirya

no hino. Aho gukora ibyo, kuki mudakora ibyo Bibiliya ivuga? Niba hari mwene Data waguye mu makosa, jya kumureba umusange urebe niba udashobora kwiyinga na we. “Noneho, yarabinkoze!” Sinzi icyo yakozwe, genda umusange uko byagenda kose! Ntabwo bivuze ko we agusanga. Uramusanga niba yibeshye. Ukavuga uti: “Emwe, yari mu makosa. Agomba kunsanga.” Ntabwo ari byo Bibiliya ivuga. Bibiliya ivuga ko wowe ugomba kumusanga. Niba yibeshye, uramusanga.

¹⁹⁷ Noneho niba atazaguteze amatwi, noneho jyana n’undi muntu, uzaba nk’umuhamya.

¹⁹⁸ Noneho niba adashaka kubona uwo mutangabuhamya, noneho vuga uti: “Ndazana na pasiteri wawe.” Noneho nananirana umubwire muti: “Tugiye kubibwira itorero, kandi mu minsi mirongo itatu uherye ubu, niba bavandimwe mudakozwe ibyo... Uyu mwene Data hano yiteguye kwiyinga. Ntimukabikore. Niba kandi utabikoze mu gihe cy’iminsi mirongo itatu, ubwo bizagenda bite? Ubwo ntukiri umwe muri twe.”

¹⁹⁹ Bibiliya iravuga iti, “Niba atumviye itorero, reka rero tumufate nk’umupagani n’umunyamahanga.” Urabona, igihe cyose mwene Data akiri muni yo kurindwa mw’itorero, Amaraso ya Kristo aramurinda. Ni nayo mpamvu tutabona itorero ritera imbere mu buryo bukwiye. Noneho, burya, *Iyi* ni Inyigisho y’Ababat... y’itorero ry’Ababatisita, cyangwa Itorero rya Branham hano, niba muzabikora. Nimurebe, kuki ntashobora...

²⁰⁰ Mugeru hano, mukavuga ngo, nk’urugero, abagabo babiri, tuvuge Leo na njye. Uzanshaka... Kandi nkavuga nti: “Ni byo ya—yangiriye nabi.” Ibyo ntacyo bihindura. Ni ngomba kumusanga. Ni byiza, ni umwe mu bagize iri torero. Ya—yahindutse Umukristo. Yafashe umusangiro hano hirya kuri gari ya moshi. Kandi twembi twabatijwe mw’Izina ry’Umwami Yesu. Twagenze neza, nka bene Data, umwe ku wundi, noneho dore hari ikintu kibaye.

²⁰¹ Ntabwo ari umugabo. Mirongo cyenda kw’ijana ahanini ni satani ujya hagati y’abantu. Ntabwo ari abantu. Ni satani. Kandi igihe cyose wemereye satani gukora ibyo, uba ugirira nabi mwene so. Ni byo.

²⁰² Ni byiza, hari ibitagenda neza na Leo; reka tuvuye kubitunganya. Niba kandi ubona hari ikintu, ni inshingano zawe kuza ukadusanga, hanyuma ukavuga uti: “Mwa bahungu mwe mwembi muze hano duteranire hamwe. Tugiye kugorora iki kintu.” Ubu, noneho, niba aje hariya, akaza kubimenya, ubwo, tuba turi kumwe. Ndavuze nti: “Ni byiza, ikintu cya mbere, niba tu—tudashobora kubyemera, noneho wowe ngwino ku rusengero uko uri.”

203 Hanyuma nka—igihe cyose utaragira icyo ubikoraho, n’ubwo bimeze bityo, Amaraso ya Yesu Kristo aturinda twembi. Murareba? Ariko rero—iyo kanseri umaranye igihe izabyara indi kanseri, kandi iyo kanseri izabyara indi kanseri, kandi ibintu byose bizarwara, hirya no hino, mw’itorero ryose. Noneho mukaza kugera ubwo mwinjiye mu rusengeri, mugasanga ari ubukonje gusa, birasaba ko ubishinzwe abanza akavuzza inzogera, mbere y’uko iteraniro ribasha kwinjira. Noneho, uzi ko ari byo. Kandi imbeho! Umuntu yagumye yicaye, murabizi, kandi ntacyo avuga. “Ni byiza, twahoze turi ab’umwuka.” Byagenze bite? Mwakoze neza, ikibazo cyari ikihe? Nimurebe, icyaha cyawe kiragutandukanya. Kandi Imana izakiguhora, bene Data. Noneho ngiye kugikosora.

204 Nta kibi kuri njye, nta kibi mfitanye na Leo; ni satani wagiye hagati yacu. Ni byo. Tunganya ibintu neza. Musange. Noneho niba atumvise, cyangwa atakumviye, ku mpamvu iyo ari yo yose, noneho ubibwire itorero. Niba ataje kwiyunga n’iryo torero mu minsi mirongo itatu, noneho aba agiye hanze ntaba akirinzwe na Yesu. Turamurekuye. Ni byo rwose. Noneho murebe ibikurikiraho. Reka Imana ikosore noneho. Mukureho ibiganza byawe. Wamukoreye ibyiza byose bishoboka. Noneho reka Imana imukoreho gato; Izamushyikiriza satani. Azagaruka nyuma yaho. Niba atabikoze, ubuzima bwe ni ubw’igihe gito.

205 Muribuka muri Bibiliya, ahari mwene Data utarakiranukaga n’Imana? Ni bangahe bibuka urwo rubanza? Yabanaga na nyina wamureze, kandi ntibashoboraga kumugorora. Pawulo ati: “Mumushyire mu maboko ya satani, kugira ngo arimbuke.” Urabisanga, mu Bakorinto ba kabiri, yahise agororoka.

206 Mfite mwene Data, inshuti nziza, nkunda hano kumuhamagara mw’izina, mwene Data w’umuvugabutumwa. Kandi uyu muvandimwe w’umuvugabutumwa, yitwa mwene Data Rasmussen. Benshi mu bakozi mwicaye hano, iri joro, izina rye riri ku mpapuro zanyu. Ayo ni amadini hagati muri Chicago. Kandi nimurebe. Yari afite umuhungu, umukozi w’Imana, aragenda arongora umukobwa w’Umunyagatolika, atangira kugwa atyo. Kandi bagiye gukora *ibi, ibyo, n’ibindi*, kandi—n’ibindi byose; bagize ibibazo. Se na we aramusanze, aravuga ati: “Noneho reba mwana wanjye, ugiye kwiyunga?”

Ati: “Papa . . .”

Yise itorero ryabo itsinda ry’abera bikunenga hasi, ise. Aravuga ati: “Noneho, nimurebe, mugiyeye gutunganya icyo kintu hamwe n’iri torero?”

207 Aravuga ati: “Noneho, papa, uri papa, kandi sinshaka kugirana ikibazo na we.” Ni byiza.

208 Yaragiye ashaka umwe mu badiyakoni aramanuka ajyaye. Ati—ati: “Wesley, ndashaka kuvugana na we.” Aravuga ati: “Ugiye gutunganya iki kintu hamwe n’itorero?” Kandi amuha

ibisubizo bigufi bibiri-nk'ibyo. Ati: "Ibuka, Wesley, Ndi umushumba w'iryo torero. Ndi papa wawe, ariko ngiye gukora ibyo Imana idusaba gukora. Ndaguha iminsi mirongo itatu kugira ngo utunganye ibyo n'iryo torero, cyangwa tuzagushyira hanze y'Ukugaragara kw'Imana. Uri umuhungu wanjye bwite; uwo ni Umukiza wanjye." Aravuga ati: "Ndagukunda. Kandi uzi ko ngukunda, Wesley. Napfa nonaha kubwawe. Ariko ugomba kugendera mw'Ijambo ry'Imana. Murareba?" Aravuga ati: "Ndi umushumba. Ndi umushumba w'ubwo bushyo. Niba uri umwana wanjye, cyangwa uwo uri we wese, gendera mw'Ijambo ry'Imana. Niba utabikoze, ntabwo rero nkwiye kuba umwungeri We."

²⁰⁹ Umuhungu, uwo ni pasiteri. Uwo ni umugabo. Mbese ntubitekereza utyo? Uwo ni umugabo. Yabibwiye umuhungu we. "Kandi aramubabaza," ni ko yavuze. Ariko aravuga ati: "Ni iki? Ni inde ugiye kubabaza, umugabo, cyangwa kubabaza Umukiza wawe? Noneho," yaravuze ati: "hanyuma turakomeza." Ati: "Ntabwo yari kubikora. Natwe... Nabibwiye itorero."

²¹⁰ Aravuga ati: "Umuhungu wanjye bwite, Wesley, yanze kunyumvira, muri iki kibazo. Yanze kumvira n'umudiyakoni. Kandi uri umuhamya w'ibi, Mwene Data *n'ibindi n'ibindi*?"

"Ni byo, ndi."

"Byose. Saa munani, ku Cyumweru gitaha, ahawe ibyumweru bine uhareye none, niba adatunganiye neza n'iri torero, tugarutse Wesley, umwana wanjye, tumushyize mu maboko ya satani, kugira ngo umubiri urimbuke. Amaraso Ye, Amaraso ya... ya Yesu Kristo, n'iri torero, ntakamurinde ukundi."

²¹¹ Kandi iryo joro rikurikiyeho. Yaraje ahagarara ku gicaniro, aravuga ati: "Ahawe indi minota ibiri." Igihe kirageze. Aravuga ati: "Ubu, nk'umuhungu wanjye, Wesley Rasmussen... yabwiye iri torero, Mwebwe, Mana ishobora byose: Twakoze ibyo dushoboye byose, dukurikije Amagambo Yawe n'amabwiriza Yawe—Umwana wawe, Mukiza wacu, yadusigiye. Twebwe ubu, mpindukije umuhungu wanjye, n'iri torero hamwe nanjye, tumwerekeje kuri-... kuri satani, kugira ngo arimbure umubiri we, gutyo ubugingo bwe bubashe kuzakizwa." Ibyo byose byaravuzwe. Nta kintu cyakozwe, icyumweru cyangwa bibiri, wenda ukwezi cyangwa abiri.

²¹² Ijoro rimwe, umusaza Wesley yararwaye. Nuko amaze kurwara, akoza kuremba. Yahamagaye muganga. Muganga araza aramusuzuma. Yari afite umuriro w'ijana na gatanu. Ntiyashobora kubona impamvu yabyo. Gusa yakomeje kurwara. Muganga aravuga ati: "Muhungu, sinzi uko byakugendekeye." Ntiyari azi icyo gukora. Aravuga ati: "Turaza guhamagara inzobere." Bahamagaye inzobere, inzobere nayo iraza yinjira aho. Bamujyanye mu bitaro, baramusuzuma, n'ibindi byose.

Aravuga ati: “Ubu sinshobora kugira icyo nkubwira. Umuhungu gusa—gusa arasa nk’ugiye gupfa.” Umugore we ahagaze aho, arira, ibintu nk’ibyo. N’abana bahagaze hafi y’igitanda n’ahantu hose nk’uko. Aravuga ati: “Aragiye. Ibyo gusa.” Yaravuze ati: “Ugutera k’umutima kwe no guhumeka, biramanuka buri mwanya.”

²¹³ Aravuga ati: “Hamagara papa.” Yego ni byo. Ni bwo buryo bwo kubikora. Ni byo. “Hamagara papa.” Papa we yirukankiye hariya ku bitaro, byihuse, ngo amubone. Aravuga ati: “Papa, ubu sinshoboye, ariko Imana yumva amagambo yanjye. Nzashyira ibintu byose mu buryo. Nzabigenza neza. Ni byo, nzabikora.” Ni byo, mugabo, mwene Data. Ako kanya umwuka we utangira kugaruka nk’uko bisanzwe.

²¹⁴ Kandi Kucyumweru cyakurikiyeho, yari ahagaze imbere y’itorero. Aravuga ati: “Nacumuye imbere y’Imana, imbere y’iri torero. Nanze kumva amagambo ya pasiteri. Na—Nanze kumvira umudiyakoni hano.” Aravuga ati: “Ndasaba iri torero kumbabarira ibibi nk’ibyo nakoze.” Arakomeza ati: “Imana yarokoye ubuzima bwanjye.” Ndabikubwiye, yanshyize ku murongo uboneye. Yego. Ni byo wasabwe gukora, murareba. Murabona? Wowe, iyo uza kubikora gusa mu nzira y’Imana! Urabona?

²¹⁵ Noneho, reba, uburyo dukora, dufite inama y’ubutegets, maze tukavuga tuti: “Ni byiza, ubu, dukwiye gukomeza...” Simvuze ususungurira, ariko ndashaka kuvuga ko turi abantu b’Abaporotesitanti. Dufite inama y’ubutegets, mbese, “Utekereza iki kuri Jones? Utekereza ko dukwiye kumukorera iki? Ndiwira ko yagira Metodiste umunyamuryango mwiza kuturusha.” Ni ho muri. Ibyo, ibyo si byo. Ni yo mpamvu tutagomba gukurikiza imigenzo yabo. Kandi abepiskopi bamwe, tugomba kumuhamagara (buri gihe-bamwe...ni iki, wamuhamagara? umuntu w’akarere muri iri torero rya Pantekote? “akarere ka peresipiteriyani”)—umuhamagare kugira ngo urebe imyitwarire y’uyu mugabo.

²¹⁶ Bibiliya itubwira icyo tugomba gukora. Ni yo mpamvu tutabeshywe n’amadini yabo. Dukomeza kwirinda icyo kintu. Amina. Ntabwo ari umujinya, turi kumwe? Ni byo mukora. Ni byo. Birashoboka ko nzabazwa ibibazo byiza bidasobanutse ejo nimugoroba. Ariko, ni byiza, ni byo. Urabona? Ibuka. Menya...

²¹⁷ Ndabivuze ubu. Mwa bantu mwe muri hano muvuye mu matorero y’amadini atandukanye, idini ryawe, kandi, mwene Data, simvuze ko utari Umukristo. Simvuze ko idini ryawe ritagizwe n’ibihumbi by’Abakristo beza. Ndagerageza kuvuga impamvu tutari idini. Kuko, gusa ntabwo nabihagararaho. Oya, mugenzi. Nzi neza ko ntabishobora. Bagerageza kukubwira icyo gukora. Niba Imana yarampamagaye ngo mbwirize Ubutumwa bwiza, noneho ndabubwiriza nk’uko Imana yambwiye kubikora.

Ni byo rwose, uko byanditswe hano muri iyi Bibiliya. Ntugahuze n'ibi, noneho ni byo... Imana izancira urubanza kubw'ibyo. Ariko niba ari njye—niba ari—niba mbona impyisi ije, cyangwa umwanzi aje, nkananirwa kubaburira, ubwo Imana yabimbaza. Ariko niba mbaburiye, noneho ubwo birabareba. Murabyumva?

²¹⁸ mwibuke, “Aho mu minsi ya nyuma, ibyo bihe bibi bizaza, abantu bazaba bikunda, abirasi, bakunda impiya, batukana.” Murareba, batukana, “Yoo, ni itsinda ry'injiji. Ngo iminsi y'ibitangaza yararangiyeye. Nta kintu nk'icyo kikibaho.” Ni umuhanuzi w'ibinyoma ntasobanutse. “Noneho, tuzi ko abagore bacu bafite imyumvire nkiy'abagabo bacu.” Ntabwo mbihakana na gato, ariko Bibiliya y'Imana iravuga ngo mumurinde kujya ku gicaniro. Ni byo—ibyo ni byiza birahagije kuri njye, murareba. Ni byo. Rwose. Murareba?

Ati: “Ni byiza, ubungubu, mu madini yacu, dufite abantu beza benshi nk'uko mubafite hakurya hariya mu rusengero.” Si ibyo na gato, ariko Bibiliya iramagana amadini. Ni byo. Kandi, rero, simvuze ko utabonye abayoboke beza mw'itorero ryawe. Ni byiza cyane. Ni abantu beza. Bamwe mu bantu beza, ndabasanga muri bo, Abagatolika n'abandi. Bose uko bari, Nahuye n'abayoboke beza.

²¹⁹ Noneho, uburyo tugiye kuzanamo ibi nonaha, nshuti, niba Umwami abishaka, muri izi nyigisho z'ubutaha, birashoboka... Nzabamenyesha ejo mu gitondo niba tugomba kwihuta ejo nyuma ya saa sita cyangwa niba tutabikora, murareba, tubinyuremo. Impamvu tugerageza kubikora, ndashaka kuyimanura ahantu hamwe ubu. Noneho, niba ushaka kuzana umuntu na we, uhawe ikaze rwose kubikora. Ariko ibuka nonaha, ntukore—ntugende kandi ngo ugerageze gushaka amakosa gusa. Uze hano... Ndimu kuvugana n'i—n'itorero ryanjye, murabona. Ibi simbyigisha hanze y'itorero ryanjye hano, 'kubera ko ari umurimo w'abandi. Ibyo, ni we mwungeri w'ubwo bushyo. Kandi—kandi ndi... [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.]

²²⁰ nimugaruke kw'Itangiro, muharebe neza, murebe aho bigeze. Noneho tugiye gusubira mw'Itangiro, tumenye impamvu uwo mwana utemewe atinjiraga mw'itorero ry'Uwiteka ibisekuru cumi na bine. Uburyo bisaba... Ibyo byabaga imyaka magana ane kugira ngo icyo cyaha kirangire. Ni gute tugiye kumenya uburyo ibyo—gukiranirwa kw'ababyeyi byari uruhererekane ku bana n'abana, uko ibyo byatangiriye mw'Itangiro, n'ibindi.

²²¹ Na we... noneho uzabona uburyo ibyo, byakomeje kuzamuka inzira zose, iyo Mana, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, mbere y'uko atome imwe iturika, hariya mbere y'uko habaho ikimanyu cy'igishirira, Imana yari izi buri kiremwa cyose n'ibintu byose byari kubaho kw'isi. Hano hari umuntu...

Ntushobora gusobanura iby'ijambo, kurisesengura, ukavuga iby'iryo jambo “ibitagira akagero” rivuze. Nko guhindura kamera yawe—kugeza ubuziraherezo. Gusa, ni ukuva aho gusa, ni byo rwose. Murareba? Ntarondoreka! Kandi ntidushobora, mu bitekerezo bitagira ingano, kumva icyo Ubwenge butagira akagero bushobora gutekereza. Murareba, ntidushobora gukora ibyo. Mwebwe, ntimushobora kubikora. Murareba? Ariko niba mwigereza gusa, mugakomeza kuguma mu Mwuka, mushobora kubyumvira kure. Kandi—hanyuma nimugaruke hano mu Byanditswe byera murabona nonaha, nimurebe, ngo ni mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro.

²²² Noneho, Bibiliya yavuze ko Yesu Kristo yari umwana w'Intama w'Imana. Noneho umva igitekerezo nyakuri, rero, niba bamwe muri mwe ejo batazaba bakiriho kugira ngo mubyumve birangira. Bibiliya yavuze ko Yesu Kristo yari umwana w'Intama w'Imana, wasogoswe kuva isi ishyirwaho urufatiro. Ibyo ni ukuri? Yasogoswe ryari? Kuva ku rufatiro rw'isi. Ngiyo isi, niba ikozwe mu matsinda ya atome yamenetse, ikigizayo izuba iyo kure, mbere y'uko iba gutyo. Noneho, mbere y'uko habaho atome yigeze kumenekera mu zuba, niba ubu bwari igipimo cy'ubushyuhe cy'izuba, byari kuba miliyari amagana y'amamiriyari na tiriya tiriya tiriya y'imyaka yashize mbere y'uko habaho igipimo cy'ubushyuhe bw'amatara, Kristo yarasogoswe. Iyo ubwenge bukomeye bw'Imana bushingiye ku kintu kimwe, kiba ari ikintu kirangiye. Igihe Imana ivuze iti: “Reka habeho,” bihita birangira. Niba byaratwaye imyaka miriyari ijana, byahise birangira vuba nk'uko Yabivuze. “Igihe umwana w'Intama yicwaga kuva isi yaremwa,” Bibiliya imwe, Umwuka umwe waranditse uranavuga uti: “Amazina yacu yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro.”

²²³ Uko ni ko umugabo wanditse indirimbo, “Hariho Izina Rishya ryanditswe mu Bwiza,” wari ufite ibisobanuro byiza, ariko ntabwo byari ibyanditswe. Urabona? Iryo zina ryanditswe mu Bwiza igihe isi... mbere y'uko isi itangira. Igihe Umwana w'Intama yasogotwaga, amazina yacu yari yarashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama.

²²⁴ Reka—reka mbashakire Ibyanditswe bike. Mwigereza umunota umwe gusa? Gusa biri mu mutwe wanjye. Ndatekerezwa ko nshobora guhita mbigeraho. Simbyizewe neza. Mumbabarire kubakereza, ariko nababwiye ko bishobora kuba ari saa sita z'ijoro; ntabwo ari byiza. Ariko nku—nkunda ku—kubibona, kuri ibyo Byanditswe Byera gusa.

Muramburane nanjye noneho mu Gitabo cy'Abaroma, kandi ndashaka ko twese dusoma. Noneho, reka turebe, Abaroma, niba nshobora kubibona, neza hafi hano. Noneho reka dufate Abaroma 8, noneho—noneho reka dutangirire ku murongo wa 28 w'igice cya 8 cy'Abaroma. Kandi ndashaka ko mubisoma

gusa musenga hamwe nanjye ubu. Umva hano gusa ibyo Imana yavuze.

Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubashakira ibyiza, ari bo... bahamagawe nk'uko yabigambiriye.

Kuko abo yamenye kera, . . .

²²⁵ Ibyo birabaha... Ese mushobora gusoma hamwe na njye? “Kuri we. . .”

Ku bo yamenye kera, yabatoranyije kera (ni ukuri) gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri bene Se benshi.

Byongeye kandi, abo yatoranyije kera, yarabahamagaye: kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije, yabahaye ubwiza.

²²⁶ Kuva isi yashyirwaho urufatiro! Igihe Imana yarebaga hasi. . . Noneho, Imana ntiyobora umurimo Wayo, muravuga muti: “Ni byiza, ubu, tugiye gu. . . Yoo, ni iki tugiye gukora ubu?” Murabona? Nta kintu. . .

²²⁷ Mwibuke, gukiranirwa, icyaha, ni ugukiranuka kugoretse. Shitani ntishobora kurema. Abantu bose, bose, barabyumva? Iyo ni Inyigisho y'iri torero. Shitani ntishobora kurema. Ishobora kugoreka ibyo Imana yaremye. Noneho, kugoreka ni iki? Hano, mwese murasa n'abakuze, ahanini. Umva ibi. Turi abantu bubatse. Kandi mwebwe bagabo mwashatse abagore namwe bagore mwashatse abagabo mushobora kubana nk'umugabo n'umugore, kandi abagore ntibahinduka bakomeza kumera nk'uko bahoze. . . Ni amasugi, igihe cyose wakomeje kubana n'umugabo wawe. Ibyo ni ukuri. Noneho, ibyo biremewe kandi, amategeko arabyemera kandi byose ni byiza. Byashyizweho n'Imana ngo bikorwe. Undi mugore ashobora gukora igikorwa kimwe n'icy'umugore wawe; umwe muri bo, ari umukiranutsi imbere y'Imana; n'igikorwa kimwe ku wundi mugore, uciriweho iteka imbere y'Imana, kugeza gupfa. Ni ibiki? Gukiranuka kugoretse, reba, gukiranuka gucuramyeye. Noneho, satani ntashobora kurema, ariko agoreka ibyo Imana yamaze kurema.

²²⁸ Ikinnyoma ni iki? Ni ukuri kuragoretse. Umuntu umwe yaravuze ati: “Yoo, murebe, hari Kuwa gatandatu nijoro, saa cyenda zuzuye, yego, Bill Branham yari i Jeffersonville,” ni ukuri. “Hasi muri salo ya Antz, yasinze,” ikinyoma. Cyari ikihe? Nari i Jeffersonville. Ni byo. Byari gukiranuka kugoretse ku kinyoma. Urabona icyo nshaka kuvuga? Murareba, ikinyoma kigoreka ukuri. Ni ikintu kivuga aho nari ndi. Noneho, niba byaravuzwe ngo: “Ku rusengero, mbwiriza,” bikosore. Uko ni ugukiranuka. Yavuze ukuri. “Kuri salo, ndimo kunywa,” ikinyoma. Kugoreka; murareba, ukuri kugoretse. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ugukiranirwa kwose ni ugukiranuka kugoretse.

²²⁹ Urupfu, ni iki? Ubuzima, bugoretse. Indwara? Ubuzima, bugoretse. Ugomba kuba umuntu mwiza, ukomeye. Byose ni ukuri. Niba urwaye, ni ibiki? Ubuzima bwawe bwaragoretswe. Urabona? Ibyo ni ibyo byose bihari. Ni ibiki? Kera mwari bato, abagore beza; n'abagabo bakomeye, beza. None murimo kuzana iminkanyari, murimo gusaza. Ni ibiki? Ubuzima, bugoretse, murareba, bugaruka bundi bushya. Urabona? Kandi bugomba kugaruka. Izina ry'Umwami rihimbazwe! Imana yadusezeranije kubugarura. Kandi nk'uko mu by'ukuri ari—uko biri (tuzi ko biri hano), nk'uko rero mu by'ukuri, Imana igiye kubugarura. Yarabidusezeranije kandi yarirahiriye ko Izabikora. Ni byo bibiduha.

²³⁰ Noneho, ni gute, dukwiye kuba abantu bwoko ki? Noneho murebe uko ibyo bintu bibaho. Noneho, abo Yamenye mbere, Yarabahamagaye; abo Yahamagaye, Yarabatsindishirije. Ryari? Mbere y'uko isi ishyirwaho urufatizo, mbere y'uko isi itangira. Noneho, niba dushobora gufata iki Cyanditswe kandi tukagihamiriza rwose, twakimaraho amasaha menshi, ariko twe—ntidushaka kubikora. Ariko ibyo byose by'ugukiranirwa hano, ni ugukiranuka kugoretse k'ugukiranirwa. Ni byo satani akora.

Noneho, iyo ugeze mu gihe cyo kugira ibyo ubazwa, kandi ukamenya ikinyoma n'ukuri, ugomba guhindukira ukava mu kinyoma cyawe. Kubera ko, wavukiye mu cyaha, ugizwe n'ibicumuro, ngwino uze mw'isi uvuga ibinyoma. Ubwo uri—wavutse mu by'ukuri nk'icyifuzo cy'imibonano mpuzabitsina, rero ugomba kuvuka ubwa kabiri, kugira ngo wakire Ivuka rishya, kugira ngo winjire mw'Ijuru. Kuko, ubu bwoko bw'ivuka ufite hano...

²³¹ Murebe aho Umuhamya wa Yehova ashobora kuba aho mu kinyoma, atekereza ko Ivuka rishya ari izuka ry'umubiri? Murabona, ntibishobora kuba ibyo. Murabona? Kigomba kuba ikintu...

²³² Wowe, uri mu mwanya w'igihe. Kandi ikintu cyonyine cy'Iteka ni ikintu kitagira itangiriro cyangwa iherezo. Ikintu cyose cy'Iteka nticyigeze kigira itangiriro, cyangwa ntigishobora kugira iherezo. Murabona? Niba rero uri igice cy'Imana, Umwuka ukurimo ntiwigeze ugira itangiriro cyangwa ntuzigera ugira iherezo, kandi uri uw'Iteka hamwe n'Umwuka uri muri wowe. Murabona? Nka—u—urukundo rwa *Agapawo*, noneho rukamanuka ku rukundo rwa *filewo*, hanyuma rukamanuka ku rukundo rw'uwo mudahuje igitsina. Gusa rokomaze kumanuka no hasi, rukagoreka hasi kugeza bihindutse guhurira hamwe gusa. Ni byiza, inzira imwe, Yesu yamanutse mu rwego rumwe, hepfo aha gutora no kugarura nanone ku murongo wo hejuru, uhereye ku miterere yo hasi; kuva mu rupfu ujya mu Buzima, kuva mu ndwara ujya ku buzima, kuva mu gukiranirwa ujya mu gukiranuka. Urabona? Ava mu byo Hejuru cyane ajya

mu byo hasi, kugira ngo ibyo hasi cyane abizane Hejuru. Yangize ushobora kubikora, kubw'ubuntu Bwe, mpinduka We, umuragwa w'Intebe mu Bwiza. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ibyo bintu.

Noneho nimurebe. Inzira isubira inyuma mbere y'uko iyi si itangira muri izo za atome za kure, igihe Imana yabonaga ibizaba, ahongaho Yarakubonye, Yarambonye, Yabonye impyisi zose, isazi zose, ibikeri byose, inzoka zose. Ibintu byose byari kubaho kw'isi, Yabibonye ako kanya. Ni ukuri, Yarabibonye.

²³³ Noneho, ntabwo yigeze Avuga ati: “Nzohereza Umwana wanjye hasi mureke apfe, wenda umuntu azamugirira impuhwe. Kandi bizaba ari ikibazo kibabaje, wenda ahari umuntu ashobora gukizwa.”

²³⁴ Yamenye mbere umuntu uzakizwa! Yego mugenzi. Yaravuze ati: “Esawu naramwanze, Yakobo ndamukunda,” mbere y'uko umwe muri bo agira amahirwe yo kwerekana icyo ari cyo, kuko yari azi icyo ari cyo. Yari abizi. Azi byose. Yari azi icyo uzakora, mbere y'uko uvuka, cyangwa igihe isi yatangiye.

²³⁵ Noneho nimurebe. Nk'uko mubizi, Njye—Njye—Ndi umurashi. Njye—Nkunda imbunda. Kandi umugore umwe muri Texas, ndizera ko ari Texas, yanzaniye Swift, Swift ya makumyabiri na kabiri. Nahoraga nyifuza. Ndashaka kuyigenzura. Ni imbunda ikomeye cyane mu kurasa imbunda nto. Ni iy'amasasu makumyabiri n'abiri, amasasu mirongo ine—n'umunani. Kandi ushobora gushyiramo amasasu n'intoki. Noneho, uruganda ruravuga ruti: “Ntukabikore; byateza akaga.” Ariko ushobora gushyiramo iryo sasu kugeza kuri metero ibihumbi bitanu ku masagonda, hanyuma ukarifatira mu mwanya waryo. Ibirometero ibihumbi bitanu ku masagonda, iyo ni kilometero imwe kw'isagonda. Mu yandi magambo, yarasa inyoni yicaye, muri metero magana abiri. Rasa igikona, urebe amababa aguruka mbere y'uko imbunda igukubita. Murareba? Ibyo, ariko urayifata, agace gasongoye k'agati koza amenyo, ukagakoza mw'ifu yawe, hanyuma yo ukayisukamo ari nyinshi cyane, ihagije bishoboka ku buryo ushobora kuyifatisha agati koza amenyo; hanyuma urase ingurube yicaye ku mpera y'iyi nyubako hano, irimo ku kukwitegereza. Ikibazo ni ikihe? Isasu riturika risandara, rigenda ryihuse, ka... Kandi ushobora kurambura ishuka hagati ya hano na hariya, ntuzigera ubona n'ikimanyu na kimwe cyaguye kw'ishuka. Risubira inyuma; ntabwo ari i—ivu, ivu ry'ibirunga, ahubwo bigera kure kurenzaho. Risubira kuri acide y'umwimerere rigakora umuringa na plomb biba birimo. Risubira inyuma nk'uko byari bimeze mu myaka miriyari ijana ishize. Noneho, dore isasu rito, ingano mirongo ine n'umunani z'amasasu mfashe mu ntoki, n'isagonda rikurikiraho irahinduka uko yari imeze mu myaka miriyoni ijana ishize. Niba kandi isi ishobora kongera kubaho

indi myaka miriyoni ijana, yagaruka ikangana n'isasu, yari kugarurwa neza bigakunda, kuko yari guhindurwa mu muringa.

²³⁶ Noneho reba ibyo Imana yakoze, uzahita uyikunda. Ubwo uzataha, mu gitondo uryame utinze. Kandi—na we—uzayikunda kuruta mbere hose. Noneho, Imana ni rwiyemezamirimo. Ni bangahe babizi? Ni Umwubatsi. Ni byo. Mubyumvire hafi. Ubu, Imana mu bihe byashize, cyangwa, baravuga... Ubu tugiye gufata igitekerezo cy'ababitondekanya. Imana, imyaka miriyari ijana ishize, ubwo yari igiye kurema isi, neza, Yahise itangira. Noneho, Yari ifite... Yagize igitekerezo mu mutwe Wayo.

²³⁷ Noneho ugiye kuvuga uti: “Niba Ari iyo ikomeye, Mwene Data Branham, ni gute Yigeze kwemerera satani gukora icyaha?” Ni byiza, Yari ibizi, mbere y'uko satani aremwa, ko azaba satani. Himbazwa! Ubu ndiyumva mu kirere cyiza cy'umwuka. Yoo, mbega! Yari ibizi, mbere y'uko satani aremwa, ko azaba satani. Noneho wabaza uti: “Bite kuri ibyo?” Uravuga uti: “Kuki yamuretse akaba satani?” Kugira ngo yerekane ko ari Imana. Ni yo mpamvu yabikoze. “Kuki habayeho gukiranirwa? Ni ukubera iki?”

²³⁸ Ni inde wari uwambere, Umukiza cyangwa umunyabyaha? Ni inde wari uwambere? Ni Umukiza. Ni inde wari uwambere, Umuvuzi cyangwa umuntu urwaye? Kuki habayeho kwemererwa kuba umunyabyaha? Kubera ko ibimuranga We ari Umukiza. Iyo hataza kubaho umunyabyaha, Ntabwo Yari kumenyekana nk'Umukiza. Haleluya! Ishobora gutuma ibintu byose bihinduka ikuzo Ryayo. “Umubumbyi ashobora kubwira... Cyangwa, inkono ishobora kubwira umubumbyi iti: ‘Kuki wandemye gutya?’” Ni inde uri ku ruziga? Ni inde ufite ibumba? Riri mu biganza bya nde? Pawulo yaravuze ati: “Yoo, muntu w'umusazi,” Ntiyavuze ko Yazuye Farawo kubw'iyi ntego?” Rwose. Yari ibizi. Mbere y'uko isi ibaho, yari izi ibizaba ibyo ari byo. Nuko Irareka habaho icyaha, kugira ngo Ibe Umukiza. Yararetse habaho uburwayi, kugira ngo Ishobore kuba Umukiza. Yararetse habaho urwango, kugira ngo ibe Urukundo. Ni ukuri. Ni Imana, kandi ni yo miterere Yayo. Kandi igomba kugira ikintu cyerekana imiterere Yayo.

²³⁹ Ni gute washoboraga kumenya ko hariho ijoro, ni gute ushobora kumenya ko ribaho? Iyo habaho amanywa gusa, wari kumenya ute ko ijoro ribaho? Ijoro ribaho, bityo rishobora kwemeza ko hariho amanywa. Ni byo rwose. Amina. Urabona ibyo Yakoze?

²⁴⁰ Ariko igihe Yagarukaga kera, mbere y'uko isi iremwa, mbere y'uko Ifata iri zuba rya kera Ikazengurutse iyi nyenyeri ya kera tubayemo ubu, iyi si, maze Ikayibumba hejuru y'izuba, nuko ikayikikiza izuba. Ikavuga ko, *hano* hari izuba. Yayibumbiye kuri *uru* ruhande, irayireka imanitse hariya imyaka miliyari ijana. Yakoraga iki? Imyuka imwe. Yazengurutse

kuri *uru* ruhande, Ikora ikindi kintu. Yo Yakoraga iki? Potasi zimwe. Yazengurutse muri *iyi* nzira, Yakoraga iki hano? Gukora Kalisiyumu. Yakoraga iki? Yari irimo kurema wowe na nje. Yakoraga iki? Nka rwiyekezamirimo ashya ibye byose kuri bibiri-bya-kane na bibiri-bya- munani, urupapuro rwe, uruhande rwe, yari azi umubare w'inyubako agiye kubaka. Kandi twakozwe mu bintu cumi na bitandatu by'isi, kandi yari arimo kuturema twese, adushyira hanze mbere y'uko isi iremwa. Kandi We... Birashoboka ko icyo gihe cyari kirekire; Sinzi icyo ari cyo. Zahabu, umuringa, ifeza, amazi, n'ibindi bintu byose Yabikozaga iki? Ni Rwiyekezamirimo. Ashobora... Umwubatsi, Yashyiraga ibintu byose hanze, ibintu byose byakaswe kandi bigezweho. Amaze kubona byose bikoze, byari ukuruka gukomeye kw'ikirunga. Yararetse ibirunga bishaje biraruka imyaka miliyoni ijana, kugira ngo bakore kalisiyumu. Ibyo ni ibiki? Ni igice cyawe.

²⁴¹ Hanyuma, mbere y'uko habaho igice kimwe cy'ubuzima kuri iyi si, imibiri yacu yari iryanye hano. Haleluya! Mbere y'uko igitonyanga kimwe cy'amazi kigera ku isi, twarambaraga hano. Igihe Adamu yagendagendaga hasi-no- hejuru mu busitani bwa Edeni, nari ndyanye hano. Amina. Yego, mugenzi. Yoo, icyubahiro kube icy'Imana! Igihe Abakerubi, inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbaraga hamwe, maze abana b'Imana bakavuzza induru bishimye, Nari ndyanye hano ntegereje gusa ko umwuka w'ubuzima uza. Nari hano. Yashyize hano, umubiri wanje urambitse hano. Yego mugenzi. Niba atari byo, byaturuka he? Yoo? Ni gute yageze hano? Imana yabishyize hano. Imana yarabikoze. Twakozwe mu bintu cumi na bitandatu: peteroli, potasi, n'umucyo w'isi, n'ibindi-byinshi. Murareba, twari turambitse hano.

²⁴² Noneho byagenze bite? Noneho Imana ibwira Umwuka Wera ngo, tuzabifata gusa mu buryo bw'ikimenyetso, "Noneho urasohoka, ukajya gukundana n'isi. Kubera ko, Ndi urukundo, kandi uri igikorwa cy'amaboko Yanjye, ubwo rero Ugiye gukundana n'isi." Kandi Umwuka Wera ukomeye, dutekereze ko, waje aho; noneho ni ukugerenya gusa. Si ko byagenze. Ni byo koko, Umwuka Wera n'Imana ni intego imwe ubwayo, intego imwe ubwayo, nako Umuntu umwe. Mumbabarire. Kandi vuga gusa ko Yashyize amababa Yayo kw'isi, Itangira kwibaruka. Icyo ni iki? Ni nk'inkoko y'isake ku nkokokazi zayo, ibika, iyereka urukundo, " Pa, pa, pa." Yoo!

²⁴³ "Yoo mbega ubuzima, busohoka!" Irataka. Yitegereza hirya no hino. "Ndashaka ubwiza kuri iyi si. Sohoka, mucyo!" Umwuka Wera agakora. Kandi igihe yabikoze, nditegereza; ndaza, hari akagezi kanyonyomba mu misozi ahongaho, aho hisuka calisiyumu iri mu rugero, ikivanga na potasi. Ni iki kirimo? "Ubuzima, sohoka!" N'ururabo ruto rwa Pasika rwerekeje umutwe hejuru y'urutare. "Ngwino hano, Data, birebe

ubyitegereze.”

²⁴⁴ “Ibyo birasa neza. Komeza gusa ubyuze.” Yaremye indabyo. Yasohoye ibimera byose. Yasohoye ubuzima bw’inyamaswa. Inyoni ziva mu mukungugu. Nyuma y’igihe gito, haza umugabo n’umugore; haza umugabo, kandi umugabo yari kumwe n’umugore. Ntabwo ari ikinyabibiri, ubu. Gusa, yari muri we gusa, harimo umwuka w’umugore.

²⁴⁵ Iyo ufashe umugabo utuje cyane, ashobora kuba atunganye, aringaniza neza ibintu, ariko afite ikitagenda. Kandi iyo ufashe umugore, ushaka gukata umusatsi no kwambara ibigufi, hanyuma agasohoka, kandi avuga ati: “Imana ibahe umugisha, ndaza kukubwira!” Hariho ikitagenda neza. Umugore afite umwuka wa kigore, naho umugabo ni uwa kigabo. Turabizi. Kandi na mwe murabizi. Mbese umugore usa neza, agerageza kuba, gukora nk’umugabo?

²⁴⁶ Kubera iki, igihe kimwe, nari umuyobozi ushinze umikino hano, nuko ninjira muri bisi ndazamuka ahongaho nkoma uwo mugore ku kuguru, n’ikiganza cyanjye, ndamuvugisha, kandi sinari nzi ko ari umugore. Yari yambaye imwe muri kasike z’abasuderi, hamwe n’ibidarubindi binini nka *biriya*, kandi nari nicaye hariya inyuma, ubwo yari arimo kuganira ku bijyanjye n’ikindi kintu cyakozwe. Aravuga ati: “Murabizi,” arongera ati: “kandi ijoro ryakeye,” yasaga neza nk’usekeje bishoboka, anywa itabi. Aravuga ati: “Ijoro ryakeye, ndabibabwiye, uriya mugenzi wawe yanyereye, hejuru y’icyo kintu. Aravuga ati: ‘Mana yanjye!’ Yaje anyerera anyuze hariya.” Ati: “Ntabwo nigeze nseka cyane mu buzima bwanjye.”

²⁴⁷ Kandi nari ndimo guseka, murabizi, nka *gutyo*. Ndavuga nti: “Muhungu, uwo yari umwe, si byo?” Turicara aho turaganira dutyo. Niba kandi atarakuyeho kiriya kintu hanyuma ngo azunguze umutwe, yari afite igikoropesho aho hejuru, kuko yari umugore. Sinigeze niyumva nk’uciriritse mu buzima bwanjye. Na—Naravuze nti: “Uri umugore?”

Aravuga ati: “Kubera iki!”

²⁴⁸ Ndavuga nti: “Mbabarira.” Sinigeze mbona ibintu nk’ibyo. Noneho, ibyo, ibyo ni ukuri.

²⁴⁹ Nabonye ikimenyetso ejobundi, gikunda kunshimisha. Byari bifite ikimenyetso kinini, ndavuga nti: “Abadamu biteguye kwambara imyenda.” Ndatekerezaga nti: “Imana ishimwe kubw’ibyo.” Murareba? Ariko, ngwino urebe, byari ubwoko bw’imyenda bari baramaze gukora, murabizi. Njye—Njye natekereje rwose ko bagiye kwambara. Ni ko nabigenje. Ndavuga nti: “Abadamu biteguye kwambara imyenda.” Ndavuga nti: “Imana ishimwe kubwabo. Ni byiza. icyo, nzi neza ni uko nshimira Uwituka kubw’ibyo.” Ariko, nimurebe, byari imyenda runaka bari bamaze gukora, ikintu runaka.

Byagombaga kuba ikintu gisekeje, si byo, muri iki gihugu? Ni byo.

²⁵⁰ Ubwo Adamu yazaga. Hanyuma, Adamu yasaga n’aho ari wenyine, nuko afata urubavu rwo mu rubavu rwe maze akoramo Eva, nk’ibimukomotseho. Yarakoze... Yakuye umwuka w’umugore muri Adamu, awushyira mu mugore, umwuka w’urukundo, igitsina gore, umugwaneza, witonda. Kandi yasize umwuka w’umugabo muri Adamu. Noneho, niba hari ibitandukanye, haba hariho kugoreka ahantu runaka. Ubwo, babiri babaye umwe.

²⁵¹ Reka noneho dufate ikinamico gato mbere y’uko dusoza. Hano araje... Hano, ni Adamu ufata Eva ukuboko bagasohoka. Nkunda iyi nkuru gusa. Kandi barasohoka, murabizi. Eva ati: “Yoo, mukundwa, urashaka kuvuga ko wabikoze?”

“Ni byo, namwise izina.”

“Ariko kiriya cyo ukita iki?”

“Kiriya nkita ifarashi. Yebaba we.”

“Kiriya ni igiki?”

“Iriya ni inka. Yebaba we.”

“Wabyise amazina?”

“Yego. Yebaba we.”

²⁵² “Wabyita ngw’iki ahongaho, bombi babiri bicaye hamwe imitwe yabo iri hamwe?”

“Ni byo inyoni zikundana.”

²⁵³ “Yego, ndabona. Ndabona.” Komeza gutya. “None se ibi ni ibiki birangiriye hano?”

“Ndayita, *gutyo*, hamwe n’iyi hano.”

²⁵⁴ Kandi, “Yego, ndabona. Yebaba we. Ni byiza.” Intare iratontoma. “Iyo uyita ngo iki?”

“Iyo ni intare.”

“Iyi yo ni *inki*?”

“Urusamagwe.”

²⁵⁵ Kandi, yewe, ni nk’aho ari... “Yego, ndabona.” Ari nk’injangwe, urabizi, no gusakuza hirya no hino.

²⁵⁶ Noneho, nyuma y’igihe gito, areba hirya no hino. Aravuga ati: “Mukundwa, reba hariya, izuba rirarenze. Igihe kirageze cyo kujya mu rusengero.”

Urabizi, hari ikintu kijyanye n’igihe izuba rirenze, uba ushaka gusenga. Iyo utagiye mu rusengero iryo joro, ukunda kwigira mu cyumba, gusoma Bibiliya. Ni bangahe bakunda gukora ibyo, kugira igihe cyo kuba wenyine? Murareba? Biba mu bagabo gukora ibyo. Ugomba kubikora.

“Igihe cyo kujya mu rusengero.”

257 Noneho, ntibigeze bavuga bati: “Noneho, tegereza umunota umwe nonaha, ubungubu, Jones ni uwo mu’Materaniro, kandi twe turi abo. . .” Oya, ntabwo byari bimeze nk’icyo gihe, nuko barazamutse gusa. Ntabwo bari bafite itorero, rifite intebe nziza yo kwicaraho gutya. Gusa barazamutse muni ya katedarali ikomeye nini yo mw’ishyamba, barapfukama.

258 Kandi iyo nyoni yitwa Halo yari ihagaze ahongaho mu gihuru. Murareba? Nshobora kumva Ijwi rivuga riti: “Mbese abana banjye bishimiye kw’isi, uyu muni, Uwitwaga Imana yawe yaguhaye?”

259 “Yego, Mwami, twishimiye uyu muni.” “Mbese si ko bimeze, mukundwa?”

260 “Yego. Yego, nshuti, ni ko bimeze.” “Mwami, twizeye rwose ko tugushimira. Noneho ndirambitse ngiye kuryama.” Murareba? Nuko arambura ukuboko kwe gukomeye, maze arambarara hasi, nuko ashya ingwe n’intare hasi, n’ibindi byose ngo asinzire; ari mu mahoro.

261 Imana rero Ikamanuka nuko Ikamanura, yewe, itsinda ry’abamalayika, Gaburiyeli, ibiremwa Byayo byo mw’Ijuru. Rero baramanuka hanyuma bagendesha amano bitanze rwose mu cyumba, reba, reba hirya no hino. Gaburiyeli yaravuze ati: “Ngwino hano, Data. Ngwino hano. Reba hano. Ari hano. Hano, hano hirambitse abana bawe baryamye hano.”

262 Ni bangahe hano bigeze bajya iruhande rw’igitanda, bamwe muri mwebwe abamama, mwebwe hamwe n’abapapa, maze mukareba umuhungu muto, umukobwa muto, hanyuma mugahita mwibukiranya, “Ese nta—ntasa nawe, *muri ubu buryo na buriya*?” Ntimwigeze mubikora? Kubera iki, inshuro nyinshi njya ngenda nkabwira Meda, mvuga ibya Yozefu. Akavuga ati: “Bill, afite uruhanga rwo hejuru nkawe.”

263 “Yego. Ariko, Meda, afite amaso manini nkawe.” Kubera iki? Ni igice cy’imbu- . . . Ni imbuto yacu—y’ubumwe bwacu.

264 Noneho, na Data yaravuze, ashobora kuvuga ibi kuri ibi. Yaravuze ati: “Murabizi. . .” Gaburiyeli yaravuze ati: “Murabizi, arasa na we.” Uko ni ko Imana isa; itegereze nawe ubwawe. Ni ko Imana isa. Isa na we. Uri urubyaro Rwayo. Ni bangahe babizi? Murabona?

265 Noneho murebe. Ni iyihe shusho y’ubuzima buciriritse dufite? Igikeri. Ni iyihe shusho y’ubuzima bwo hejuru bubaho? Umuntu. Rwose. Ni iyihe shusho isumba izindi? Byakomeje kuza biva hasi cyane, bizamuka, kuva ku gikeri kugera kuri *ibi* na *biriya*, no ku nyoni, kugeza, no ku bindi, mw’ishusho y’ubuzima isumba izindi, kugeza bigeze kw’ishusho isumba izindi ishobora kuza, noneho byakozwe mw’ishusho y’Imana. Murahari. Kandi umugore ntiyaremwe mw’ishusho y’Imana, ahubwo yaremwe mw’ishusho y’umugabo. Murabona?

Noneho, ubu, barahari. Kandi Imana irabareba, ikavuga iti: “Yego, bagaragara—bagaragara nk’abakundwa.”

266 Ibyo byari ibiki, mwene Data? Ntibagomba gupfa. Ibyo byari ibikorwa bya mbere bya karisiyumu, potasi ya mbere, kandi ibintu byose byatangiyeye gutya. Ntabwo ari byiza? Ariko icyaha kiza kandi gihindura ishusho. Noneho, ni Imana . . . Ni iki Imana yemeye gukora? Kuki yemeye ko bisa nk’ibyo twavuzeho mu gihe gishize? Yarabyemeye kugira ngo Ishobore kwerekana ko ari Umukiza. Yarabikoze. Yararetse indwara ibaho, kugira ngo Ishobore kwerekana ko Yari Umukiza. Yararetse urupfu rubaho, kugira ngo yerekane ko ari Yo Buzima. Murareba? Yararetse ibyo bintu bibi byose bibaho, kugira ngo yerekane ko Yari nziza, icyo ni cyo Yari cyo. Tuza . . .

267 Muravuga kuririmba inkuru yo gucungurwa! Kuki, mwene Data, ubwo Yesu azaza, iri—iri Torero rizahagarara hariya ku ruhanda rw’iyi si kandi riririmba inkuru zo gucungurwa, mu gihe Abamalayika bazubika imitwe yabo, batazi ibyo tuvuga. Yemwe, ntibigeze bazimira. Ntabwo bazi ibyo twanyuzemo. Tuzi icyo bisobanura kubura no kuboneka. Yoo, dushobora kwamamaza ibisingizo bye! Ntabwo ari Umukiza kuri bo. Ntibigeze bakenera agakiza na gato. Ntiyari Umukiza kuri bo. Oya. Icyubahiro kibe icy’Imana! Ntabwo ari—Ntabwo Ari Ubuzima kuri bo. Rwose si byo. Ntibigeze bapfira mu byaha no mu bicumuro. Twariho, kandi twahinduwe bazima. Turahari. Tuzavuga iki, hamwe n’amakamba atatse ku mitwe yacu, “Yoo, uri Nyiricyubahiro. *N’ibindi-n’ibindi-byose*”? Oya, oya, oya, oya, oya. Icyubahiro ni icye! Ni byo. Murahari. Noneho tuzavuga inkuru y’uko tunesheje. Tuzagenda turushaho kubyumva neza.

268 Noneho, noneho muri byo hariya, ubwo byagenze bite? Noneho Imana yaravuze gusa iti: “Ni byiza, nshobora no kwangiza gusa potasi na karisiyumu zanjye zose. Byose byarangiritse”? Oya, oya. Yari izi ko bizagenda gutya.

Noneho, ubu, niba Umwuka Wera yarangize icyo ndi cyo, nkarya ibiryo bikajya mu mubiri wanjye, nkiyubaka ngeza ku cyo ndi cyo ubungubu. Noneho, nyamara, naremwe mw’ishusho. Ishusho yose Imana yabonye, mbere y’uko isi ishyirwaho urufatiro, ndakuze, ndagaragara. Murareba? Bituruka ku mugore, nk’uko yabivuze; ubukurikiyeho, ibyo biva ku Mana. Biza icyo gihe, biturutse ku mugore; biza iki gihe, biturutse ku mugabo. Murabona? Bije icyo gihe, biturutse kw’irari ry’ibitsina; bije ubu biturutse kw’Ijambo ry’Imana. Murabona?

269 Aho, ubu, hari ikintu gishobora kungirira nabi? Oya, mugenzi. Nta kintu na kimwe gishobora kutugirira nabi. Pawulo yaravuze ati: “Ku bw’ibintu biriho, ibintu biraza, uburwayi, urupfu; nta kintu gishobora kudutandukanya n’urukundo rw’Imana ruri muri Kristo.” Nta kintu na kimwe gishobora kudutandukanya.

²⁷⁰ Nk'uko nabivuze mu nkuru nto. Ndi hafi kugira imisatsi itanu gusa yo kogoshwa, yuzuye. Kandi nari ndimo kuwogosha hano hashize igihe gito, umugore wanjye yarambwiye ati: "Billy, uri hafi kogoshwa."

Ndavuga nti: "Ariko sinigeze ntakaza n'umwe muri yo."

Aravuga ati: "Ese yari iriho?"

²⁷¹ Ndavuga nti: "Yari iri he mbere y'uko nyibona?" Urabona? "Igihe cyose yari iriho mbere y'uko nyibona."

Noneho, hari igihe kimwe, hashize imyaka ijana, imisatsi yari itarabaho na rimwe, ariko yari iri hanze hano mu mukungugu. Ni byo? Noneho hashize imyaka igera kuri mirongo itanu, yatangiye kumera ku mutwe wanjye. Yaturutse he? Mu mukungugu. None ubu yasubiye aho yahoze. Ni byo? Ntabwo yariho, noneho izaho, none ubu ntayiraho. Ni ibiki? Ni iki cyayigize icyo iri cyo? Imana! Iriho. Yasize irange ifoto, iravuga iti: "Ubu ni bwo buryo mushakamo."

²⁷² "Yoo wa Rupfu we, urubori rwawe ruri he? Imva, intsinzi yawe iri he?" Ushobora kunshyingura umunsi umwe muri iyi uherye none. Simbizi. Ariko, mwene Data, ntabwo nzaba narapfuye. Nzabikubwira. Oya, mugenzi. Yoo!

Tuzazuka, (Haleluya!)

Tuzazuka!

Muri icyo gitondo cy'umuzuko,

Ubwo inkike z'urupfu zizamenagurika,

Tuzazuka, (Haleluya!) tuzazuka.

Nta kintu na kimwe cyambuza kuzuka. Nta madayimoni ahagije ari ikuzimu hose yambuza kuzuka. Nta hantu na hamwe hari ikintu gihagije cy'ubusabusa cyambuza kuzuka. Mfite amasezerano y'Imana. Mfite Umwuka Wera. Mfite Ubuzima bw'Imana, Ubugingo Buhoraho bw'Imana, nduhukira muri bwo hano. Iki gikanka gishaje cy'umubiri ni yo gituruka, kandi Imana yambumbye mu gitaka. Niba kandi Yo Yarambumbye mu gitaka...

²⁷³ Aho mariye kuba mukuru, ubu, igihe cyose numvise inzogera y'itorero, hari Ikintu kimvugisha, umuhungu muto muto. Umumalayika yavugiye mu gihuru, ati: "Ntuzigere unywa inzoga cyangwa unywa itabi. Ngufitiye umurimo ugomba gukora. Ntukanduze umubiri wawe, cyangwa ngo wiruke inyuma y'abagore n'ibindi bintu. Wowe, ngufitiye icyo uzakora nuba mukuru."

"Uri Inde? Uri Inde?"

²⁷⁴ "Uzamenya byinshi ku byerekeye ibyo nyuma." Nyuma y'igihe gito, hano Araje. Uko bisanzwe yibanda ku mubatizo. Ariyerekana We ubwe. We Ubwe arivugira. Arasubiza. Ndabona ahagaze uko bisanzwe, ahantu hose, kuri buri kiganza.

²⁷⁵ Ni gute ujya ku, niba yarangize icyo ndi cyo, nta guhitamo na gato...? Sinigeze nsubira inyuma ngo mvuge nti: “Noneho, Charlie Branham, urongore Ella Harvey hanyuma unkure mw’isi.” Oya, mugenzi. Sinigeze mpitamo ibyo. Imana ni yo yabikoze.

Niba kandi Yarangize icyo ndi cyo, nta guhitamo; mbese byagenda bite, igihe Umwuka Wera yanyibumbira, nuko ndavuga nti: “Yego, Mwami, Uri Umuremyi wanjye. Ndagukunda, kandi ndakwemera nk’Umukiza wanjye!” Ni gute uzangumisha mu mukungugu? Gusa ntushobora kubikora, mwene Data. Gusa ntushobora kubikora.

²⁷⁶ Imana ntiyigeze ikora igice kimwe cy’iyi kalisiyumu, cyangwa potasiyumu, cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose, cyo gufusha—ubusa. “Abo Data yampaye bose, mbere y’uko isi iremwa, bazaza aho ndi.” Ahwi! Ndumva navuza induru; mvugishije ukuri ndabikora. “Abo Data yampaye bose bazaza aho ndi, kandi nta n’umwe muri bo uzazimira, ariko nzongera mbigarure mu muzuko.” Numvise Ahamagara, iyo ngeze aho Ari. Ni gute bashobora kungumisha mu mukungugu w’isi? Kw’isi nta bantu bahagije bo kumpamba kugira ngo bankubite agafuni mu gahanga, Ntibashobora na rimwe kungumisha mu mukungugu w’isi. Umunsi umwe nzahaguruka mpagarare mu bushake Bwe, nokejwe mu Maraso Ye, nabyawe n’Umwuka We! Haleluya! Mugire amadini yose mushaka; nje nzafata Yesu. Amina!

²⁷⁷ Umukozi wo mu bwishingizi aje aho ndi. Wilmer Snyder, inshuti yanjye nziza. Aravuga ati: “Billy, ndashaka kukugurisha politiki y’ubwishingizi.”

²⁷⁸ Ndavuga nti: “Namaze kuyibona.” (Umugore wanjye yarebye hirya no hino, nk’aho yakavuze ati: “Urabeshyera iki, muhungu wanjye?”)

Aravuga ati: “Wabonye ubwishingizi?”

Ndavuga nti: “Yego mugenzi.”

Aravuga ati: “Ni iy’icyihe kigo? Ni ibiki?”

²⁷⁹ Ndavuga nti: “Ubwishingizi bw’umugisha, Yesu ni uwanjye, yewe, mbega umusogongerwa w’icyubahiro cy’Imana! Umurage w’agakiza, watanzwe n’Imana, wabyawe n’Umwuka Wayo, wogejwe mu Maraso Yayo.”

²⁸⁰ Aravuga ati: “Ni byiza, Billy, ariko ntibizagushyira mw’irimbi.”

²⁸¹ Ndavuga nti: “Bizankuramo.” Haleluya! Ntabwo mpangayikishijwe no kuhagera; ni ugusohokamo.

²⁸² Rero, mfite ubwishingizi bumbwira buti: “Nzabazana. Abo Data yampaye bose ni Abanjye.” Ntabwo nitaye ku byo data yakoze, ibyo mama yakoze, ibyo ari byo byose. “Abo Data yampaye bose bazaza aho ndi, kandi nta muntu ushobora kuza’ atari Data umwohereje.” Haleluya! Kuki Yabatoranyije?

“Nabamenye mbere y’uko isi iremwa. Igihe nasogotaga Umwana w’Intama, namusogose ndi kumwe na We.” Amina. “Nahisemo Itorero mbere.” Ni iki cyari giteganijwe mbere? Itorero. Ni gute ushobora kwinjira mw’Itorero? “Ku bw’Umwuka umwe twese twabatiye mu Mubiri umwe.” Yari abizi, mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro, ko tuzaba duhari. “Kandi abo Yamenye mbere, yarabahamagaye. Abo Yahamagaye, Yarabatsindishirije. Abo Yatsindishirije, Yamaze kubaha ubwiza.”

²⁸³ Mu Bitabo by’Imana, Yavuze ko Azansangayo neza. Nta madayimoni yose aturutse ikuzimu azabasha kubagumana ahandi hantu ahubwo azabareka baveyo, ’kuko Imana yamaze kubivuga, kandi irabikemura. Niba imyaka miriyari ijana mbere y’uko isi iremwa, inyenyeri zo mu ruturuturu zirimbira hamwe kandi abana b’Imana bavuze induru bishimye, mbere y’uko isi ishyirwaho urufatiro, reba, mbere y’uko habaho urufatiro . . . , Abamalayika nabo n’ibintu byose byishimye, bisakuza ku bijyanye n’ibyo, mbere y’uko habaho urufatiro rw’isi, ni gute satani azigera ampeza mu mukungugu w’isi? Gusa ntashobora kubikora. Uvuze ukuri.

²⁸⁴ Reka turebe, ubu. Iki ni cyo gihe cy’ukwishyira ukizana nabonye, hano. Iyi ni iminota makumyabiri irenze kuri saa tanu. Iyo ni iminota makumyabiri gusa irenze kuri saa yine. Ni byo, mwene Data Wood? Ibyo ni byo, iminota makumyabiri irenze kuri saa yine. Abantu mwese murishimye?

Yoo, ndumva nshaka kwambuka,
 Ndumva nshaka kwambuka;
 Inzu yanjye yo mw’Ijuru irarabagirana kandi
 ni nziza,
 Kandi ndumva nsa nk’aho nambuka.

Yoo, ndumva nsa nk’aho nambuka,
 Ndumva nsa nk’aho nambuka;
 Inzu yanjye yo mw’Ijuru irarabagirana kandi
 ni nziza,
 Kandi ndumva nsa nk’aho nambuka.

²⁸⁵ Mukunda indirimbo za kera nk’izo? Habayeho imwe ya kera twakundaga kuririmba, ikintu cyerekeye, “Ubuntu n’imbabazi byarambonye. Ahongaho Inyenyeri yo mu Ruturuturu yarabagiranye.” Ibyo ni ibiki, Mushiki wacu Gertie? Reka turebe. Ni gute. . . Ni ibiki, mwene Data Neville? Reba, ikintu, “Ubuntu n’imbabazi byangiriweho. Ngiyo Inyenyeri Irabagirana kandi yo mu Ruturuturu yerekana Ibye. . . ? . . . hafi yanjye.” Yoo-mbega. Yego. “Ku musaraba.” Duhe imirya turirimbe kuri ibyo, mushiki wanjye, yayindi, *Hafi y’umusaraba*. Zamuka uze hano, mwene Data Neville. Yoo, ndabikunda. Ni bangahe bakunda indirimbo za kera zahumekewe? Mushobora gusimbuka hose-hejuru-hasi mutaraka-mugaruka uko mushaka. Mpa ibi, “Hano

ni ho ubuntu n'imbabazi byansanze." Ni ko biri. Byose ni byo, ubu biraryoshye.

Yesu, nkomeza hafi y'umusaraba,
Hari Isoko y'agaciro,
Ubuntu kuri bose, isoko ikiza,
Itemba iva ku musozi wa Kaluvari.

Ku musaraba, ku musaraba,
Ba icyubahiro cyanjye iteka ryose;
Kugeza ubwo ubugingo bwanjye bwazamuwe
buzabona
Uburuhukiro hakurya y'uruzi.

²⁸⁶ [Mwene Data Branham aririmba mw'ijwi nta magambo *Hafi y'Umusaraba—Ubwanditsi.*] Yoo, mbega ukuntu ari byiza! Mubitekerezeho! Byagenda bite hatabayeho Umukiza? Byagenda bite hatabayeho iri Jambo? Byari kugenda bite iyo Ataza kubahamagara? Byari kugenda bite se iyo Ataza kubamenya mbere, kandi mwari muri hano muri ubu buruhukiro bwo kw'isi muri iri joro? Muramukunda? Yoo, mbega! Ntimwibagirwe umurimo wa mu gitondo, ubungubu, saa tatu n'igice.

Ku musaraba, ku musaraba,
Ba icyubahiro cyanjye iteka;
Kugeza ubwo ubugingo bwanjye bwazamuwe
buzabona
Uburuhukiro hakurya . . .

²⁸⁷ Noneho duhe imirya yo kuririmba mu *Cyumba Kw'Isoko*. Iyi ndirimbo nziza ya kera, "Hari icyumba kw'Isoko." Ni bangahe bayizi? "Icyumba, icyumba, yego, hari icyumba, icyumba kw'Isoko." Iyo mubikora ubungubu, mu by'ukuri mucecetse gusa bigera hejuru, ku ruhande rwanyu, kandi muhane ibiganza n'uwo mwene Data. Murabizi, hano hari icyumba cy'Abametodisite bose. Hari icyumba cy'Ababatisita. Hari icyumba cy'Abapantekote. Hari icyumba cyacu twese, kw'Isoko. Ni bangahe bazi iyi ndirimbo ya kera? Yego, murayizi. Bamwe muri mwe bo ha mbere, iyi ni indirimbo nziza, ya Kentucky yo ha mbere.

Icyumba, icyumba . . .

Muhane ibiganza.

. . . yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba Cyawe kw'Isoko;
Icyumba, icyumba, yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba cyawe kw'Isoko.

Yoo, icyumba, icyumba, hari ibyumba byinshi,
Hano hari icyumba cyawe kw'Isoko;
Yoo, icyumba, icyumba, yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba cyawe kw'Isoko.

²⁸⁸ Noneho, mfite ikintu gito gitunguranye kuri mwe. Inyigisho zose ziheruka, n'ibitabo, n'ibintu byose, bizagurishirizwa ku rundi ruhande rw'itorero, icyumweru gitaha, mu nama; kaseti n'ibintu byose, kandi byose, mu buryo bwiza bw'ubuvanganzo. Hazaba hari ameza inyuma hariya, muri kimwe mu byumba. N'ubuvanganzo, inyigisho ziheruka, hamwe na zimwe mu nyandiko nziza zasohotse mu mwimerere, mu bitabo bishya, byasohotse bushya, byose bizashyirwaho, no mu—iherezo ry'iyi nyubako, mw'ijoro ryo kuri uyu Wagatatu utaha.

Kandi dutegereje i—igihe cyiza mu Mwami. Muze, musenge, nonaha. Hanyuma, muhamagare abarwayi banyu n'abababaye, mubandikire ibaruwa. Binjire hano. Tuzabikora gusa . . . Imana izagendera mu bushobozi. Kandi tuzi ko Iza kubikora nonaha.

²⁸⁹ Noneho ubu nagiye ku bantu bose nari nzi, bafite ikintu gito. Niba hari ikintu kivuye mu nzira ubu, muribuka, Nababwiye kuva kera ko, tugiyeye kubishyiramo ingufu. Kandi nzi ko muzi ko hano hari umwuka utandukanye n'uware uhari. Murabona? Murabona? Murabona? Ni byo. Noneho, ntumukareke ngo bigende. Ndabategetse mbere ya Yesu Kristo, ntumureke ngo bigende. Mugumane na byo hano, murebe, mukomeze ibintu byose bigororotse hanyuma mugende neza. Muri abavandimwe. Ntabwo bene So cyangwa bashiki banyu bakora ikintu kibi; ni uwo mwuka wa satani winjiraye. Reba, arazenguruka. Kandi gusa mubabajwe na mwene Data cyangwa mushiki wacu, kandi mumenye ko ari Satani ubajya hagati. Niba mfite icyo mubyumvaho, mugikuramo vuba vuba, murabona, 'kubera ko kizabatera ubwoba. Yego, kizabikora. Rero, mugume kure yacyo. Mwibuke gusa.

Hari icyumba, icyumba, ibyumba byinshi,

Hari icyumba cy'Abametodisite, icyumba cy'Ababatisita, icyumba cy'Abaperesipiteriyani. Hari icyumba cy'abantu bose.

Icyumba, icyumba, yego, hari icyumba,

Hari icyumba cyawe kw'Isoko.

²⁹⁰ Ni bangahe bibuka indirimbo yacu ya kera twabuze, icyo gihe?

Fata Izina rya Yesu ubane na ryo,
Mwana wuje akababaro n'amagorwa;
Bizagutera umunezero no guhumurizwa,
Rifate ujyane na Ryo aho ugiye hose.

Nkwifurije kuguma hamwe natwe, Mwene Data Jeffreys, wowe na mushiki wacu Jeffreys, hamwe n'abahungu banyu hariya, kandi bose.

Hanyuma mu Izina rya Yesu ni mwunname,
Aguye yubanye imbere y'ibirenge bye, (Yoo,
Mana yanjye!)

Umwami w'abami wo mw'Ijuru
 tuzamwambika ikamba,
 Ubwo tuzaba dusoje urugendo.
 Fata Izina rya Yesu urikomeze,
 Rifate nk'Ingabo igukingira uyu muni;
 Yoo, ibigeragezo nibiza bigusanga,
 Uhumeke iryo Zina Ryera mu masengesho.

Yego, iryo ndarikunda. Nawe urarikunda? Iryo Zina ryiza rya Yesu! Noneho, nimureke duhaguruke nonaha, mu gihe turirimba. Ni byiza.

Fata Izina rya Yesu urikomeze,
 Umwana wuje akababaro n'amagorwa;
 Biraza gushoboka...(...?...)
 ... Mbega ukuntu biryoshye!
 Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo byo mu Ijuru;
 Izina ry'agaciro, (Yoo, Izina ry'agaciro!) Yoo
 mbega ukuntu riryoshye!
 Ibyiringiro by'isi hamwe n'ibyishimo byo mu
 Ijuru.

²⁹¹ Ibi bitandukanyeho gato noneho. Reka twunamishe imitwe gusa, kandi, bucece, reka tuzamure ikiganza kimwe, tuvuge tuti:

Mw'Izina rya Yesu turunamyeye,
 Twikubise imbere y'ibirenge Bye,
 Umwami w'abami mw'Ijuru tuzamwambika
 ikamba,
 Iyo urugendo rwacu rusojwe.
 Izina ry'agaciro, yewe mbega uburyohe!
 Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo byo mw'Ijuru;
 Ni byo, Izina ryagaciro, yewe mbega uburyohe!
 Ibyiringiro by'isi hamwe n'ibyishimo byo mu
 Ijuru.

²⁹² Hamwe n'imitwe yacu idahwema kunama...[Mwene Data Branham aririmbira mu matama *Fata Izina Rya Yesu Urikomeze—Ubwanditsi.*] 

58-0927 Ni kuki Tutari Idini?
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org